# Ubuturo Bw'Igihe Kizaza Bw'Umukwe Wo Mu Ijuru N'Umugeni Wo Ku Isi

Jeffersonville, Indiana, USA
02 Kanama 1964

1 Tugume duhagarare akanya gato, noneho, mu gihe twubitse imitima yacu imbere y'Imana.

Data wa twese wo mu Ijuru, turashimira mu by'ukuri kuba dufite amahirwe yo kuba aha uyu munsi, duteraniye mu Izina ry'Umwami Yesu. Turagusaba kubabarira ibyaha byacu, kandi nk'uko turi aha kugira ngo twite ku bintu by'Iteka no ku Bugingo buri hakurya by'ibyo dushobora gukoraho, nk'abapfa. Noneho, turagusaba kuduha ku mabwiriza yawe: uko tugomba kwitwara, ibyo tugomba gukora igihe kizaza, kandi ndetse hagati, noneho, kugira ngo tugere aho hantu twase... zeranijwe.

Hari benshi, mu gihugu, barwaye kandi bafite icyo bakennye, kandi ntibarangije urugendo rwabo. Kandi umwanzi wacu ukomeye, si umwanzi wacu gusa, ahubwo umwanzi Wawe kuri Wowe, waje kubarwanya, no kugira ngo - no kugira ngo ashyire iherezo ku buzima bwabo, no kugira ngo abohereze mu gituro mbere y'igihe cyagenwe. Kandi uyu munsi, turagusaba ku bwabo, mu mpuhwe Zawe no mu buntu Bwawe, Mwami, kongera iminsi yabo kugeza mu gihe cyashyizweho.

2 Aha, ku ruhimbi, cyangwa mpagaze, hari imiswaro n'amapaki. No muri koridoro, n'ahandi hose hakikije, hari abari kuri burankari, uburiri, barwaye kandi bafite intimba, bari mu cyumba kinini, kandi badafite urebye imbaraga zo guhagarara.

Mana Ihoraho, Uwahawe Umugisha, umva isengesho ryacu iki gitondo, ku bw'Amaraso y'Umwami Yesu; nta kureba ku gukiranirwa kwacu, ahubwo nk'abazi ko Yafashe umwanya wacu, kandi ko ari We uduhagarariye ku bw'iri sengesho. Reka buri umwe, nta kurobanuro, akire, ku bw'icyubahiro Cyawe, Mwami.

Ha umugisha iyi miswaro. Igihe bazayirambika ku barwayi, bazakire.

Kandi noneho, Data, mu gihe tutegereje umurimo uhebuje wo gukiza twizeye ko uri bukurikireho, ducire inzira y'Ubugingo, Mwami, kugira ngo ku bw'Ijambo Ryawe tumenye icyo tugomba gukora. Kuko tubisabye mu Izina rya Yesu. Amina.

3 Nk'ibisanzwe, mfata ibi nka kimwe mu mahirwe yanjye akomeye cyane, kuba mu nzu y'Imana no kuvugisha ubwoko Bwayo. Kandi nzi neza ko twegeranye cyane, kandi mfite isomo rirerire cyane. Ubwo rero ni... ni - nizeye ko - ko muri bwishime, uko mushoboye kose, kugeza turangije Ubutumwa.

4 Noneho, harashyushye, ari ko turashimira kuba dufite icyuma gihuha umuyaga. Gusa, hamwe n'itsinda rinini nk'iri, nta cyuma gitanga umuyaga cyashobora gukora uwo murimo, murebe, kubera ko umubiri wanyu ubwawo ari imoteli ifite hafi dogeri mirongo icyenda n'umunani, itanga ubudahagarara ubushyuhe, no kuba twegeranye. Ariko mfi - mfite ibyiringiro ko Imana iri butume mwiyumva neza uko Ibishoboye.

5 Kandi igihe turimo, twubaka amateraniro nk'iri, si - sinatuma muza aha, na rimwe mu buzima, mbaye ntatekereza ko byababafasha, mbaye ntatekereza ko byababagirira neza, kandi ko muzabigiramo inyungu, kuza. Noneho nyuma, tuzi kandi ko nta gihe tugisigaranye cyinshi ngo tubikore, ko tu - tugeze ku - ku masaha yose ya nyuma, kandi nda - ndashaka gukora ibyo nshoboye byose kugira ngo buri mwanya ugire agaciro ku Bwami Bwayo. Kandi noneho, mfite ibyiringiro ko Umwami Mana iza kuduha umugisha, mu gihe duteranye.

6 Kandi nashakaga kubabwira ko ejo hashize, nk'uko nagiye ahantu henshi hatandukanye, nagiye kureba bamwe mu barwayi n'abafite intimba muri za moteli, nagize umwanya wo guhura na bamwe mu bacungamutungo iki cyumweru, ba zimwe muri resitora. Nk'urugero, nari muri Ranch House, hafi y'aha, iki cyumweru, kandi umucungamutungo yankoze mu kiganza dusohoka. Noneho yaravuze ati, yarampamagaye ati: "Mwene Data Branhamu". Nibajije uko yari anzi. Noneho yaravuze ati...

Naravuze nti: "Muri umucungamutungo?"

Yaravuze ati: "Ndi nyirayo." Noneho nyuma, yaravuze ati: "Yego, abantu b'iwanyu baza kurira aha, b'aho hakurya." Yaravuze ati: "Ba... "

Noneho naravuze nti: "Noneho, ndatekereza ko bababangamira."

Yaravuze ati: "Mugabo, ni bamwe mu matsinda y'abantu beza cyane nigeze mbona." Yaravuze ati: "Ni beza rwose."

7 Nagiye kuri moteli imwe ejo, kureba umudamu ukiri muto nashakaga kuvugisha, se na nyina bari bahari, kandi nagombye kujya kureba umucungamutungo kugira ngo menye aho - mote-... mu cyumba bari barimo.

Yaravuze ati: "Ubwo rero, muri Mwene Data Branhamu?" Ibyo, ni hariya, muri Oaks.

Noneho naravuze nti: "Yego mugabo."

Yaravuze ati: "Ndashaka kubafata ikiganza." Yaravuze ati... Yanyeretse umugore we; umuryango mwiza cyane. Baravuze bati: "Abantu bose bari muri moteli, aha, baza mu materaniro yanyu. Twayibitse ku bwabo." Yaravuze ati: "Abandi bakiriya bose, twarabanze."

Noneho naravuze nti: "Noneho, ndabibashimiye."

Kandi naravuze nti: "Mwene Data Branhamu, rimwe mu matsinda y'abantu beza cyane nigeze mbona, ni abantu baza aha, baza mu materaniro yanyu."

8 Ejo hashize nimugoroba, nagiye kuri umwe mu nshuti zanjye, M. Becker, aho, kandi namye nkunda sanduwici ze. Ni cyane... We, namumenye igihe nari umuhungu; muzi igihe cyose. Hari umuryango wicaye aho, waruturutse mu - mu ishuli rya kera, aho, muri hoteli Riverside, aho. Ubwo ba... M. Becker yarambwiye ati: "Billy?"

Naravuze nti: "Bigenze gute, Homer?" Turaziranye neza cyane. Yaravuze ati: "Ntekera abantu bose b'iwawe, aho."

Bari muri magana abiri, hafi, buri cyumweru, barira muri Blue Boar. Kandi ahantu hose njya, numva bavuga ukuntu muri beza.

Uwo muhungu, yaravugaga ati: "Aho muri - muri Riverview, aho," yaravugaga ati, haruzuye, hari abantu gusa baza mu iteraniro." Yaravuze ati: "Hazaba hari amajana atazabona umwanya."

9 Ni ukuvuga ngo, tumeze gutya, ku bwanjye, muri umunyu w'isi. Nda - ndashimira cyane kumenya ko mfite amahirwe yo kubwiriza abantu ndetse abanyabyaha n'abantu... Simvuga ko abo bantu ari abanyabyaha, ariko ndashaka kuvuga abantu, mu bucuruzi, n'ibindi byose, bashobora kuvuga ko muri beza, kandi bishimiye kubagira mu kigo cyabo, iwabo. Murazi, ni ibi kuba umunyu. Biranshimisha, imyitwarire yanyu, uburyo bwanyu bwo kwita ku bintu.

Nakunze kuvuga nti: "Hagize uza, kandi akaba ada, adafite amafaranga kugira ngo yishyure fagitire ye, mugomba kumpamagara gusa." Murabona? Naravuze nti: "Tuzakora ikintu runaka kuri ibyo." Kandi naravuze nti: "Mujye mubaha ibyo kurya buri munsi, bafite amafaranga cyangwa batayafite." Murabona, gukora ibyo dushoboye byose.

Ku bwanjye, muri abana banjye. Muri - muri inyenyeri na... Wenda ngize imwe igihe nzahagera, muzaba uwo mutako wa zahabu, igice gicana cyane cya - cy'ikamba ry'ubukozi bwanjye. Igihe azambikwa ikamba, ni mwe muzaba uwo mutako wa zahabu.

10 Kandi nababwiye, igihe cyashize, Ibimenyetso Birindwi, Ibisekuru by'Itorero, n'ibintu bya - byabaye.

Kandi noneho, iki gitondo, mfite insanganyamatsiko ifite akamaro cyane. Ku bwanjye, ni yo yazanye imigisha myinshi. Nizeye ko izabagenzereza kimwe. Niba gusa nashobora kuyitanga mu gusigwa nayakiriyemo, byaba bihebuje, ariko ni Imana igomba kubikora.

11 Nababwiye aho byaturutse n'ibyabaye, kandi turabona ibyo bintu byose biba.

Noneho, iki gitondo, ndababwira ku: Ubuturo bw'igihe kizaza bw'Umukwe wo mu Ijuru n'Umugeni wo ku isi, aho bazaba. Kandi, mu by'ukuri, nizeye ko ku bw'ubuntu bw'Imana, twese turi igice cy'ubu butunzi bukomeye bw'Imana.

12 Kandi noneho, ni - nizeye ko muri bwihanganane na njye, mugafata Bibiliya zanyu, n'ikaramu zanyu, cyangwa ibyo mukora, kugira ngo musome hamwe na njye, kubera ko ndibwifashishe imirongo y'Ibyanditswe myinshi. Ndibugerageze kurangiza kare cyane kugira ngo nshobore gusengera abarwayi; kandi ibi, narababisezeranyije. Mwarasenze, ibi bihe bya nyuma, mu byumba, kandi n'aho, ku batagifite urebye ubufasha na buke n'ibyiringiro na bike.

Kandi, niba Umwami abishaka, nzakora bidasubirwaho irindi teraniro itariki cumi n'esheshatu, wenda nta kindi tuzakora uretse gusengera abarwayi.

13 Noneho ntangiye ibiruhuko byanjye. Kuva ukwezi kwa mbere guheruka, nabaye mu ngendo, noneho ngarutse aha. Ngiye... Nzazana umuryango wanjye i Tucson ejo mu gitondo, noneho nyuma nzagaruka mare umwanya aha i Kentucky, hamwe na zimwe mu nshuti zanjye, mu guhiga, kandi, guhiga inkima, mu byumweru runaka, cyangwa wenda iminsi irindwi cyangwa umunani, icumi, uko byagenda kose, keretse Umwami antwaye ahandi. Simbizi rwose, neza, aho nzaba ndi; ibi ntitujya tubimenya na rimwe, kubera ko biri mu biganza by'Imana, by'Imana yonyine.

14 Noneho, ku bw'iyi nsanganyamatsiko ikomeye, tu - tu... Ndibaza ko, mfashe igihe cyanjye ku bw'ibi,

nk'uko hari ibintu byinshi byo gushyiramo, byafata ibyumweru. Ariko nanditse imirongo runaka y'Ibyanditswe, imirongo runaka, neza kugira ngo nkore ku bintu by'ingenzi, kugira ngo mushobore kwiga.

Kandi mu kanya gato, wenda, niba Umwami abishaka, mu kwakira, sinzi ngo ni ryari, ariko igihe Izabyemera, nifuzaga gufata iminsi runaka - runaka, hamwe n'amateraniro igihe cyose, ku gice cya 12 cy'Ibyahishuwe, kugira ngo tubihuze n'ibi. Yoo, nizeye ko byaba bihebuje. Neza rwose. Byaba bihebuje kubona ukuntu Yakoze.

15 Noneho nyuma, iyo duteranye, noneho, navugaga, ejo nimugoroba, naravugaga nti: "Murazi, ninge... " Mu gitondo, nk'ibisanzwe buri gitondo, ndibwira nti: "Ningera aha, nzasuhuza buri imwe mu nshuti zanjye ziri hariya." Ariko, ni gute nashobora kubikora?

Kugira aha, hamwe na njye, nk'urugero inshuti yanjye ikomeye, dogiteri Lee Vayle, wicaye aha, umugore we mwiza n'umukobwa we. Na Mwene Data Roy Borders, kandi, ndatekereza, Mwene Data Ruddell, Mwene Data Beeler, na Mwene Data Palmer, na Mwene Data Jackson. Kandi, yoo! yo yo! be - be... Aba bene Data bakomeye baturuka ahantu hose! Mwene Data Anthony Milano, kandi, yoo, aho tureba, turabona undi mwene Data! Wa hariya muri Arkansas, izina ryabo rirancitse; Mwene Data John, Mwene Data Earl Martin, na Mwene Data Blair. Kandi, yoo, hari mu by'ukuri... ntitwa... Ntitwabirangiza, murabona. Mfite amahirwe cyane kugira itsinda nk'iri riteraniye impande zanjye igihe nigisha Ijambo ry'Imana, abantu ntekereza ko ari abantu b'intwari, abantu b'ukuri b'Imana.

16 Ndashimira iki Gicaniro gito. Ndashimira inzugi zacyo eshanu zifunguriye abantu. Buri rugi... Dufite abadiyakoni batanu aha, abantu buzuye Umwuka; abayobozi bane, abantu buzuye Umwuka. Hari babiri kuri buri rugi. Hari urugi rurimo ebyiri imbere, ku bashumba babiri, abungeri.

Dufite amahirwe kubagira; turabishimira Imana. Ibahe umugishe ubuzira herezo.

17 Noneho, turashaka guhaguruka akanya gato, mu gihe dusoma muri II Petero, igice cya 3, kandi ndetse no mu Gitabo cy'Ibyahishuwe 21.

Mu gihe duhagaze, o Mwami, uzuza imitima yacu ibyishimo ku bwo gusoma Ijambo Ryawe, kuko tuzi ko Yesu yavuze ko "Ijuru n'isi bizashira, ariko Amagambo Yanjye ntazatsindwa na rimwe". Tuzi na none ko Yavuze ati: "Icyanditswe cyose kigomba gusohora." Kandi, mu gihe turi busome ibyo byose, dushobore kwakira Iwawe gusobanukirwa kw'igihe turimo. Tubisabye mu Izina rya Yesu, Umwanditsi w'Igitabo. Amina.

18 II Petero 3.

Bakundwa, uru ni rwo rwandiko rwa kabiri mbandikiye. Muri izo zombi imigambi yanjye yari iyo gukangura imitima yanyu itarimo uburiganya, mbibutsa kugira ngo mwibuke amagambo yavuzwe kera n'abahanuzi bera, mwibuke n'itegeko ry'Umwami ari we Mukiza mwabwiwe n'intumwa zabatumweho. Mubanza kumenya iki, yuko mu minsi y'imperuka hazaza abakobanyi bakobana, bakurikiza irari ryabo, babaza bati: Isezerano ryo kuza kwe riri he?... (Niba bidahura n'uyu mugore w'umuhemu!)... kandi, uhereye aho ba sogokuruza basinziririye, byose bihora uko byahoze, uhereye ku kuremwa kw'isi. Nuko biyibagiza nkana yuko ijuru ryahozeho uhereye kera kose, n'isi yakuwe mu mazi ikazengurukwa nayo ku bw'Ijambo ry'Imana, ari byo byatumye isi ya kera irengwaho n'amazi ikarimbuka. Ariko ijuru n'isi bya none, iryo Jambo ni ryo na none ryabibikiye umuriro uzatera ku munsi w'amateka, urimbura abatubaha Imana. Ariko bakundwa, iri Jambo rimwe ntirikabasobe, yuko ku Mwami Imana umunsi umwe ari nk'imyaka igihumbi, n'imyaka igihumbi, ari nk'umunsi umwe. Umwami Imana ntitinza isezerano Ryayo, nk'uko bamwe batekereza yuko iritinza. Ahubwo itwihanganira idashaka ko hagira n'umwe urimbuka, ahubwo ishaka ko bose bihana. Ariko umunsi w'Umwami wacu uzaza nk'umujura, ubwo ijuru rizavaho hakaba n'umuriri ukomeye, maze iby'ishingiro, ibyo byose biremeshwa bikayengeshwa no gushya cyane, isi n'imirimo iyirimo bigashira. Nuko ubwo ibyo byose bizayenga bityo, yemwe uko dukwiriye kuba abantu bera, kandi twubaha Imana mu ngeso zacu, twebwe abategereza tugatebutsa umunsi w'Imana uzatuma ijuru rigurumana rikayenga, kandi iby'ishingiro, ibyo byose biremeshwa bigashongeshwa no gushya cyane! Kandi nk'uko yasezeranije dutegereje ijuru rishya n'isi nshya, ibyo gukiranuka kuzabamo. Ni cyo gituma bakundwa, ubwo mutegereje ibyo, mukwiriye kugira umwete wo kuzasangwa mu mahoro, mutagira ikizinga, mutariho umugayo mu maso ye. Mumenye yuko kwihangana k'Umwami wacu ari agakiza, nk'uko mwene Data ukundwa Pawulo yabandikiye abwirijwe n'ubwenge yahawe, ndetse no mu nzandiko ze zose yavuze ibyerekeye ibyo. Icyakora zirimo bimwe biruhije gusobanukirwa, ibyo abaswa bahindagurika bagoreka, nk'uko bagira Ibyanditswe bindi bakizanira kurimbuka. Nuko rero bakundwa, ubwo muburiwe hakiri kare, mwirinde mutayobywa n'uburiganya bw'abanyabyaha mukareka gushikama kwanyu. Ahubwo mukurire mu buntu bw'Imana no kumenya Yesu Krisitu Umwami wacu n'Umukiza. Icyubahiro kibe icye none n'iteka ryose! Amina!

19 Noneho, mu bya - Ibyahishuwe bya Krisitu, mu gice 21, ndasoma ibi Byanditswe:

Mbona ijuru rishya n'isi nshya; kuko ijuru rya mbere n'isi ya mbere byari byashize, n'inyanja yari

itakiriho. Kandi njyewe, Yohana, mbona ururembo rwera Yerusalemu nshya rumanuka ruva mu ijuru ku Mana, rwateguwe nk'uko umugeni arimbishirizwa umugabo we. Numva ijwi rirenga rivuye kuri ya ntebe rivuga riti: Dore ihema ry'Imana riri hamwe n'abantu kandi izaturana na bo, na bo bazaba abantu bayo kandi Imana ubwayo izabana na bo ibe Imana yabo. Izabahanagura amarira yose ku maso yabo kandi urupfu ntiruzabaho ukundi, kandi umuborogo cyangwa gutaka cyangwa kuribwa ntibizabaho ukundi kuko ibya mbere bishize. Iyicara kuri ya ntebe iravuga iti: Dore byose ndabihindura bishya. Kandi iti: Andika kuko ayo magambo ari ayo kwizerwa n'ay'ukuri. Kandi iti: Birarangiye. Ni jye Alufa na Omega, Itangiriro n'iherezo. Ufite inyota nzamuhera ubuntu kunywa ku isiko y'amazi y'ubugingo. Unesha azaragwa byose, nanjye nzaba Imana ye na we abe umwana wanjye.

Dusenge na none.

20 Mwami Yesu, hamwe n'isezerano nk'iryo n'imbwirwaruhame ikomeye, Yesu Ubwe n'intumwa baduhaye ku bijyanye n'igihe twegereje. Duhe, o Mwami, ku buyobozi Bwawe, kugira ngo tumenye uko tubivugaho mu buryo bwiza. Mu by'ukuri, riraje, turabizi. Ibyanditswe bigomba gusohora, kandi ni ko bizagenda. Kandi noneho, Mwami, turasaba na none ko impuhwe Zawe ziba kuri twe twese, mu gihe tugiye kwiga Ijambo Ryawe. Duherekeze kandi uridufungurire, Mwami, kuko tubisabye mu Izina rya Yesu. Amina.

Mushobora kwicara.

21 Noneho, ndibaza niba hataba uburyo, wenda, twazimya amatara yo mu cyumba k'ibanze, noneho bakareka gusa amatara yo ku ruhimbi, aha, byaba nta gushidikanya byiza kurushaho, byagabanya umuriro muke. Twagombye gucana icyuma kigabanya umuriro, wa mugoroba. Ubwo rero niba umuzamu abishaka neza kubidukorera, twashakaga ko amatara y'imbere azimywa. Kandi ndatekereza ko muri bugire urumuri ruhagije kugira ngo mubone, munandike.

22 Noneho, insanganyamatsiko yanjye, kugira ngo nongere nyivuge, turatangira i - insanganyamatsiko ya: Ubuturo bw'igihe kizaza bw'Umukwe wo mu Ijuru n'Umugeni wo kuisi. Noneho, nk'uko hari... Ndibugombe kubikora. Harashyushye cyane rwose aha ku ruhimbi, murabona. Yego mugabo. Nk'uko tu... Nzi ko umugore wanjye adakunda ko mbikora; ariko, reka nkuremo ikote ryanjye. Harashyushye rwose cyane aha ku ruhimbi. Murabona, aho mufite umwuka, mu gihe aha, hari ukwaho, harihariye, murabona. noneho,

23 mu gihe kizaza, cyangwa... igihe cyashize, cyangwa ahubwo, twize Ibimenyetso Birindwi, Amatorero Arindwi. Mwene Data Vayle n'abandi barimo gukora aho hejuru ubu, mu budahemuka, kugira ngo babishyire mu buryo bw'ibitabo.

24 Kandi mu gihe tubona ibi bintu byose by'ubwiro twabonye bisohora, ndatekereza ko nyuma yo kubyumva, mu gihe turimo, n'umwanya; nta muntu, uko byaba bimeze kose witeguye kwicara mu kuri kose no gusuzuma icyavuzweho, n'ibyasezeranijwe, bigomba kuba, n'ibyabaye, udashobora kuvuga ko ibi bintu byabaye. Murabona? Neza ibyo Imana Yavuze ko Yakora, Yabikoze uko Yabivuze, neza. Murabona?

25 Noneho, ndatekereza ko, mu gihe bigaragara ko tutazi igihe Umwami Yesu azazira, natekereje ko byaba byiza, biragaragara ko biryoheye Umwuka Wera ko twabivuga, ni ukuvuga ko; kandi birashoboka ko twagaruka aho hejuru, inshuro ebyiri cyangwa eshatu, kubera ko ntazagira rwose igihe gihagije ngo mbizane byose.

Ni nk'iyo dufashe i - insanganyamatsiko ishobora wenda gusitaza gake umuntu runaka, ntidushobore kuyivuga ngo tuyirangize mu buryo bwuzuye kandi tuyigaragaze neza, noneho nyuma, twongera gufata insanganyamatsiko ikurikira.

Ubwo rero nyuma cyane mu, ku i... niba Umwami abishaka, tuzinjira mu cya cumi na kabiri, ibimenyetso, cyangwa ntitwinjiremo... Mumbabarire. Igice cya cumi na kabiri cy'Ibyahishuwe, kiri hagati yo Kuza k'Umwami n'iherezo ry'Impanda, kandi ndetse n'ibindi. Tuzagerageza kubigarura byose, kwerekana uwo Satani ari we, n'icyo yakoze, aho yavuye, intego ye, no kuntu ubwiza bwe bukomeye yahawe bwateje kugwa kwe. N'ubushukanyi bwe bwateje kugwa kwe; ubwiza.

26 Nyuma, ni gute bidashoboka ku muntu wese ushaka kubifata nk'uko bikwiye, u "urubyaro" rw'inzoka. Aho, nzahamagara umuntu wese, murabona, washaka kubifata, hamwe - hamwe gusa n'ukuri guke runaka. Umwana ashobora kubibona. Murabona? Noneho, tuzabizaho nyuma cyane.

27 Noneho, turumva aha ko iyi mirongo ibiri y'Ibyanditswe... Impamvu nasomye muri II Petero, mu gice cya 3, kandi nkaba nabigereranyije n'Ibyahishuwe 21, nuko byombi, aho, bivuga ku kintu kimwe, gusa Yohana rwose ntiyabya - ntiyabyanditse Nk'uko Petero yabikoze. Murabona? Turumva ko iyi Nzu ihebuje y'Umugeni igomba kuba aha ku isi.

Kandi noneho, nimusoma, nk'igice cya 21, ku gice 21 cy'Ibyahishuwe, intumwa yavuze aha, cyangwa umuhanuzi yaravuze ati: "Mbona Ijuru Rishya n'Isi Nshya." Twavuga ko hari ugukurwaho burundu.

28 Noneho, uburyo mbona Ubutumwa bwanjye, ni buri gihe n'isengesho. Naricaye, ndi gusenga, noneho mpishurirwa ikintu. Kandi ntegereza iminota runaka kugira ngo ndebe ko ari ukuri, ubwo rero, mbyumva byegereye cyane. Kandi, inshuro nyinshi, nkomeza gutegereza kugeza igihe bihindukiye iyerekwa. Ariko iyo bitangiye kuza, kandi nkaba nemera ko bivuye ku Mana, ubwo noneho mfata Ibyanditswe. Murabona, ni, byakagombye kuba gihamya y'ikintu cyose cy'umwuka gikorwa, kubera ko Bibiliya ni uguhishurirwa kuzuye kwa Yesu Krisitu; murabona, Ni Umubiri We.

Kandi noneho, mu gukora ibi, birashoboka ko nabona umurongo w'Ibyanditswe utari wo neza, noneho nibaza ibibazo. Ndongera nkasenga. Bikagaruka. Ubwo rero nta - ubwo rero ntangira gu - gusuzuma umurongo wanjye w'Ibyanditswe.

29 Nyamara, Bibiliya yacu yanditse mu cyongereza, n'amagambo y'icyongereza ahinduka igihe cyose. Nk'urugero, nka Yohana 14, havuga hati: "Hari ubuturo bwinshi mu Nzu ya Data", ubuturo mu nzu. Noneho, ubwo tu, uwo mwanya, icyo dukora, n'ukongera gufata u - umwimerere kugira ngo turebe icyo Yakobo yashakaga kuvuga, cyangwa tukongera tugafata igiheburayo cyangwa ikigiriki, cy'ubuhinduzi bwa mbere. Noneho aho, haravuga hati: "Hari ingoro nyinshi mu bwami bwa Data." Noneho, mugarutse mu gihe abasemuzi basemuriye umwami Yakobo, mu cyongereza, ubwami bwitwaga "inzu", kandi umwami yari data hejuru y'intumwa ze. Ni yo mpamvu basobanuye bati: "Hari ubuturo bwinshi mu nzu ya Data." Murabona? Ni ukuvuga ko mugwa kuri ayo magambo kandi mugomba gukora ubushakashatsi.

30 Ubwo rero, murabona, kuri uku gusigwa... Uru ruhimbi iki gitondo, navuga, nta nshuro n'imwe byabaye ikindi kintu uretse Ibyanditswe, nta kindi. Ni gutya Urubyaro rw'Inzoka n'ibyo bintu bindi byose byaje. Murabona? Na...

Kandi, ni, mu by'ukuri, umuntu yishimiye gusoma avuga ati: "Hari ubuturo bwinshi mu nzu ya Data", mudahagaze ngo mwige, ngo musenge, mwayoba rwose. Murabona? Ariko mukomeze gusa gusenga. Imana irabitunganya buri gihe, iyo bivuye ku Mana.

31 Noneho, Yohana arasobanura impinduka kandi uku-... uko biza... Cyangwa ahubwo ntabisobanura, ahubwo ni Petero ubusobanura. Yohana yaravuze gusa ati: "Mbona Ijuru Rishya n'Isi Nshya; ijuru rya mbere n'isi ya mbere byari byashize. Ntihari hakiri inyanja. Njyewe Yohana, mbona Umugi wera umanuka mu Ijuru, imbere y'Imana, uteguwe nk'Umugeni wirimbishije ku bw'Umukwe We." Ariko noneho, tugarutse kuri Petero II kugira ngo turebe, Petero arasobanuro ukuntu byose bizagenda. Noneho, nimureba ibyo Yohana yavuze, biragaragara ko: "Kuko ijuru rya mbere n'isi ya mbere byari byashize", byakuweho burundu. Murabona, ubwo rero, ntibisanzwe rwose. Kandi ni icyo cyantangaje, ubwo noneho, natangiye gushaka ijambo "gushira". Kandi, noneho, ariko biragaragara ko bombi, intumwa n'umuhanuzi, bavugaga ikintu kimwe.

32 Noneho, kandi, mu Gitabo cya Yesaya, noneho, kuri mwe mushaka kwandika iyi mirongo y'Ibyanditswe, muri Yesaya 65:17. Yesaya aravuga ku Kinyagihumbi, kuri iyo myaka igihumbi y'ikiruhuko ku - ku bwoko bw'Imana. Yesaya yarabivuze, kandi yaravuze ati: "Na... Hari i... Ibintu byose bya kera byari byashize", kandi bubakaga inzu, kandi bakazituramo. Iyo tuza kugira igihe... Wenda turi bufate igihe neza, kandi - kandi dusome akanya gato neza, Yesaya 65, noneho dusome, aho, mu minota runaka. Ni aho, neza, ku bwacu. Noneho, kugira ngo dutangire, Yesaya 65:17.

Dore ndarema ijuru rishya n'isi nshya...

Noneho, Yesaya, umuhanuzi, yabaye umwe mu bahanuzi wanditse agaragaza neza cyane Bibiliya yose mu buhanuzi bwe. Atangirana n'iremwa; hagati mu Gitabo cye, ugana ku gice cya 40, dore Yohana Mubatiza uje, Isezerano Rishya; kandi birangirira aha, mu Gitabo cye, mu Byahishuwe, mu Kinyagihumbi. Hari ibitabo mirongo itandatu na bitandatu muri Bibiliya, kandi hari ibice mirongo itandatu na bitandatu muri Yesaya. Yanditse ibisobanuro byuzuye.

Noneho, turabona ko biri ku gice cya 65, hasigaye igice kimwe, kandi aravuga ku Kinyagihumbi. Murebe, ukuntu ari byiza.

... kuko nzarema ijuru rishya na... isi nshya; ibya kera ntibizibukwa kandi ntibizatekerezwa. (ibi ni byo "gushira".) Ahubwo nimunezerwe mujye - mujye... mwishimira ibyo ndema; kuko ndema i Yerusalemu ngo mpagire ibyishimo, nkarema abantu baho bakaba umunezero. Nzanezererwa i Yerusalemu nishimire abantu banjye, kandi ijwi ryo kurira ntirizahumvikana ukundi, kuko... n'ijwi ry'imiborogo. Ntihazongera kubamo... abana na... abasaza batazashyitsa imyaka yabo; kuko umwana azapfira imyaka ijana, ariko umunyabyaha azavumwa, apfe atamaze imyaka ijana. Ubwo rero...

Bazubaka amazu bayabemo, kandi bazatera inzabibu, barye imbuto zazo.

Ntibazubaka amazu ngo abandi bayabemo, (ni ukuvuga ikiraro cyanyu, umuhungu wanyu aba umuragwa wa byo, cyangwa umwe mu bazaragwa ibyanyu)... ntibazatera inzabibu ngo ziribwe n'abandi; (batera ku bwabo kandi baguma aho; bafite Ubugingo Buhoraho)... kuko bazamara imyaka nk'ibiti, kandi ibyi... byanjye abatoni banjye bazashyira kera bishimire imirimo y'intoki zabo.

Ntibazaruhira ubusa, kandi ntibazabyara abana bo kubona amakuba, kuko bazaba ari urubyaro rw'abahawe umugisha n'Uwiteka, hamwe n'abazabakomokaho.

Noneho, murebe, dore ibyo nshaka kugeraho, mu mwanya.

Maze ubwo bazaba batarantabaza nzabatabara, kandi bakivuga nzumva.

Isega n'umwana w'intama bizarishanya, intare zizarisha ubwatsi nk'inka... umukungugu ni wo uzaba ibyokurya by'inzoka. Ntibizaryana kandi ntibizarimbura hose ku musozi wanjye wera, ni ko Uwiteka avuga.

33 Mbega isezerano, ry'aba bahanuzi n'aba banyabwenge bakomeye, aba bigisha ba Bibiliya, hashize igihe kirekire, mu minsi ya kera, babonye uwo Munsi uhebuje uza!

Tugendeye kuri iyi mirongo, umuntu yashobora gutekereza, cyangwa akajyanwa ku kwizera ko umububumbe wose, iyi si, izarimburwa." Nzarema Ijuru Rishya n'Isi Nshya," murabona, ko ijuru rizashira n'isi izashira, bikurweho neza. Ariko mukubisuzumira hafi, hamwe no gufashwa n'Umwuka Wera, dushobora kubona Ukuri kuri iyi nsanganyamatsiko; ni byo tugiye kwiga.

34 Ni ikirere gusa kibikikije, n'icyaha kiri ku isi bizarimburwa. Murabona? Noneho, turumva ko ijuru, bishatse kuvuga "ikirere cyo hejuru".

35 Bikora iki? Bikora ko ubwo, ibi byose, iyo mishubi, n'indwara, n'urupfu, na politike, n'abanyabyaha, n'abanyabyaha kazi, n'imyuka mibi, ibi byose bizashira, bizakurwaho. Murabona? Ni gutya bigomba kuba, ubwo tuzaba aha ndetse. Turi bubihamishe Bibiliya. Ni aha ndetse tuzaba. Noneho, murebe, imishubi, mikorobe, indwara zose n'ibindi, bizakurwaho burundu. Ibi byose, uku kubaho kuri ku isi ubu, imikorere yakozwe n'ikiganza cy'umuntu, politike, icyaha, ubwoko bwose bw'imyuka mibi isi yanduye, n'juru ryose hejuru yacu aha byandujwe n'imyuka mibi. Noneho, tugiye kubibona mu burebure no mu bugari, murabona.

Ibi byose, bibaho mu ijuru, cyangwa ikirere, n'isi biriho ubu. Iyi si ifite ibyo bintu ubu, ariko si muri iyo ntego yaremwe. Ni icyaha cyayihinduye gutya. Murabona? Yaremwe n'Imana, Umuremyi. Ariko byose...

Kandi imibiri yacu yose, tubamo ubu, yashyizwe ku isi igihe Imana yayiremaga, kubera ko muturuka mu mukungugu w'isi. Byase byashyizwe, aha. Igihe Imana Ubwayo yayiremaga, mwari mu gitekerezo Cyayo. Kandi muri We, Uwiteka Ukomeye, hari igitekerezo, ari cyo kimugaragaza.

Kandi noneho, ni ku bw'icyaha ibi byose byabaye. Kandi Imana, muri iki gisekuru, iregeranya ibikoresho Byayo.

36 Satani aracyari aha. Ni ku bw'ibi ibi bintu byose biba. Aracyari aha, kandi imbaraga ze zose z'ikibi ziracyari aha. Murebe, ni ku bw'ibi ubu, isi yanduye cyane. Ni ku bw'ibi hari umwanda wose n'ibintu by'ubugoryi biba; amaraso atemba, intambara, politike, icyaha, ubusambanyi, ubwoko bwose bw'ubwando buba; ni ukubera ko ari Satani uyobora iyi si n'iki kirere.

Muravuga muti: "Ikire-... ?"

Yego mugabo!

37 Ijuru kimwe n'isi ubu byandujwe n'amadayimoni ashobora kuturega imbere y'Imana. Yesu arahari kugira ngo atuvuganire. Yego. Murabona? Mu gihe abarezi badahagarara gutunga urutoki, "bakoze ibi, bakoze ibi, bakoze ibi", ariko Amaraso aratwikira buri munsi. Yaje gucungura iyi Ntore yabonye mbere. Ni ku bw'ibi byanduye cyane uyu munsi.

38 Aha, intumwa, muri Petero II, aha, igice cya 2, no ku mirongo ya 5 na... n'imirongo ya 5 na 6. Yego, ndabifite. Aravuga ku bice bitatu by'isi. Murabona, a - afatamo ibice bitatu. Murebe ukuntu abizana.

"Isi ya kera yakuwe mu mazi", noneho, ibi, yari isi yabayeho imbere y'umwuzure.

Noneho, iriho, isi y'iki gihe turimo ubu, yayise "isi".

"Isi ya kera yakuwe mu mazi", Itangiriro 1:1. Noneho, n'"isi", iriho ubu. Noneho nyuma, aravuga kandi ku yindi, "isi y'igihe kizaza", Isi Nshya. Isi eshatu; ibice bitatu by'isi.

39 Noneho murebe ukuntu Imana itwereka neza gahunda Yayo yo gucungura. Yoo, byujuje mu by'ukuri umutima wanjye ibyishimo, igihe nayibonaga, ukuntu itwereka neza gahunda Yayo yo gucungura, aho. Noneho, tugereranye ibyo tubona n'amaso yacu bwite. Icyo Imana yakoze kugira ngo icungure isi Yayo, Yakoze gahunda imwe kugira ngo icungure ubwoko Bwayo, kuko Imana idahinduka ntihindura n'imwe muri gahunda Zayo, cyangwa ikintu icyo ari cyo cyose. Ni ikintu gihebuje cyane!

40 Uko Yatuyoboye kuri Yo, ku gicaniro muri twe, binyuze mu bice bitatu by'ubuntu; kimwe neza nk'uko Yayoboye isi mu bice bitatu, kugira ngo ize mu isi. Nk'uko Imana izaza mu isi nyuma yuko iyi izaba

yaranyuze mu bice bitatu bitandukanye by'ubuntu. Nabyigishaga mu ntangiriro; sinigeze na rimwe mpinduka kuva icyo gihe. Ni Ijambo ry'Imana.

41 Mugomba kurinda bitatu byanyu hamwe, birindwi byanyu, cumi na bibiri byanyu. Abanyamuryango ba Bibiliya bagomba gufatanya mu buryo bwuzuye, niba atari ibyo imbonerahamwe yanyu izivanga yose. Niba mudashobora kubyumva, mugomba gusa gukomeza gusenga. Muzabona, bizajya ku murongo neza, neza rwose. Imana yuzura muri bitatu. Murabona?

42 Murebe, "Isi ya kera", ya mbere y'umwuzure; "isi" iriho uyu munsi; n'Izaza.

Noneho, igice cya mbere Itujyanaho... Murabona, Gahunda Yayo yo gucungura ni imwe neza mu bintu byose. Ikoresha uburyo bumwe. Ntihinduka na rimwe. Yaravuze iti, muri Malaki 3: "Ndi Imana, kandi Simpinduka." Uburyo Ibikora, ni ukuvuga ngo, niba Yarakijije umuntu wa mbere Yigeze ikiza, n'Amaraso yamenetse y'Inzirakarengane, Izagomba gukiza ukurikiyeho; kandi bigomba kusaza ku bo Izacungura bose.

Niba, mu gihe runaka, Yarakijije umuntu mu gihe cy'urugendo rw'ubuzima; byaba mu minsi ya Yesu, intumwa, abahanuzi, igihe icyo ari cyo cyose; igihe ibyangombwa bimwe byuzuye, Igomba kongera kubikora. Ni byo. Ntihinduka. Umuntu arahinduka, igihe kirahinduka, igisekuru kirahinduka, kugabura birahinduka, ariko Imana ihora ari imwe. Iruzuye. Mbega ibyiringiro byakagombye guha abarwayi!

43 Niba Yarigeze ikiza umuntu runaka, Igomba kongera kubikora igihe ibyangombwa bisa byuzuye. Niba Yarigeze, niba Yarigeze ikiza umuntu, Igomba kubikora ishingiye ku kintu kimwe cyatumye Ibikora inshuro ya mbere. Niba Yarigeze yuzuza umuntu Umwuka Wera, Igomba kubikora ishingiye ku kintu kimwe cyatumye Ibikora inshuro ya mbere. Niba Yarigeze izura umuntu mu gituro, Igomba kubikora inshuro ya kabiri, n'izindi nshuro, igendeye ku ihame rimwe.

44 Ntihinduka. Yoo, mbega ibyiringiro bimpa! Ni ibiki? Si mu gitekerezo cyakozwe n'ikiganza cy'umuntu, ikintu runaka amatsinda y'abantu yishyiriye hamwe; ahubwo Ijambo Ryayo ridahinduka.

Muravuga muti: "Ese ni Ukuri?"

Yaravuze iti: "Ijambo ryose ry'umuntu ribe ikinyoma, Iryanjye ribe ukuri." "Kuko ijuru n'isi bizashira, ariko Ijambo Ryanjye ntirizatsindwa na rimwe." "Ibyanditswe byose bitangwa no gusigwa, kandi rwose ni byiza kandi bigira umumaro wo kwigisha". Kandi mwibuke ko "Ibyanditswe byose bizasohora", buri gice.

45 Murebe uko Imana ibitwereka neza. Kandi niba ibi, bitari i - igihamya, gikomeye, umugisha mwiza... umugisha ukomeye wuzuye urukundo ruvuye ku Mana! Iyo mbibonye, kandi nkabona ko kuva inshuro ya mbere Krisitu akorana na njye, igihe nari nkiri umusore, nagumye kwigisha ibi bice bitatu by'ubuntu. Murebe niba atari ukuri, noneho.

46 Noneho, intambwe ya mbere, ni "ukwihana ku Imana". Noneho ikiza nyuma, ni umubatizo w'amazi, "umubatizo w'amazi": "Mwihane, kandi mubatizwe mu Izina rya Yesu Krisitu." Murabona, ni umubatizo w'amazi ukurikira, kugira ngo werekane ko kwihana ari umwimerere. Cyangwa kugira ngo "tubabarirwe" ibyaha byacu bya kera, nta sano bifitanye n'icyaha kizaza. Ni ukubabarirwa gusa. "Mwihane, kandi mubatizwe mu Izina rya Yesu Krisitu." Kubera iki? "Kugira ngo mubabarirwe." Gukuraho icyaha cya kera, nta sano bifitanye n'igihe kizaza. Ni gusa ko icyaha cyanyu cyakuweho, ibyo mwakoze.

47 Ntimushobora kwihana ibyo Adamu yakoze. Si mwe mwabikoze; ni Adamu. Mubona gusa imbabazi z'ibyo mwe, mwakoze. Kamere ya kera iracyahari.

Ngiye gufata ikibaho akanya gato. [Mwene Data Branhamu akora ibishushanyo ku kibaho. - N.D.E.] Noneho, aha, hari umutima w'umuntu. Noneho, sindi... Ndi kure cyane yo kuba umunyabugeni. Aha, hari umutima w'umuntu. Noneho, uri aha, afite inuma imbere, ari yo Umwuka Wera, aha, afite Ubugingo. Noneho, uyu, afite ubugome, urwango, ishyari; kandi ubikora ni we, aha. Noneho, uri aha, afite urukundo, n'ibyishimo, no kwihangana; kandi biterwa n'Ikiri imbere, aha.

Noneho, iyo babababajije, cyangwa ibyaha byanyu mubibabariwe, ibyo mwakoze byose, ni ibi, kubikuraho. Ariko ikintu cyabibakoreshaga kiracyahari. Ni umuzi wa kera w'ikibi; uracyahari. Murebe, ubwo rero murihana kandi mukabatizwa kandi mukabatizwa mu Izina rya Yesu Krisitu, kugira ngo mwerekane ko We yababababariye ibyaha byanyu. Murebe.

48 Nyuma, bwa kabiri, haza kwezwa, gushyira igitekerezo cyacu muri gahunda ku bwo kwera, kugira ngo tugire ibitekerezo by'ukuri. Byakuweho... kwezwa, ni ijambo ry'ikigiriki ry'inyunge rishaka kuvuga "cyasukuwe kandi kigashyirwa ku ruhande ku bw'umurimo."

Nyuma, igikurikiraho, ni umubatizo w'Umuriro n'uw'Umwuka Wera, kugira ngo Imana iture muri twe. Kandi Umuriro w'Imana weza imitima yacu icyaha, noneho ugashyira Umwuka Wera imbere. Ubwo rero, dutanga Ubugingo bumwe Ibi byatangaga, kubera ko Biri muri twe.

49 Murebe, mu kuvuka gusanzwe, iyo umugore abyaye umwana. Ubuzima busanzwe ni igishushanyo cy'ubuzima bw'umwuka. Iyo umugore abyaye umwana, mu bisanzwe, ikintu cya mbere kiba, ni ugushwanyuka kw'amazi, nyuma amaraso, nyuma na none umwuka (ubugingo). Mufata akana noneho mumukubite urushyi ku kabuno [Mwene Data Branhamu akubita inshuro imwe mu ntoki. - N.D.E.], nguwo atangiye kurira. Amazi, amaraso umwuka.

50 Kandi noneho, iyo umwana avukiye mu Bwami bw'Imana, aza mu buryo bumwe: amazi, Amaraso, Umwuka.

Noneho, murebe, kwezwa, igice cya gatatu... igice cya kabiri gusukura igitekerezo; gushyira umutima, igitekerezo cy'umutima muri gahunda yo kwera.

Umuntu ashobora kwihana ibyaha bye kandi agatekereza buri munsi ku... Noneho, wenda ni u - umugabo utagira umuco, buri mugore ugaragara nk'utagira umuco abona, ni aho buri gihe. Birashoboka ko ari umusinzi; buri nshuro yumvise umuhumuro w'inzoga, ni aho buri gihe. Murabona?

Ariko iyo yejejwe, aho aba asukuye, bikuraho icyo kifuzo cye. Murabona? Ashobora na none kugeragezwa, ariko Akuraho kubishaka. Nyamara, ntayari yaba mu mwanya.

Nyuma, abatizwa n'Umwuka Wera n'Umuriro. Kwezwa, gutunganywa, gusukurwa; noneho nyuma, agashyirwa mu murimo w'Imana.

Kwezwa bibashyira gusa ku ruhande ku bw'umurimo.

51 Noneho murebe neza uko byaje, kuza k'ubutumwa. Martin Luther: kubarwaho gukiranuka; John Wesley: kwezwa; abapantekote: umubatizo w'Umwuka Wera. Ubutumwa, ni ku bw'ibi bitagishoboka ibindi bisekuru, murabona. Turi mu gihe cy'iherezo. Ibice bitatu. Umubatizo weza umutima n'Umwuka Wera.

52 Nk'uko bitangaje, Itanga ahantu tugomba gutura, binyuze mu nzira imwe.

Noneho, Yahamagaye Itorero kunyura mu kubarwaho gukiranuka, Yarihamariye kunyura mu kwezwa, noneho nyuma Yaryujuje Umwuka Wera n'Umuriro. Kandi Yarinyujije mu nzira kugira ngo We ubwe, Umwuka Wera Ubwawo, Umwana w'Imana, ashobore gutura mu mutima w'umuntu. Noneho, Rigomba kunyura aho mbere yuko Ashobora kwinjira muri Ryo.

Murebe, ku bw'isi Umugeni azabamo, Yabigenje kimwe, umugambi umwe Wayo wa - w'agakiza.

53 Murebe isi ya mbere y'umwuzure. Ya, nyuma yuko yihannye, binyuze mu nzira y'Umugeni w'icyo gihe, wa Nowa, Yamuhaye umubatizo w'amazi, Yarongeye imutwikiriza amazi. Ni ukuvuga ngo, kubarwaho gukiranuka, kugira ngo Yerekane ko Yari mu nzira yo guhamagara iyo si yangiritse, kuva muri Edeni, tukongera tukagaruka mu kugarurwa kwayo.

Nyuma, Krisitu yaraje kandi amena Amaraso Ye hejuru, kugira ngo amweze kandi amusabe. [Mwene Data Branhamu akubita inshuro nyinshi ku ruhimbi. - N.D.E.] Murabona, ni isi turimo ubu.

54 Murabona ukuntu Satani, aha, mu Byanditswe, yagerageje kumusenyeraho gahunda y'Imana kugira ngo amwakire, kubimuha igihe yamujyanaga ku musozi kandi akagerageza kubimuha nta kiguzi cy'Amaraso?

Mwabonye ukuntu Aburahamu, igihe bageragezaga kumuha ubutaka, yabuguze ibice by'amafaranga byinshi, imbere y'abantu, nk'ikimenyetso, nk'ubuhamya? “Mumenye uyu munsi ko naguze aha hantu h'irimbi.” Murabona, kubugura! Kandi Satani yagerageje ku - kumuha ubwami yari afite icyo gihe. Yagerageje kubumuha nk'impano, ariko Ntiyashatse kubwakira. Mu by'ukuri, ni, murabona, icyo gihe, Satani yaribushobore kugira na none uburenganzira hejuru. Ariko byari ngombwa ko bigurwa. Amina. Yari Ijambo mu mwuzuro wa Ryo. Ntibari bushobore kumubeshya ngo batume abikora.

Kandi, noneho, igomba kwakira umubatizo w'Umuriro.

55 Murabona, noneho, ya... byagenze gute? Krisitu yaje guhamagarira Itorero kwihana, umubatizo mu Izina rya Yesu Krisitu, kugira ngo habeho kubabarirwa ibyaha; kweza Itorero; kandi, hamwe n'Umuriro w'Imana, Amanuka gukuraho umwanda wose, kandi Akaza gutura mu mutima w'umuntu.

56 Noneho, isi, kugira ngo ayicungure ku bw'uyu muntu wacunguwe, Akoresha uburyo Bwe bumwe. Yayibatije n'amazi, nyuma yo gusenywa n'umwuzure. Yamennye Amaraso Ye hejuru, kugira ngo ayeze kandi ayibohoze. Ni iye.

Satani yagerageje kuvuga iti: “Ngiye kuyiguha.”

Yaravuze ati: “Oya mugabo, Nzayigura.” Ibyo bibe ubuhamya. Yazamuwe, nk'ikimenyetso yuko Yayiguze. Yarayifashe.

57 Ariko ubu, agomba kunyura mu mubatizo w'Umuriro, w'Umuriro wera w'Imana, weza isi n'ijuru imukikije. Ubwo rero, izafatwa, kugira ngo abacunguwe bashobore kuyibamo, kuyibamo mu mahoro. Murebe, umubatizow'Umuriro ugomba kweza icyaha, indwara, imimere y'uburwayi, abanyabyaha, Satani n'ubwoko bwayo bwose. Igomba kujugunywa mu Nyanja y'Umuriro. Umuriro wera w'Imana umanuka mu Ijuru, impande z'Imana, kandi ukayitwika, murebe, kugira ngo uyitegure kugira ngo Imana iyituremo. Mu by'ukuri, Imana, mu Isi Nshya izaza, igomba gutura mu isi, kubera ko, muravuga muti: "Imana, Itura mu mutima w'umuntu." Ariko Yo n'Umugeni bahinduka Umwe, kandi bazajya mu Buturo bwabo mu Isi Nshya. Kandi gahunda imwe yo gucungurwa ikoreshwa mu gucungura byombi, isi n'abantu bayibamo.

58 Murabona, umutima ugomba kwezwa muri ubwo buryo. Mbere yuko Imana itari yashobora kumanuka nk'Umwuka Wera, ari wo Krisitu umanukira gutura mu mutima w'umuntu, agomba mbere na mbere kwihana. Agomba kuba yarabatijwe n'amazi, mu Izina Rye, kugira ngo yerekane uwo aherereyeho.

Nyuma, agomba kwezwa n'Amaraso ya Yesu.

Ubwo rero, Umuriro wera n'Umwuka Wera, by'Imana, bimanukira gutwika icyifuzo cyose cy'icyaha, kamere yose y'isi. "Ku bw'ibyo rero, ukora icyaha nkana nyuma yo kumenya Ukuri." Kandi aho, na none, Bibiliya iravuga iti: "Ntibishoboka... " "Kuko u - umuntu wabyawe n'Imana ntashobora gukora icyaha, ntakora icyaha." Nta buryo na bumwe yashobora gukora icyaha. Ni gute ashobora kuba umunyabyaha n'uwacunguwe icyarimwe? Ese ni gute ashobora kuba mu nzu y'umwenda ku ngwate no hanze y'inzu y'umwenda ku ngwate icyarimwe? Murabona? Yoo, Yaducunguje Amaraso Ye; yatwejeje n'Umwuka We; noneho nyuma aza gutura muri twe, Itorero. Si idini, noneho; Itorero!

59 Mwitonde cyane noneho, kuko tugiye gufata ibi, ahantu aho tu - tuzatura. Noneho, ubu kwi - kwihana kwa mbere y'umwuzure, ni ukuvuga ngo, kwazanye umubatizo w'amazi. Nyuma, Krisitu yaraje noneho Amena Amaraso Ye hejuru, kugira ngo amweze kandi amubohoze. Kandi nyuma y'ibi, nyuma, haza gusenyuka kw'isi nk'uko imeze ubu.

Icyaha cyose kiri hejuru, mu ijuru, "Ni umwami w'imbaraga z'ikirere," yirukana (intambara yo guhagarika) imigisha y'Imana. Aho, hari guhinda kw'inkuba n'imirabyo biza gukubita isi, n'ibindi, byo mu ijuru, ibibuye by'urubura n'imvura, n'inkubi y'imiyaga, imi-... imiraba n'ibindi, "biva hejuru", ni ukuvuga kwa Satani, "umwami w'imbaraga z'ikirere".

60 Murebe, murabona ukuntu Satani yagerageje kubufata, nk'uko hashize iminota mbivuze, abuha Yesu Atabuguze. Ubwo rero, Satani acunga ahantu, kubera ko hafite ikimenyetso cyayo, murabona. Ariko wYesu abugura n'Amaraso Ye yamenwe kandi akabugarura kuri nyirabwo wemewe n'amategeko. Murabona? Nguko uko Yaducunguye, twe, n'Amaraso Ye, uko Yacunguye Itorero.

Noneho ubu, umubatizo we w'Umuriro umweza imyanda yose, indwara zose, ubwandu bwose, ndetse no mu bintu byose by'umwuka; n'ibyacu ndetse, biba mu buryo bumwe; kugira itegurwe ngo Imana ishobore kuyituramo, muri icyo gisekuru gihebuje kizaza, Isi Nshya. Murabona, Iyicungura mu buryo bumwe icungura ubwoko Bwayo. Ikora byose neza kimwe, gahunda Yayo yo gucungura. Mu by'ukuri, Ni Imana idahinduka, ihora ari imwe muri gahunda Zayo.

61 Ni kangahe nababwiye, igihe cyashize, kandi ni kangahe nabibamenyesheje, n'ibisekuru byose, ko Imana idashobora guhinduka; Ibimenyekanisha, ahantu hose, mu buryo bumwe.

Yarabumenyekanishije, ubutumwa Bwayo bwa mbere, mu isi ya mbere y'umwuzure, n'umuhanuzi Nowa.

62 Navuganaga na mwene Data w'agaciro wicaranye na njye aha uyu mwanya. Ejo, yaravugaga ati: "Hari ikintu mwavuze, Mwene Data Branhamu, cyagumye kunzunguza."

Naravuze nti: "Ni iki, mwene Da?"

Noneho yaravuze ati: "Dore icyo mwavuze," kandi ni byo, " 'Umubare muto, ukuntu itsinda rito rizakizwa mu minsi yo Kuza.' Kandi twavuze ibyo Yesu yavuze ati: 'Umuryango ni ufunganye n'inzira ni iyifunganye cyane, kandi hazaba bake bazayibona.' Noneho, murebe, Bibiliya yaravuze iti: 'Nk'uko byagenze mu minsi ya Nowa, aho ubugingo umunani bwakijijwe n'amazi, bizamera kimwe mu Kuza.'"

Naravuze nti: "Mwene Data, mufite gusa... "

Yaravugaga ati: "Mwibuke, hari ubugingo umunani gusa, aho."

Naravuze nti: "Mufite gusa kimwe cya kabiri cy'ikibaho."

63 Na none aho, Nowa yari igishushanyo cy'abasigaye bari kunyuraho, si icy'itsinda ry'abazamuwe. Ni Enoki, umuntu umwe gusa, wagiye mu muzamuko mbere yuko umwuzure uza, kugira ngo byerekane ko Itorero ritinjira mu mubabaro ukomeye cyangwa ikindi kintu muri ibyo byago. Enoki yarazamuwe, umuntu umwe gusa. Yoo, itorero rishobora kuba neza umubare runaka; ariko Umugeni azaba agatsiko cyane

kazaba kagize Umugeni. Noneho, itorero rishobora kuba neza umubare munini; ariko Umugeni, murabona, mugereranye umunani kuri rimwe. Umugeni azaba inshuro umunani hasi y'itorero. "Kandi niba umukiranutsi akira mu buryo bukomeye, bizagenda guta ku mutizera n'umunyabyaha", abamenya gukora neza cyane, ariko babikora rwose? Abakurikira amabwiriza y'amadini aho gukurikira Ijambo, bazahinduka iki, bo, nubwo biyita abakirisitu, bafata Izina rya Krisitu?

64 Noneho, mu buryo bwuzuye, Nowa yari igishushanyo cy'abanyura. Mwibuke, igihe Nowa yasohokaga, Kamu yari kumwe na we. Hari hakiri icyaha aho imbere. Icyaha cyagiye ku rundi ruhande, mu nkuge. Kutizera, gushidikanya byarambutse, mu nkuge, bajyanwa hejuru y'urubanza. Ariko Enoki yagiye hejuru cyane kurusha inkuge, yaragiye kugera Imbere y'Imana. Ariko Nowa yarambutse, arongera arasohoka, kandi icyaha cyari kikiri aho; ikigereranyo cy'ikinyagihumbi, cya leta y'isi.

Ikinyagihumbi, si iherezo. Hazaba na none igihe nyuma y'Ikinyagihumbi. Ikinyagihumbi, ni umwanya w'igihe; ariko si Isi Nshya. Oya, si byo rwose. Murebe, aho imbere, tugiye kuhagera mu gihe kitari kirekire.

65 Murabona, isi, yacunguwe, igarutse bushya kuri nyirayo w'umwimerere. Byafashe... Yayatse Satani. Yarayikuruye, yambuye isi Satani kimwe nuko Yabambuye, mwe, Satani, nk'uko Yambuye umugore Satani ku iriba aho. Umutambyi yari aho, yizeraga ko yari kumwe n'Imana, kandi nta kintu yari afite. Murabona?

66 Nashakaga gufata akanya gato ngo mbibashushanyirize. Noneho, turashaka ko bimera neza cyane, ubwo rere mwitonde cyane, aho, kuri iyi nyigisho. [Mwene Data Branhamu ashushanya ku kibaho, mu bika bikurikira. - N.D.E.]

Noneho, ibi, aha, ni Imana. Imana, ari Yo Uwiteka, nta... Nta muntu wundi uretse Yo. Ariko, mu Mana, hari ibindi bintu biyihagarariye. Noneho, ibi, aha, bihagarariye Ijambo, Ijambo ry'Imana, ryahindutse umubiri kandi rigatura hagati muri twe nka Yesu.

Noneho, ibi, aha, we, aha, tugiye kubikora gutya. Noneho, ibi, bahamagara umugore ku iriba. Ibi, ni umutambyi, umufarisayo. Kandi ibyo mureba aha, ahasigaye ku kibaho, hahagarariye ubuntu n'agakiza.

67 Noneho, "Mu ntangiririro yari Jambo. Kandi Jambo yambaye umubiri kandi atura muri twe." Ibice bitatu. Byari mbere na mbere igihagarariye, byari mu Mana, igihe byari mu gitekerezo, Yibonye nk'ikiremwa muntu; kandi ibi, byayizanye hasi, ihinduka Yesu; kandi ubwo, kugira ngo muzashobore umunsi umwe kuba aho, ni ngombwa ko muba mwarabanye na Yo icyo gihe. Mu by'ukuri, hari ishusho imwe gusa y'Ubugingo Buhoraho, ni Imana; kandi byari ngombwa ko muba igice cy'Imana mu ntangiriro, si ibyo mwahisemo gusa aha hasi. Ni Yo yabatoranyije. "Abo Data yampaye bose bazaza."

68 Noneho, murebe uwo mutambyi, aha. Turabona imbere he, aha, ubuzima bwe, inyuma, aho, inyuma ye, icyo yagenewe kera, aha, ari mu cyaha. Aha, ni ikuzimu, aha.

Noneho, igice gito imbere, aha, kimeze nk'ikibaho, cyiragaragaza kwera kwe. Yari umutambyi. Yari umuntu wubashywe. Byari bihagarariye ibi. Yari, kandi, yagomba kuba umuntu mwiza, niba atari ibyo, ntiyari bushobore kuba umutambyi. Gusa murabona ukuntu yabyakiriye, byanyuze mu nzira y'inyigisho ya gihanga.

69 Noneho, uwo mugore muto, ubuzima bwe bwa mbere, bwa mbere, yari indaya, yari yarangiritse wese. Ariko imbere he, aha, harimo akantu ko kumva." Nzi ko igihe Mesiya azaza... " Murabona? Murabona, byari ibyo.

Murebe, igihe Yesu yazaga kandi Akagaragaza Ijambo, kuko Ijambo ryarondoraga ibitekerezo byari mu mutima, nk'uko Abaheburayo 4 havuga ko Rizabikora, 4:12, ko Azabikora. "Ijambo ryarondoraga ibitekerezo by'imitima", Kandi Yaje nk'Umwana w'umuntu, Umuhanuzi. Byagenze gute? Uwo mutambyi, warufite gusa ubumenyi bwa gihanga, yaravuze ati: "Ni idayimoni", kubera ko ni gutyo idini rye ryabyitaga. Byakoze iki? Ntiyari afite ubusobanuro, ni ukuvuga ngo byamushyize mu mwijima.

70 Ariko uwo mugore muto nta cyo yarafite cyo kwerekana; yari yanduye kandi afite umwanda uko yashoboraga kwandura. Ariko, murebe, imbere muri we, afite ubusobanuro, murabona. Noneho, ni ukuvuga ko, yari yiteze ko ibi, biba ubuzima bufatika.

Noneho igihe Yavugaga ati: "Genda ushake umugabo wawe, aze aha."

Yaravuze ati: "Mugabo, simufite."

Yaravuze ati: "Wavuze ukuri, kuko wari ufite batanu, kandi n'uwo ufite ubu si uwawe. Wari ufite batanu. Bivuze ko ufite batandatu."

Yaravuze ati: "Mugabo!" (Si: "Uri", si, "Belezebule.") "Ndabona ko Uri Umuhanuzi. Kandi tuzi ko Mesiya, twita Krisitu, azaza. Naza, Azakora ibi."

Yaravuze ati: "Ndi We."

Nta gushidikanya kugihari. Ntiyaracyeneye kubisobanura. Yarabibonaga. Yarabyizeraga. Nguwo aragiye! Kubera iki? Byamutwaye iki? Byaramucunguye.

Noneho, murebe neza, Yaje ngo Abe Umucunguzi. Si byo? [Iteraniro riravuga riti: "Amina." - N.D.E.] Gucungura bishatse kuvuga iki? "Kugarura." Ese kubera iki Atafashe umutambyi? We ntiyigeze aba aho hejuru. Murabona? Murabona, ntiyarafite ubusobanuro.

Yaje gucungura icyari cyarangiritse. Bitewe no kugwa,ibi, byari byarangiritse, kuri uwo mukobwa; ariko Imana yari imufite mu bitekerezo Byayo mbere yuko isi ishyirwaho urufatiro, kandi Yaje kumweza. Murabona? Ubwo rero, Ya... Yari afite Ubugingo Buhoraho. Murabona?

71 Mu gihe, umutambyi, byamutwaye iki? Byamwohereje neza aho yagenewe. Nta cyo yarafite, mu itangiriro, uretse ubumenyi bya gihanga.

Noneho, mwumve, nshuti yanjye, niba ibyo mufite byose, ari ubumenyi bwa gihanga, mwakire ikindi kintu kitari icyo. Kandi ntimuzashobora na rimwe kumwakira keretse mufite ubusobanuro. Ni ku bw'iyo mpamvu, ndizera, mwaturutse iburasirazuba n'iburengerazuba, mu majyaruguru n'amajyepfo; Ijambo, rizima, ryagaragajwe.

Noneho murebe ukuntu Imenyekanisha uburyo Bwayo ikoresheje abahanuzi bayo, mu itangiriro. Ntiyigeze Ibihindura.

72 [umwanya utariho ikintu kuri bande - N.D.E]

... agakiza. Yahinduye umuntu umukiranutsi; Yaramwejeje; Yohereje Umwuka Wera n'Umuriro, kandi Yatwitse icyaha cyose cye, kandi Yatuye muri we, Ubwayo.

Ibikorera isi, Izakoresha muri gahunda yo gucungura, mu buryo bumwe. Yarihannye kandi ibatizwa mu mazi, mu... na Nowa. Yesu yaje kuyeza, igihe yarekaga Amaraso Ye agatemba hejuru, kandi Yarayibohoje. Kandi mu Isi Nshya izaza, izagira umubatizo w'Umuriro wera, kugira ngo yezwe idayimoni yose, udukoko dutera indwara twose, indwara zose, ibintu byose bihari, no kugira ngo yongere ayigire nshya. "Mbona Ijuru Rishya n'Isi Nshya."

Muhinduka umuntu mushya. Amina! Si uwa kera rwose wasanywe, mu kuba umunyamuryango w'itorero, cyangwa mu kugerageza guhindura urupapuro, ahubwo muri ikintu mu buryo bwuzuye gishya. Imana ifata umuntu wa kera noneho ikamweza mu buryo bwuzuye, n'Umwuka Wera n'Umuriro, kandi Ikaza Ubwayo, Imanura ishusho yanyu. "Nta muntu n'umwe ushobora kunsanga Data atamukuruye. Kandi abo Data bose yampaye bazansanga." Murabibona? [Iteraniro riravuga riti: "Amina." - N.D.E.] Gahunda imwe, uburyo bumwe.

73 Satani yabaye... izakurwa ku isi, nk'uko neza Satani yakuwe muri mwe. Satani ntashobora guteza impagarara; cyangwa, ishobora kugerageza, ariko ntishobora gufata bugwate umukirisitu wavutse bwa kabiri. Mu by'ukuri, Imana, kuva isi yashyirwaho urufatiro, yamubonye mbere, noneho Yohereza Yesu ngo amucungure, kandi Amaraso avuga ku bwe. Ni gute ashobora gukora icyaha mu gihe bitanashoboka kubonwa n'Imana? Ntinashobora... Ikintu kimwe Yumva, ni ijwi ryanyu. Ibona ishusho yanyu. Amina! Ni byo neza. Murabona?

74 N'uburyo bumwe, kuko isi ni kimwe mu biremwa Byayo kimwe na mwe, muri kimwe mu biremwa Byayo. Isi ihinduka kimwe mu biremwa Byayo, kubera ko byari igetekerezo cy'Imana, mu ntangiriro. Kugira isi, kuba ku Ntebe, kuba Umwami, kuba Umucunguzi, kuba Umukiza w'indwara, ni ibirango Byayo.

75 Kimwe n'ikintu kiva kuri mwe. Sinshobora kuvuga i - "inkingi" uretse gutekereza ku nkingi. Sinshobora kuvuga "umuntu" uretse gutekereza ku muntu. Kandi iyo ntekereje ku muntu, kandi ubwo mvuze "umuntu", igetekerezo, ni ishusho yanjye, kandi kubivuga, ni ijambo. Murabona?

Nka Yesaya, ese ni gute yashoboraga kuvuga ko"umwari yagombaga gusama inda"? Igitekerezo ni iki?

76 Noneho, benshi muri mwe baribaza ukuntu ibyo, uko kurondora kuza. Ngiye kubibabwira. Murabona, ni Ijambo mvuga. Kandi si igitekerezo cyanjye, kubera ko njye, simbizi. Sinzi igitekerezo, aho. Ni gute nshobora kubabwira uwo muri we n'aho muturutse, mu gihe ntabazi? Ese ni gute nshobora kubabwira ibyo mwakoze mu myaka icumi, mu gihe ntigeze mbabona mu buzima bwanjye? Ese ni gute nshobora kubabwira aho mujyiye kubikorera n'ibyo muzakora mu myaka icumi? Ese ni gute menya ejo hazaza? Ariko ni igitekerezo cy'Undi.

"Reka igitekerezo cyari muri Krisitu kibe muri mwe. Reka igitekerezo cyari muri Krisitu kibe muri mwe." Murabona, muri icyo gihe, si ibitekerezo byanyu kuri mwe. Ni ibitekerezo Bye, muri mwe. Kandi ntimuvuga amagambo yanyu bwite, muvuga Amagambo Ye.

77 Ni gutyo, igihe kinini, bene Data baba mu rujijo, ku gusobanura indimi, n'ibindi. Murabona, bavuga ibintu bitari ukuri, ntibasobanukirwa ko ari Satani. Muravuga muti: 'Mu busitani bw'Imana?" Mwitonde gusa tuhagere, turi bubone niba atari ibyo. Ibyatsi bibi n'ingano bimera byose mu murima umwe. Bitungwa byombi n'izuba rimwe n'imvura imwe. Murabona?

"Ariko niba hari umwe muri mwe w'umuhanuzi, Njye, Umwami, Nzamuvugisha. Kandi ibyo avuga nibiba, ubwo rero ni Njye, murabona, kubera ko atabisobanura ubwe. Ni ibitekerezo Byanjye kuri Njye yasobanuye, ibintu bingaragaza bigomba kuza, kandi Nzakoresha akanwa ke kugira ngo abisobanure. Kandi ubwo azaba amaze kubivuga, bigomba kuzasohora. Ijuru n'Isi bizashira, ariko Amagambo Yanjye ntazatsindwa na rimwe."

Yesaya yaravuze ati: 'Umwari azasama inda." Birasubiza ikibazo. Azasama inda. Ibyo Imana yakoze, Irabikora.

78 Yoo, kumenyesha, n'abahanuzi Bayo, ibikorwa Byayo byose, kubera ko ni ibitekerezo Byayo by'ibintu biyihagarariye byavuzwe.

Noneho, byari aho, muri iyo shusho ntoya. Yari umwe mu biremwa byayo. Murabona?

Kandi aho, hari umutambyi, wari uhagarariye Umucyo. Yari yarabyigishijwe na Bibiliya. Yari yarize ko Imana yari Imana. Yari yarize ko kwera byari ukuri. Bari baramwigishije ko hari itegeko ry'Imana. Yari yarabyize kubera ubushobozi bw'ubwenge. Kandi yari yaravukiye mu muryango mwiza; yari umurewi, ariko yarabizi gusa binyuze mu bwenge. Kandi igihe Umucyo w'igihe... Murabona, yari yarabyigishijwe n'ibyabaye, si n'ibyari biri kuba; ibyari byarabaye! Kandi igihe yabonaga ibyari biri kuba, idini rye nta cyo ryabivugagaho, ni ukuvuga ko nta busobanuro yari abifiteho.

79 Ariko Umucunguzi yari aha ku isi icyo gihe, kugira ngo acungure ibyo biremwa by'Imana, kandi yarabyakiriye. Ntiyigeze na rimwe abishidikanyaho. Yaravuze ati: "Mesiya naza, Azakora ibi", kandi byari biri mu mwanya. Kandi yabibonye bisohora, ubwo... Yaravuze ati: "Ndi Mesiya", ni ukuvuga ko byari bitunganye. Nta kindi kibazo. Yagiye gusa kubwira abandi bose ati: "Muze murebe Uwo nabonye."

80 Izo nzira ziratweza, urusengero rw'ahantu He h'ubuturo: kubarwaho gukiranuka, kwezwa, umubatizo w'Umwuka Wera n'Umuriro. Ni byo byeza uru rusengero (rwacu).

81 Ni ukuvuga ko, nk'uko ibice by'isi ya kera bitasenywe, n'amazi, igihe yozwaga; ibice by'umubumbe, ibice bya kera, u... umukungugu wose, ibyo Imana yashyize byose ku isi, ntibyasenywe igihe isi ya mbere yasenywaga. Kandi Bibiliya ivuga ko "yasenywe", ariko ntibyasenye imiterere. Byasenye gusa icyaha n'abanyabyaha bari hejuru. Ibiti byari byubatse igisenge byarasigaye.

82 Ariko, murabona, kimwe nuko kubarwaho gukiranuka, nkuko mwe abatisita n'abametodisiti mushaka kubyizera, ni ukubarwaho gukiranuka gusa, kwizera no kubatizwa, ntibihagije. Muzongera vuba neza mwibone mu bintu by'isi bushya, muziyogoshesha imisatsi, muzambara amakabutura, n'ibindi byose bisigaye. Murabona, nta cyari cyaba. Mwarebye gusa inyuma kandi mwabonye ko mwakoze nabi.

83 Kubarwaho gukiranuka byakoze iki ku isi? Nta kintu rwose byayikozeho; byarongeye biratangira uwo mwanya, ibyaha byinshi nk'ibyari bisanzwe bihari. Ni gutyo umuntu akora, ntajya kure cyane y'ibyo. Ni gutyo umubwirizabutumwa bwiza ukumeye, Billy Graham, yagombaga kubibona. Yaravugaga ati: "Ngiyeyo, ibihumbi mirongo itatu birahinduka; ngaruka nyuma y'umwaka umwe, nta na mirongo itatu bahari." Ntibagiye kure cyane y'ibi. Murabona? Kandi, ni byo neza, barihana. Nizera ko bihana; benshi muri bo, cyangwa bamwe muri bo, nibura. Ariko si byo bikenewe. Tubifiteho gihamya, aho.

84 Noneho, ibiti by'igisenge by'isi ya kera ntibyasenywe n'amazi. Isi yarogejwe gusa. Ni gutyo yabonye umubatizo wayo. Yarabatijwe.

85 Na none, ibiti by'igisenge bizasigara, nubwo yasenywa n'Umuriro. Uyu ntusenya isi, murabona, usenya gusa icyaha kiriho. Murebe, aha, bamwe muri mwe, inzobere za Bibiliya, kandi by'umwihariko dogiteri Dale undeba. Murebe, muri Petero, ku gice cya 2 cya Petero, aho, ku gice cya 3, ahubwo, akoresha ijambo "isi", ijambo ry'ikigiriki kosmos, bishatse kuvuga "gahunda y'isi". "Isi izagenda, ibintu byatwitswe bizayenga." Murabona? Ntibishatse kuvuga ko isi, umubumbe uzagenda. Ahubwo isi, kosmos, politike, abanyabyaha, imikorere, icyaha, indwara, udukoko dutera indwara, ibitari byo byose, bizagenda. Ibintu byose byigeze...

86 Inshuro imwe, Imana yanyeganyeje ijuru, ariko iyi nshuro, Yavuze ko Izanyeganyeza isi, ijuru n'isi... " Izanyeganyeza isi", ahubwo, "kandi iyi nshuro, Izanyeganyeza ijuru." Murabona? "Kuko twakira Ubwami butanyeganyezwa." Ni Ubwami bw'Iteka. Murebe neza ukuntu ibitangira.

87 Murebe, aha, Petero aravuga ati: "Noneho bimaze gutwikwa n'umuriro, bizayonga, n'ibikorwa ifite bizasenywa", si umubumbe. "Ibikorwa ifite", ibikorwa by'abantu, abanyapolitike babo bose hamwe n'ibikorwa by'ubugambanyi byabo, n'amadini yabo yose n'ubugambanyi bwabo bwa kimuntu, ibi byose,

bizajyana, igihe bizatwika.

"Kandi - kandi ijuru rizagenda rifite urusaku rwo guturika." Mwumve! Isi ubwayo izashya, kandi bizatwika gaze ziri mu butaka kandi bizabaturitsa. Neza rwose. Muvuge... Bibiliya iravuga aha iti, Petero yaravuze ati: "Kandi ijuru rizashira, n'isi, n'urusaku rwo guturika." Izanyeganyezwa na kimwe muri uko guturika, yoo! yoo yoo! ubwo bigomba kwica indwara zose, imishubi yose, amahwa yose. Ibigomba gukorwa byose, Umuriro uzabitwika. Kandi, mwibuke, si umuriro gusa w'amagambo, ni n'Umuriro wera, murabona, uzakuraho Satani n'ibye byose, amadayimoni yose. "Byombi ijuru n'isi," amina, "bizashira," bizica udukoko twose dutera indwara, udusimba twose, ubuzima bwose busanzwe kuri yo n'impande, ndetse na H20 (amazi) azashwanyuka. Mubitekerezeho. Mumbwire uko guturika!

88 Muratekereza ko uru rusaku ruke aha, i Tucson, byari ikintu runaka, igihe Yamenaga Ibimenyetso bitandatu, ibyanyeganyeje agace kose, kandi byavugishije. Mutegereze iyi si yakire umubatizo wayo!

Murazi, iyo umuntu yakiriye umubatizo w'Umuriro, haba urusaku rwinshi aho impande. Batekereza ko ari ikimwaro, kumva abantu bataka kandi bavuga n'ijwi rirenga gutyo. Mutegereze gusa iyi si yakire umubatizo wayo!

Yego, bizatuma isobanura... iturika, H20, amazi, kuko Bibiliya ivuga aha mu Byahishuwe 21 iti: "Kandi inyanja ntiyarigihari", bizayituritsa. Bizahindura ubuso bwose bw'isi mu buryo bwuzuye. Izashwanyuka kandi ibice byayo biguruke, izasenyuka gusa mu buryo bwuzuye. Ikirere, imyuka (gaze) iri mu butaka ubu, aho bakura ibyo bisasu bikomeye bidashobora kubyambuka, muri icyo kirere kinini aho hejuru, hejuru cyane mu bwoko bw'ikirere ahari ubwoko bwose bw'imyuka, bavuga; kandi ibi, bizaturika. Umujinya wera w'Imana uzakubitira hejuru, murabona, kandi uzayeza, uzahindura ubuso muburyo bwuzuye.

89 Noneho, benshi muri mwe bashaka kwandika iri jambo, ijambo ry'ikigereke "gushira", biva ku ijambo... nagombye kujya kurishaka. Naratekerezaga nti: "Ni gute ibi, iyi si izashira, kandi nyamara tuzaba hejuru?"

Ariko nimureba, kuri bamwe muri mwe bashaka kubyandika, ngiye kubabwira amagambo arigize. Sinashobora kurivuga, p-a-r-e-r-e-c-h-o-m-i-a. Sinzi ukuntu rivugwa.

Noneho, muri ubwo buryo, nk'uko navugaga, iyo nakiriye... gusigwa binzaho ku bw'ikintu runaka, ubwo, nkajya gushaka ijambo. Noneho, aho, sinzi kuvuga amagambo agize ijambo, cyangwa sinzi - sinzi kurivuga. Ariko, nubwo bimeze gutyo, Umwami yampaye rwose uburyo. Njya gushaka icyo ijambo rishatsa kuvuga, ubwo rero, ndabifite. Murabona? Ubwo rero, ndabifite, bundi bushya. Murabona?

Ijuru n'isi bizashira, noneho, iri jambo rishatse kuvuga "kuva mu buryo bumwe ujya mu bundi". Ibi ntibishatse kuvuga "gukuraho burundu", ni ukuvuga igisobanuro ijambo ry'icyongereza gushira byabiha, gukurwaho burundu. Ariko ijambo ry'igiheburayo, cyangwa ijambo ry'ikigereki, aha, ntibishatse kuvuga gushira, bishatse kuvuga "kuva mu kintu kimwe ujya mu kindi". Murebe, ariko" kuva mu buryo bumwe", ni cyo bivuga, "ujya mu bundi".

90 Noneho murebe, Pawulo yararikoresheje, niba mushaka kubisoma, aho. Mubyandike, muzabisoma nyuma. Muri Tito 3:5, Pawulo akoresha iryo jambo rimwe, avuga kongera kuvuka k'umuntu, ko umuntu yavuye ku munyabyaha ajya ku muntu wera, ntibikuweho mu buryo bwuzuye. Iyo umuntu ahindutse, ntakurwaho, ahubwo ni umuntu wahindutse. Yarahinduwe icyo yari icyo ku cyo ari, ntiyakuweho.

91 Yesu yakoresheje iryo jambo muri Matayo 19:28; si 28:19, aho. Ariko muri 19:28, Yarababwiye ati: "Muzicarana na Njye mu Bwami bwa Data, mumaze kongera kuvuka", murabona, "muhinduwe", igihe muzahindurwa. Yakoresheje iryo jambo rimwe.

Kandi Yakoresheje iryo jambo igihe Yabwiraga, icyana cy' indogobe, Yaravuze ati: "Muziture icyana cy'indogobe kandi mukireke kigende!"

Yavuze ikintu kimwe ku muzuko wa Lazaro "Mumubohore! Mumuhindure! Yari aziritse; mumureke agende!" Bishatse kuvuga iki? Isi izabohorwa ubutware bwa Satani. Izabohorwa. Izabohorwa politike, izabohorwa imikorere y'amadini; kugira ngo ikoreshwe ku bw'Ubwami bw'Imana, kugira ngo bushyirwe hano ku isi. Ariko igihe cyose biri mu biganza bya Satani, politike... Satani, uyoboye isi, arayifite; ni ye, ariko ubu Krisitu yarayicunguye.

92 Kera, nari ubutunzi bwayo, ariko ubu si ko bikimeze. Kera, uwo mugore muto yari ubutunzi bwayo, ariko si ko bikimeze. Murabona, Yaje kubohora ubwo bubwate. Yaboye ubugwate bw'icyaha, bwa Satani, ku buzima bwanjye, ku buzima bwanyu, kandi ubu, ntituri kuri yo. Mwanyumvise inshuro nyinshi mvuga, mu isengesho nti: "Kura ibiganza byawe ku butunzi bw'Imana"? Murabona? Amina! Mugire ukwizera kugira ngo musabe ibyanyu. Ni uburenganzira bwanyu. "Vana ibiganza byawe kuri we!" "Vana ibiganza byawe kuri we!" Murabona, ukwizera kuzabikora. Yoo! yo yo! Si ukubikuraho, ariko gusa: "Kura ibiganza byawe aho," kumubohora, kumureka akagenda, kumunyuzaho. Birahindura.

Isi izahinduka. Politike izahinduka. Imisengere izahinduka. Amadini azashira. Politike izashira. Ubwami

bw'Imana buzashyirwaho.

93 Dusoma muri Yohana, dusoma Yohana mu Byahishuwe 6:14, murabona: "Ikurwaho nk'uko bazinga igitabo." Bibiliya ivuga ko i... ko ya... Yohana yaravuze ati: "Mbona ijuru n'isi bikurwaho nk'uko bazinga igitabo cy'umuzingo." Yohana, Ibyahishuwe 6:14.

Yesu yaravuze ati: "Ijuru n'isi bizashira", cyangwa, twavuga na none tuti: "Ijuru n'isi bizahindurwa." Murabona, Yakoresheje na none ijambo rimwe, aho.

Oya, ntibikuweho burundu. Mu by'ukuri, nyuma cyane, mu Byahishuwe 21:2 kugeza 24, yabonye Yerusalemu Nshya imanuka mu Ijuru, imbere y'Imana, noneho ihagarara kuri iyi si. Ntibivuze ko izakurwaho burundu. Imikorere izahindurwa.

94 Daniel yabonye ikintu kimwe. Ibuye ryakubise isi, ryitandukanyije nta butabazi bw'ikiganza na kimwe; sitati yose y'imikorere yarashwanyaguritse noneho ihinduka nk'igishishwa ku mbuga bahuriraho mu ki, noneho umuyaga waragitwaye. Kandi Ibuye, Ubwaryo, ryarakuze rihinduka Umusozi munini wongeye gutwikira isi. Murebe neza uwo Musozi, noneho, mu gihe kitari kirekire. Uwo Musozi wongeye gutwikira isi.

Na none, turabona aha, mu, na none, mu Byahishuwe, aho, haravuga hati: "Abami b'Isi Nshya bazahagira icyubahiro cyabo n'ikuzo ryabo." Mu isi, hari... Yerusalemu Nshya iri kuri iyi si. Murabona, irahinduye gusa.

95 Muri umugabo umwe, mu gihagararo nk'uko mwari igihe Imana yabahamagaraga, umugore umwe. Ariko, murabona, icyo byakoze, byabaye kuvuka bwa kabiri. Ubuzima bwa kera bwarashize. Icyifuzo cya kera cyarashize. Mu gihe mbere, mwakundaga kunwa, no kurahira, no gukora amateka, no kurakara, no kwiruka, n'urukozasoni; icyo kintu, cyarapfuye, ngibyo byose. Murabona? Ariko ubu mukoreshwa... Kera, mwari igikoresho cya Satani; ubu mwaracunguwe.

Kandi bizaba ikintu kimwe ku isi, izacungurwa, Ijuru Rishya n'Isi Nshya.

Nk'uko na mwe, "muri icyaremwe gishya". Kandi ijambo ry'ikigereki, aho, umuntu wese ararizi, riravuga riti: "Muri icyaremwe gishya." Amina! Icyaremwe gishya mu rusengero rumwe rwa kera. Aleluya. Murebe neza ibiri kuba aha, ubu. Birahebije! Byiza cyane.

96 Noneho, turabona ko kuri iyi si hazaba abami b'isi. Noneho, kandi, muri Matayo 5:5, Yesu yaravuze ati: "Abeza bazaragwa isi." Si uko, tuzagira indi si. Bizaba rwose iyi si. Ndagerageza gutuma mubona ga - gahunda yo gucungura, mbere na mbere, bohoka kugira ikintu cy'undi ufata, murabona. Umubatizo w'Umuriro, aho hejuru, ni ukugira ngo gusa yezwe no kuhagira ahantu hafite isuku ho guturwa n'abantu beza Bayo. Murabona? Yoo!

Nk'uko Yaturemye, twe, ibiremwa byayo, kugira ngo ishobore kuhaba. Mbere yo gushobora kuhinjira, Yagombye kuduha umubatizo w'Umuriro; Umwuka Wera winjira muri twe kugira ngo uhabe, umubatizo w'Umuriro. Ubwo rero, iyo mwakiriye uwo mubatizo w'Umuriro, ubwo noneho Umwuka Wera ushobora kwinjira. Ni iki? Icyo Ukora, ni uko Utwika ibitandukanye byose n'Ijambo, kugira ngo ubikure muri mwe. Murabona? Nta kindu uzizera uretse Ijambo, kubera ko ari Ijambo. Murabona?

97 Noneho, ni ibi twavugagaho undi munsi, ikimenyetso ko dufite Umwuka Wera. Murabona? Ikimenyetso ko mufite Umwuka Wera, ni igihe mushobora kwakira Ijambo; si imikorere, ahubwo kugira kumva gusobanutse. Ni gute wamenye ko Ijambo risobanutse, ko turyumva? Murirebe Ryihamiriza. Muravuga muti: "Noneho, ndabona ibi bibikora, na biriya." Yoo, yego, ibyatsi bibi bibaho mu buryo bumwe. Murabona?

Ariko bigomba kuba Ijambo ryuzuye. Kugira ngo ube Umugeni, mugomba kuba igice Cyayo. Ni Ijambo. Murabona? Noneho ibyo ni kihe gice Cyayo? Ijambo ryasezeranijwe ku bw'uyu munsi, iyo Ihamagaye Umugeni Wayo. Kuba igice cy'ibi. Murabyumva? Noneho, nti - ntimubite, ubu. Mwitonde.

Noneho Ihakora ahantu hafite isuku kugira ngo tuzahabe Iteka.

98 Murebe, ibi, ntibijyana buri gihe na... Ubu bwami bw'Ikinyagihumbi, imyaka igihumbi, si Isi Nshya. Murabona, ubwami bw'Ikinyagihumbi ni ubwami butandukanye. Ni aho turi kujya, Ikinyagihumbi, ariko si Isi Nshya n'Ijuru Rishya. Oya, oya. Ibi, ni ahantu gusa ho kuruhukira, murabona, igihe cy'ikiruhuko, si Ijuru Rishya n'Isi Nshya rwose; mu by'ukuri, murabona, mu Kinyagihumbi, dufite ibintu bidashobora kujya hariya imbere. Ni igishushanyo cy'umunsi wa karindwi wa kera, wa Edeni; umunsi wa karindwi, Imaze kurema isi. Umunsi wa karindwi, Yararuhutse muri Edeni, n'Ikinyagihumbi.

99 Murabona, isi ifite ubu hafi imyaka ibihumbi bitandandatu. Murabona? Kandi imyaka ibihumbi bibiri byose yagize ku - kurimbuka. Murabona?

Ibihumbi bibiri bya mbere, umwuzure waraje, Iyibatirisha (iki?) amazi.

Nyuma y'ibihumbi bibiri, Yesu yaje kuyeza no kuyibohoza, Yamennye Amaraso Ye hejuru, Arayifata iba iye. Byiza cyane.

"Nzagaruka", yego, aho, nk'Umwami n'Umwami kazi We, noneho imyaka ibihumbi bibiri bya kabiri (Irakora iki?), Aje gutanga igihe Cye cy'ikiruhuko.

Kandi aho, Yarayitwitse kandi ayibohoza ku bw'abantu Be; Ashyira abantu Be hejuru.

Noneho murebe, si isi yera, icyo Kinyagihumbi, ni igishushanyo cy'umunsi wa karindwi. Nyuma haza urubanza rw'Intebe y'Umweru. Murabona, turacyafite urubanza. Mu Kinyagihumbi, turacyari mu gihe. Ni umunsi umwe, imyaka igihumbi. Ni kimwe mu bigize igihe. Si, ntimubyitiranye n'Isi Nshya, aho, kubera ko atari byo.

100 Wenda muzabimbwira. Aho, ndabona ko umuntu yashobora kumbwira ati: "Aho, Mwene Data Branhamu, ni iki mugiye gukora ubu? Mwarangije birindwi byanyu mu buryo bwuzuye. Nihe mugiye, gukora ubu? Kandi ni mwe mufite kugabura." Kandi ni byo. Nizera ko Imana ari imwe muri ibyo, kandi. Mwitonde, murebe. Mwamaze amoko y'ubugabuzi. Mu by'ukuri, niba mushaka gushyira ikintu runaka nyuma y'uwo munsi wa karindwi, ese ni gute muzabikora? Mugiye he, ubu?

Byiza cyane, ngiye gutuma mwitondera ikintu runaka, murabona. Murabona? Oya, sinari, sinari namara ubugabuzi. Mfite undi murongo w'Ibyanditswe. Kandi, mwibuke, Rigomba gusohora mu buryo bwuzuye, mu mirongo migari Yaryo yose. Murabona?

101 Noneho, muravuga muti: "Mwene Data Branhamu, muragerageza gushyira ikintu aho, kure cyane, hakurya y'uwo munsi wa karindwi, iyo sabato y'umunsi wa karindwi."

Nk'uko Imana yaremye isi, Yakoze iminsi itandatu, noneho Ikaruhuka umunsi wa karindwi, byari gusa igishushanyo cy'igihe, igihe. Ariko maze kuvuga aha ko duhinduka ab'Iteka.

"Ubwo rero, ikigereranyo cyanyu kirihe, ubu? Muravuga ko muri umuhanga mu by'ubumenyi bw'ikirere. Ubwo rere mwa - mwamaze amoko yose, noneho." Yoo oya, nta gushidikanya oya. Tuze turebe niba ari byo.

102 Dufate Abalewi, igice cya 23 cy'Abalewi. Noneho, ndashaka ko mwareba mu Balewi, aho twari turi ku cyumweru cyashize, cyangwa giheruka... Ni ibyo byampaye igitekerezo, aha ndetse. Igice cya 23 cy'Abalewi, ku murongo wa 26.

Noneho, mwibuke, hari iminsi irindwi y'umunsi mukuru. Umunsi mukuru w'impanda, umunsi mukuru wa - w'ibicaniro, umunsi mukuru w'umusaruro w'ibinyampeke byavanzwe, i... Ibi byose, hari iminsi irindwi ikomeye gusa y'umunsi mukuru yari igishushanyo cy'ibisekuru birindwi by'Itorero. None muribuka umubare w'amasabato wari uhari hagati ya buri umwe muri yo? Murabona, amasabato hagati ya pantekote n'impanda, ni ukuvuga ibisekuru birindwi by'Itorero. Kandi hari iminsi irindwi y'iminsi mikuru, ihagarariye ibisekuru birindwi by'Itorero. Mukomeze mukurikire imibare yanyu.

103 Muravuga muti: "Noneho, aho, Mwene Data Branhamu, ntibikiriho. Murayifite, irindwi yanyu."

Byiza cyane, dufate umunsi mukuru wa nyuma, ari wo munsi mukuru w'ibicaniro. Noneho, murebe aha, ku murongo wa 36.

Mumare iminsi irindwi mujya mutambira Uwiteka ibitambo bikongorwa n'umuriro, uwa munani - uwa munani ujye ubabera uwo guterana kwera (hari ikindi gihe cyera kije)... guterana kwera, muwutambireho Uwiteka ibitambo bikongorwa n'umuriro, ube uwo guterana mwitonze.Ntimukagire umurimo w'ubugaragu muwukoraho.

Aho, dufite u "umunsi wa munani". Nyamara. Hari iminsi irindwi gusa, ariko aha, baravuga ku "umunsi wa munani", guterana kwera, guterana. Murebe: "Ntimuzawukoreho." Umunsi wa munani, cyangwa (iki?) tugarutse ku munsi wa mbere. Noneho, ni Iteka, rigenda, rigenda nta guhagarara. Amina. Murabibona? [Iteraniro riravuga riti: "Amina". - N.D.E.]

104 Murebe, wari kandi uwo munsi wa munani. Umunsi wa nyuma, umunsi w'umunsi mukuru w'ibicaniro, murebe ko nyuma y'ibi, nyuma y'umunsi wa nyuma w'umunsi mukuru, nyuma y'igisekuru cya nyuma cy'Itorero, nyuma y'iminsi irindwi ya nyuma yuzuye ku isi, nyuma y'Ikinyagihumbi, ni aho uko Guterana Kwera kwabereye.

Mwibuke, aha, ni umunsi mukuru w'ibicaniro, ibicaniro, "ahantu ho guteranira". Amina! Aho, nk'uko Bibiliya ibivuga iti: "Mu Kinyagihumbi, bazubaka inzu; bazatura."

Ariko ku Isi Nshya, Yamaze kujya kudutegurira umwanya. Warubatswe. Nta sano dufitanye n'iyubakwa ry'ibyo. Amina. Uwiteka! Yoo, nkunda mu by'ukuri iryo Jambo! Yoo! yo yo! Guterana Kwera, umunsi wa munani. Kandi hari iminsi gusa irindwi. Nyuma, umunsi wa munani, bigarutse na none ku munsi

wa mbere, bigarutse neza ku munsi wa mbere, umunsi wa munani ni Ugute- Kwera... Guterana.

105 Murebe, iminsi irindwi, ireba gusa kurema kwa kera, igihe cy'isi. Iminsi irindwi, ni Ikinyagihumbi, umunsi w'ikiruhuko. Nk'uko Imana yakoze iminsi itandatu noneho Ikaruhuka umunsi wa karindwi, Itorero rikora iminsi itandatu noneho rikaruhuka umunsi wa karindwi, ariko turacyari mu gice cy'igihe. Simvuga iby'Iteka.

Ariko murabona, iminsi umunani, ntibibaho; tugarutse na none ku munsi wa mbere, murabona, umunsi wa mbere.

106 Isabato ivuga itegeko rya kera, ryagombaga kugenda. Kwitondera isabato, ya "yarangiye", cyangwa, nk'uko nabivuze, "byahindutse ikindi kintu". Ntiyarangiye; yarahindutse gusa, kugira ngo itazongera kuba itegeko rya kera, kwitondera umunsi runaka w'icyumweru.

Muri Yesaya, igice cya 19, haravuga, 28:19, ndizera, haravuga hati: "Ni itegeko ku itegeko; bike aha, bike hariya." "Mukomeze ikiza." "Kuko ni n'iminwa ididimanga n'izindi ndimi nzabwiza ubwo bwoko. Kandi dore ikiruhuko." Murabona?

Ni mu Bugingo mwinjira, si mu kwitondera umunsi cyangwa igicucu. Pawulo yaravuze ati, mu Baheburayo, igice cya 4: "Mwitondera iminsi n'ibicucu, n'ibintu nk'ibyo; mfite ubwoba bw'ubunararibonye bwanyu." Murabona, ntitwinjira mu minsi n'amategeko y'umwihariko. "Mwavuye mu rupfu mujya mu Bugingo Buhoraho", si ku minsi n'ibihe. Mwinjiye mu Iteka. Ni ugutera-... kwera, guterana, ahubwo.

107 Iminsi irindwi, murebe, igiye "gushira", cyangwa, ibyo navuze, ni uko igiye "guhinduka ikindi kintu". Iminsi umunani, aho ni ikibazo cyo kurema gushya, murabona, si ukurema kwa kera. Iminsi umunani, ni ukurema gushya. Mu by'ukuri, ni umunsi wa munani Umwami wacu yazutseho mu bapfuye. Nguko ukundi guterana mufite, kwera; nta kwita ku masabato rwose, cyangwa umunsi mukuru w'ibicaniro, umunsi mukuru w'ibi, n'umunsi mukuru wa pantekote. Yesu yazutse mu bapfuye, ku bwo kubarwaho gukiranuka kwacu, umunsi wa munani. Nyuma y'amasabato arindwi, cyangwa iminsi irindwi, Ibisekuru Birindwi by'Itorero, Yesu yazutse mu bapfuye. Umunsi wa munani, ari wo guterana kwera, murabona, ari wo munsi wa mbere.

Murabona, mwarangije kwambuka igihe, noneho mwagarutse mu Iteka; si ukuziririza iminsi, no kuziririza amasabato; n'imboneka z'amezi, n'ibintu nk'ibyo. "Ariko byarashize", mwahinduye ishusho; ntimwakuweho burundu. Icyubahiro! "Ahubwo mwavuye mu rupfu mujya mu Bugingo Buhoraho." Yoo, icyo Bibiliya itwigisha! Murabona, kuva hamwe mujya ahandi.

108 Byiza cyane, "byarangiye", isabato ya kera yararangiye. Yesu yazutse ku munsi wa karindwi. Wari umunsi mukuru w'ikiruhuko, wera. Kandi ntiwari umunsi; mu by'ukuri umunsi, igihe, byari birangiye. Byari bihindutse Iteka. Murabona, byagarutse neza ku munsi wa mbere. Murabona?

Iteka, ni nk'impeta. Ntimushobora kuyibonaho imfuruka. Ntimushobora kubona ahantu aho bihagararira mu ruziga rwuzuye. Murakomeza buri gihe. Nta cyo bimbwiye cyane kugeza aho mujya, murakomeza. Mushobora gutangira guhindukiza gutya; kwambuka inzira, kwambuka isi, kujya hakurya y'isi, murako-...

Ibyaremwe byose aha hasi, byarayobye, ntibyaremwe, na Satani, bizigendera igihe inzogera ikomeye ya zahabu izavuga kandi impanda ikarangurura.

Kandi aho ku ntangiriro, aho inkingi ihambira yakozwe muri Edeni, igihe umuntu yazaga ku isi kandi akagwa, umwana w'intama muto yamennye amaraso yawo, byavugaga Umwana w'intama ukomeye uzaza kumena Amaraso Yawo. Karuvari yahagaritse umusaraba, washyize ihuriro ku Isezerano rya Kera; ku bantu, batsindishirijwe, bari bamutegereje. Kandi muri ubwo bugabuzi bushya, mu Kuza k'Umwami, mu Isi Nshya, umugozi w'agakiza (Amaraso, Imbaraga zacunguwe ndikuvuga, ari we binyuze mu mikorere imwe yacunguye bibiri, umuntu n'isi) azongera azamuke neza mu Iteka. Kandi Inyanja y'Umuriro izatwika ibyanduye byose n'ibitarahateganirijwe. Murabibona?

109 Murebe, ni umunsi wa karindwi Yazutseho ku bwo kubarwaho gukiranuka kwacu. Umwami w'Iteka, n'Ubwami bw'Iteka bugomba kubatirizwamo ku bw'Ubugingo bw'Iteka. Si iminsi irindwi; nta sano byari bifitanye n'umwe mu minsi. Ni ikindi kintu, cy'Iteka, kije; ni igihe cy'Iteka, Isi ndikuvuga.

110 Kandi, murebe, nyuma y'iminsi mirongo itanu, cyangwa nyuma y'amasabato arindwi, habayeho na none ukundi guterana kwera. Byagenze gute? Umwuka Wera wamanutse Umunsi wa Pantekote, umunsi wa karindwi... Cyangwa, umunsi wa munani, ahubwo, umunsi wa munani, wamanutse umunsi wa munani. Byari amasabato arindwi nyuma cyane, neza, nyuma y'umuzuko We, murabona; ibikora na none inshuro zirindwi, kugira ngo bigaruke na none neza ku munsi wa mbere w'icyumweru, neza. Murabona?

111 Nguko, guterana kwanyu kwera, nta sano bifitanye n'ibintu by'amagambo. Ni kure cyane y'ibyo. Ni mu Bwami bw'Imana, hamwe n'Ubugingo bw'Iteka, hamwe n'abatoranijwe kera, batigeze batangira na

rimwe. Ntibyigeze rwose bitangira umunsi runaka. Ntimwacunguwe umunsi runaka. Mwakijijwe igihe cyose. Amina. Yesu yaje gusa kubicungura; ariko mwari mwarakijijwe, kuva ku ntangiriro, kubera ko mwari mufite Ubugingo bw'Iteka, mugitangira.

112 Isamaki yitwa turuwite ntishobora kuba iyitwa orufi cyangwa ifi nto yitwa tetari. Birasoboka ko yaba iri mu mazi amwe n'indi, ariko, kuva mu ntangiriro, yari turuwite. Umutego warayifashe gusa, murabona, ni cyo yari cyo kuva mu ntangiriro. Ngibyo ibyo... Noneho, ntitwamaze ibyo kugabura. Si byo? Turi mu Byanditse byuzuye. Nyuma y'iminsi mirongo itanu, byaraje.

113 Murabona, umunani ntushobora kubarwa mu cyumweru. Murabona, ntidushobora kubibara, iminsi umunani mu cyumweru. Ntibishoboka, murabona, kubera ko hari iminsi irindwi gusa mu cyumweru. Mubibare niba mubishaka. Ku cyumweru, ni umunsi wa mbere w'icyumweru. Murabona, mubaramo irindwi, noneho nyuma mugombo kugaruka kandi mukongera mugatangira. Mubara irindwi, mukagaruka, kandi mukongera mugatangira. Murabona?

114 Kandi na twe, twabayeho ubwo bwoko bwose, aha; gusa, iyo mugeze ku wa munani, mwinjira mu Iteka. Ntimuzanwa n'amategeko, n'imihango, n'amabwiriza. Muzanwa n'igeno. Amina! Nguko guterana kwera k'ukuri! Murabona? Kandi turi ku iherezo ry'igisekuru cya karindwi cy'Itorero, igisekuru cy'Itorero, igisekuru cya Pantekote. Murabona? Twinjira muri uku guterana kwera. Twinjira muri iri Teka ry'ukuri, ry'umwimerere, aho Itorero rihamagarirwa; si mu rusengero, mu idini, ahubwo kwinjira mu Iteka hamwe n'Umwami w'Iteka. Murabona? Ntidufite ibi rwose, nta na kimwe muri ibi byose, iminsi, n'ibindi, n'ibihe. Mwagiye mu Iteka, aho muturuka. Mwari aho kuva mu ntangiriro. Murabona?

115 Niba mufite Ubugingo bw'Iteka, hari ishusho imwe gusa, ni Imana, kandi muri ikiremwa cyagaragajwe. Murabona? Niba mu... Niba mutari cyo, mu buryo bwose, ntimuzabayo. "Nta muntu n'umwe ushobora kunsanga, Data atamukuruye." Murabona? Ibi "birashira", ibintu bya kera byose; ariko ibyo Bintu, oya, ni ukuvuga ko ari Iteka. Umwuka Wera ni Iteka. Ubwo rero, muri mu Iteka, aho mwahoze igihe cyose, ariko mumaze gusa kwibuka ibyashize.

Murabona, mwaremwe mu ntego y'Iteka, kubera ko mwari u - ukwigaragaza kw'ikiremwa cyari mu Mana, yabatekerejeho kandi ikabagaragaza; kandi Yaremye isi kugira ngo iyibakuremo, no kugira ngo ibahindure ikiremwa muntu. Kandi icyaha cyaje gucurika Inzira Yayo. Mwaraje nubwo bimeze gutyo, ariko mwari mwarazimiye, hamwe n'isi. Ubwo rero, Yaje kubacungura, ishusho yagaragajwe, kandi Inacungura iyi si mu buryo bumwe. Hanyuma, Gahunda Yayo ikomeza kwigira imbere. Murabona? Yoo! Aleluya! Yoo, bituma mera neza cyane, nta kindi uretse gutekereza ku bidutegereje!

116 Noneho, muri Efeso 1:10, byitwa, si ukugabura, si umunsi wa karindwi. Byitwa "kuzura kw'igihe". Kandi igihe "kuzura kw'igihe" kwageraga, ni iyo igihe cyabaga cyasohoye. Iyo hatakiri igihe, aho mwinjira mu Iteka, igihe igisekuru cya karindwi cy'Itorero kirangiye, kandi ni ko kiri; igisekuru cya Luther cyararangiye, igisekuru cy'abametodisiti cyararangiye, igisekuru cya Pantekote cyararangiye. Noneho ubu, mwinjira mu (iki?) Iteka; ntihakiri karindwi, ntihakiri gatatu, ntihakiri ikindi kintu. Bari mu Iteka, ahatari igihe, hamwe n'imibare, n'ibihe, n'ibindi. Amina! Yoo! yo yo! Murabibona noneho?

117 Cyangwa nyuma yuko igihe gisohoye, icyaha cyose kiragenda, kigakurwaho, mu Kinyagihumbi, mu Rubanza rw'Intebe ikomeye y'Umweru. (Ikigereranyo, n'Umwuka Wera.) Nyuma yuko isi igiye mu muriro kandi ikabatizwa, ku mubatizo wayo w'Umuriro wera w'Ijuru; icyaha cyose cyaragiye, udukoko twose dutera indwara twaragiye, amadayimoni yose yaragiye, abanya- ... bose ibigeragezo byaragiye, ikibi cyose cyaragiye. (Ikigereranyo, ubu.) Hanyuma, ni iki Imana ikora? Ishobora kwicara ku isi, murabona, kubera ko icyaha cyose cyagiye.

118 Ni ikintu kimwe Ikora iyo Ibahaye umubatizo w'Umwuka Wera n'Umuriro. Ishobora kuza guturana na mwe, kandi dushobora kwicara ahantu ho mu Ijuru muri Yesu Krisitu, kubera ko twamaze kuba muri We. Si "tuzaba". Ubu twicaye muru Krisitu Yesu. Ese ni gute twinjira aho imbere? N'umubatizo umwe gusa w'Umwuka Wera. "N'Umwuka gusa twabatirijwe twese muri Krisitu", kandi turimo ubu. Si "tuzaba" muri Krisitu; Turimo! Ni We Umwami ukomeye w'umwuka ku Mwuka uru muri twe, kubera ko twari muri We mu itangiriro.

119 Murabona, Imana, mu itangiriro, igihe Yabatekerezagaho kandi Igatekereza ku bandi gutya, Yatekereje guhinduka Ubwayo igifatika. Byari ibitekerezo Byayo. Murabona? Ubwo rero, Yagaragaje ibitekerezo Byayo n'Ijambo. Yaravuze iti: "Habeho" "Habeho", kandi hababaho. "Habeho", kandi hababaho.

Nyuma, nyuma y'igihe, Yakomeje kuvuga iti: "Habeho", kugeza ubwo umunsi umwe abantu bavuga bati: "Imana ntivuge!"

Yaravuze iti: "Noneho, Nzabavugisha nyuze mu muhanuzi." Murabona? "Kuva ubu, Nzabavugisha nyuze mu muhanuzi."

Noneho umuhanuzi yaravuze ati: "Hazaza, hazaba", kandi biraba, kandi biraba. Kandi biraba, kandi biraba, murabona, neza gutyo. Murabyumva noneho?

120 "Kuzura kw'igihe" kwaraje, nyuma yuko igihe cyuzuye. Icyaha cyaragiye, nyuma y'umubatizo w'isi, nyuma yuko umubatizo w'isi uhakoze ahantu hafite isuku; nta ndwara, nta dukoko dutera indwara; nta mahwa, nta mishubi; nta rupfu, nta gahinda gakabije, nta mitima ifite intimba; nta gusaza, nta kintu gihagarariye urupfu; nta kintu kibi; byose nk'uko bikwiye; nta kintu gisanzwe. Iteka!

Ubwo rero, ishusho yayo iba igaragaye, kubera ko yari aho, mbere na mbere, mu itangiriro. Ni byo Yatekerezaga.

121 Nyuma, byagenze gute? Yashyize Adamu na Eva aha ku isi, noneho Iravuga iti: "Noneho, mwiyongere kandi mwuzure isi." Imibiri yabo yari yiteguye, aho, kugira ngo murye, kugira ngo mwubake umubiri wanyu. Byari uburyo Bwayo bwo kubikora.

Ariko icyaha cyaje guhagarika gahunda Yayo. Bikomeza kugenda, nubwo bimeze gutyo, igihe kirakomeza.

122 Ariko ni iki Yesu Yakoze? Imana yaramanutse noneho Yigaragaza mu ishusho y'Umuntu, y'ikiremwa muntu; Yatanze ubuzima Bwayo, aho kuguma aha. Ni Yo yari Umwami, gusa Yitanze kugira ngo icungure abandi. Murabyumva?

Kandi igihe byose byarangiraga, ubwo byagarutse ku murongo neza, noneho intego y'Imana yarasohoye. Dore na none Umwami w'Iteka hamwe n'abagaragu Bayo b'Iteka, bagaragajwe mu mubiri wa kimuntu, neza nk'uko Yabikoze; icyaha cyakuweho; Satani yaragiye; aho, byararangiye neza.

123 Ni iki kizabikora? Iyi si ntiyashobora kuba ahantu aho Ijuru ryashobora kugira icyicaro ubu. Mukirebe, icyaha. Izagomba kwezwa.

Nta muntu n'umwe, nta muntu, nta mugore n'umwe, umuhungu, umukobwa, nta cyo bimbwiye cyane uwo ari we, ushobora kujya ku ruhimbi, cyangwa kwiyita umukirisitu, nta kuzura Umwuka Wera. Ntimufite uburenganzira ku ifunguro ry'umugoroba ry'Umwami, cyangwa ku gusangira, ku kozanya ibirenge, cyangwa ikindi kintu, igihe cyose mutejejwe n'Umuriro Wera w'Imana.

Nta muntu n'umwe ufite uburenganzira bwo kwigisha igihe cyose, mutahuye nka Mose, aho, ku kibuga cyera, iyo Nkingi y'Umuriro ihagaze aho, ubwo rero azi aho ari, Murabona?

124 Murebe ukuntu, ukuntu tugenda. Nyuma y'umubatizo w'Umuriro w'isi, udukoko twose dutera indwara twaragiye, ubwo, byahahinduye ahantu hera ku buryo Ijuru ritura aha ku isi. Igishushanyo, aho, kwicara ahantu ho mu Ijuru muri Yesu Krisitu; tuvuye muri ibi, twanduye nk'uko uwo mugore muto yari, tukaba igishushanyo cy'Imana yagaragajwe. "Noneho, turi Abana b'Imana", si tuzaba. Turi ishusho y'igitekerezo cy'Imana. Murabona?

125 Aho, muravuga muti: "Noneho, murebe uwo mutambyi. Ese ntiyari umwana w'Imana?" Byagaragaye ko atari we. Ni iki atashoboye kuzirikana? Ese yaravugaga ati: "Nizera Bibiliya"? Neza cyane. Ariko ntiyashoboraga kumenya Ijambo ry'igihe, ryagaragajwe. Ibyo yari afite byose, byari ubumenyi bwa gihanga bw'itsinda ryabaye aho mbere ye. Kandi ni ikintu kimwe uyu munsi! Murabona? Nzi ko bifite imbaraga, ariko ni Ukuri. Ijambo ryari aho, kimwe neza nk'uko Ryavuzwe ku bw'uwo munsi; kandi we, nyamara, yari umunyabwenge, nyamara, yari umuntu uzwi, gusa, ntiyashoboye kurimenya. Kubera iki? Nta cyo bivuze cyane uko yari umunyabwenge kose, n'ibi byose, ntiyari yarigeze agira ishusho yo kuba yaratoranijwe mbere. Murabona?

Ni umuntu gusa watoranijwe mbere, ni we gusa uzabikora; ntibishobora kuba ukundi. Kandi mushobora gusa kubikora... Mu by'ukuri, mwumve, bihamya gutoranywa mbere. Kuko, niba mufite Ubugingo Buhoraho, ni ngombwa ko muba mwarabaye igice cy'Imana igihe cyose, kubera ko Ni Yo gusa Uwiteka. Murabibona? Yoo! yo yo! Mubitekerezeho.

126 Noneho, murebe ibiba mu gihe cy'Ikinyagihumbi gihebuje. Nta cyaha na kimwe, Ikinyagihumbi cyiratangiye, ni igihe ubu ku Mwuka Wera cyo gufata umwanya Wawo.

Neza nk'uko Ibikora muri twe, "tuvuye mu rupfu tujya mu Bugingo", dutura ahantu ho mu Ijuru muri Krisitu, mu Bwiza Bwe buhebuje. Ndetse n'urupfu ruzashira, ubwo rero; nk'uko urupfu rw'umwuka rwashize ubu.

Ntihariho urupfu rw'umwuka ubu, ku - ku - u -uwera w'Imana wabatijwe. "Azabaho, ariko azapfa. Uba muri muri Njye kandi akanyizera ntazigera apfa." Ibyanditswe byose, Bigomba gusohora. Murabona? Ntimushobora gupfa. Mufite Ubugingo Buhoraho. Ibihari byose, ni uko Umucunguzi yongeye kubibibutsa. Kandi ni ko mwagumye kuba, kandi ni yo mpamvu mubona umunsi mwabagamo. Ni bangahe bawubona? Muzamure ikiganza. Murabona? Umunsi turimo, murawuzi.

127 Noneho, abametodisiti baravuze bati: "Iyo dutereye hejuru n'urusaku, tuba tumufite." Benshi muri bo batereye hejuru n'urusaku kandi ntibamufite.

Pantekote yaravuze iti: "Iyo tuvuze mu ndimi, tuba tumufite." Hari benshi bavuga mu ndimi batamufite. Murebe ukuntu, ishusho zose abo bafarisayo bari bafite, ariko igihe Ijambo ryagaragazwaga, ntibarimenye. Murabona? Murabona? Kandi niba muri Umugeni, Umugeni ni igice cy'Umugabo. Kandi niba... Ahantu hamwe gusa wenda muzamumenya, ni ukumenya igice cy'uwo Mugabo (iryo Jambo) muri, niba atari ibyo ntimushobora kumenya ko muri Umugeni. Ni bangahe babibona? Murabona? Murabona? Mugomba kumenya aho muhagaze.

128 Ntimushobora kumenya aho undi muntu ahagaze. Ese iyo - ese iyo Mose aba yaraje n'ubutumwa bwa Nowa? Kandi Nowa yari igice cya ryo, ariko ntibyari bugende. None iyo - iyo - iyo - iyo Yesu aba yaraje n'Ubutumwa bwa Mose? Ntibyari bugende. Murabona, byari ikindi gisekuru, byari ubundi buhanuzi, ikindi gice cy'Ijambo cyagombaga gusohora aho. Bari undi munsi w'icyumweru. Si, ntidushobora gukora umurimo wo ku wakabiri no ku wa gatatu. Ku wa gatatu ugomba gukorwa ku wa gatatu. Murabona? Ku wa gatandatu, bigomba kuba umurimo wo ku wa gatandatu. Murabona?

Kandi bo, bari bazi: "Yoo, Mose, dufite Mose."

Yaravuze ati: "Iyo muza kumenya Mose, mwari bumenye, kuko ni we wavuze kuri Njye. Uwiteka Imana yanyu izahagurutsa umuhanuzi nka njye." Muracyumva iki gitekerezo? Yoo! yo yo! Murabona? Noneho nyuma, Yesu yaravuze ati, muri Yohana 14: "Igihe Wo, Umwuka Wera uzaza, Uzabibutsa ibyo byose, murabona, uzabereka umunsi murimo, Na none ikindi kintu muzawumenyeraho, ni uko Uzabereka ibintu bizaza," murabona, murabona, bundi bushya uruhande rw'ubuhanuzi, neza rwose, "igihe Uzaza." Murabona?

129 Mu Isi Nshya n'Ijuru Rishya, ntibizongera kuba na rimwe nijoro, igihe iyo Si Nshya izaza. Satani izabohwa... Satani, iracyari mu bwigenge ubu; ni umurezi. Ariko mu Isi Nshya, izabohwa noneho ijugunnye mu Nyanja y'Umuriro, muri uwo Muriro wera.

130 Ubwo rero, muri iyo Si Nshya, tuyisuzume umwanya muto, ubu. Muri iyo Si Nshya, ijuru ntirizongera kwijima na rimwe; oya, ibi, biva ku muvumo, murabona. Nta na rimwe kwijima kw'ibicu biteye ubwoba. Imiyaga ntizongera na rimwe kuyikubura gutyo. Oya. Ntuzongera kuranduza ibiti, no kuranduza amazu, no guhirika ibintu. Imirabyo n'umujinya ntibizongera na rimwe gusohoka kwa Satani, aho, kugira ngo byice umuntu wigendera mu nzira, cyangwa bitwike inyubako. Murabona? Oya, ntibizongera na rimwe. Ntihazongera kubaho inkubi y'imiyaga izakubita, cyangwa imiraba na za serwakira, biranduza amazu, kandi bikica abana bato, n'ibindi. Oya - oya, ntibizongera kubaho. Kugira ngo bigerageze gusenya, ntibizongera kubaho. Satana yarirukanwe.

Nifuzaga ko twagira igihe, ubu. Aho, nsimbutse imirongo y'Ibyanditswe, kugira ngo tudakererwa cyane. Ngomba gusengera abarwayi.

131 Ijuru n'Isi byarahuye; Imana n'Umuntu byariyunze. Edeni yagaruwe yaratangiye; murabona, umuvumo wose waragiye. Kimwe n'uko umuvumo wose w'icyaha wigendera iyo Umwaka Wera ubemeye. Murabona, si mwe muwemera; ni Wo ubemera, murabona, kubera ko Ni ishusho y'Imana. Murabona, niba ari Umwuka Wera, bishatse kuvuga Umwuka w'Imana; kandi ishusho, igitekerezo cy'Imana, cyabemeye kubera ko mwari mwarabigenewe mbere muri iyo ntego. Murabona? Nyamara, mwavukiye mu cyaha; ariko Imana yari ifite iyo shusho, kandi aho, mwagaragaye aha ku isi, kandi Imanuka kubafata. Murabona, muri aha; umwanya wanyu, ni aha. Murabona? Murabona, icyaha cyataye ububasha bwacyo. Ni byo. Icyifuzo cy'icyaha cyasohotse mu mutima wanyu, igihe Umwuka Wera winjiye. Muri umuntu wagaruwe.

132 Noneho nyuma, iyo isi igaruwe, n'ikintu kimwe, ntihashobora kongera kubaho imivumo, nta miraba ukundi, nta miyaga ukundi, nta nkubi z'imiyaga ukundi - inkubi z'imiyaga, ahubwo. Muba mwiyunze; umuntu n'Imana barahuye. Isi Nshya izaba, izambara bushya ubwize bwayo bwa Edeni. Isi Nshya izaguka, nyuma y'umubatizo wayo w'Umuriro. Mutekereze gusa, izafata umuriro kandi ishye. Ibintu byatwitswe bi - bizashira. Imirimo yose ku isi izashya. Amazi yose azasandara; azagurumana noneho asandare yose. Byose bizaturika. Hazabaho kuruka kw'ibirunga, n'igikoma cyavuye mu iruka ry'ikirunga cyaka kizazamuka ku bihumbi n'ibihumbi mu kirere. Udukoko twose dutera indwara... Umwuka Wera w'Imana uzasukura ibisigazwa byose by'icyaha cyose, n'ibindi. Satani yose izabohwa kandi ijugunywe mu Nyanja y'Umuriro, Umuriro urimbura, umujinya w'Umuriro w'Imana.

133 Ntihazongera kubaho ukundi inyamaswa izaba ihari ngo ibice. Igihe muzatembera mu nzira, mu busitani bw'indabo, ntihaza hari inzoka, aho, kugira ngo ivugirize mu matwi yanyu kandi ngo ibarume, hamwe n'ubumara bwayo bwuzuye uburozi. Yoo! yo yo! Bizaba bihebuje, si byo? Mwumve. Kuri iyi Si Nshya, ntihazabaho imisozi mito y'ibyatsi by'umuhondo, nk'igituro; ntibizabaho, aho.

Umuntu n'Imana bunze ubumwe; Umugeni n'Umukwe. Ijuru n'isi byarahuye; Imana yamanukiye gutura mu bantu. Igicaniro Cyayo kiri hamwe na bo. Ntihazongera kubaho icyaha, nta mubabaro ukundi. Ntihazongera kubaho amarira agwa ku itama ry'umubyeyi w'umugore, kubera umwana we. Amina. Ntihazabaho ibi, kuri ubwo Butaka Bushya. Oya. Yaracunguwe. Ni Yayo, na bantu Bayo bacunguwe. Murabona?

134 Kandi, murebe, muri igice cy'ubu butaka. Si byo? Kandi igihe Yabacunguraga, Yacunguye isi n'ikintu kimwe, kandi muri hamwe bundi bushya. Yoo, ese ni gute byashobora kugaragara cyane? Murabona? Mugomba gucungurwa kubera ko muri igice cya byo. Kandi niba Amaraso ataratembye kuri mwe, ntimwari mwacungurwa; ntimwahamagawe. Nyuma Irayeza; ni ikintu kimwe Ikora n'Umuriro. Nubwo Amaraso yatembye, igomba na none kwezwa n'Umuriro, ni byo, kugira ngo ibe ubuturo bw'Imana. Imana yamaze gutoranya urugo, mu buryo bufite imbaraga. Ubwami bw'Imana buri ku isi muri uyu mwanya, mu mitima y'abera Bayo. Ni ibiremwa Byayo Yatangije mu itangiriro. Ubu, ibiremwa byayo byaracunguwe. Ni iki Itegereje? Gucungura isi, kugira ngo ishyiremo ibiremwa Byayo, kugira ngo isohoze neza gahunda Yayo yagenwe kera. Ese murabibona?

135 Murebe, nta bituro ukundi, nta marira yamenwe ukundi, ntibizongera na rimwe, ntihazongera kubaho kumena amaraso. Ntizongera na rimwe gutoswa n'amarira amenwe cyangwa n'amaraso. Oya. Ntihazongera kubaho intambara. Oya. Ntihazongera kubaho ibicu by'itumba. Ntihazongera kubaho urubura ku gituza cyayo; ntiruzongera kuhirunda na rimwe. Ubushyuhe bw'izuba ntibuzongera gutwika na rimwe akanyatsi kayo. Aleluya! Ndetse n'ubutayu buzamera amaroza", Imana yarabivuze; igihe izacungurwa, igihe izagira umubatizo wayo w'Umuriro. Muri uyu mwanya, hari ubwoko bwose bw'ibihuru n'amahwa, n'ibindi, aho, ariko hari umubatizo w'Umuriro ubitegereje.

Byari kimwe ku muntu, igihe yari agifite urwango, ubugome n'ubugizi bwa nabi muri we; igihe umubatizo w'Umuriro wazaga, wogeje byose. Ntihakiri ishyari, ntihakiri ikindi kintu; ni mu buryo bwuzuye ubuturo bw'Imana. Kandi, mwibuke, ni intumwa Zayo zizahura na Yo aho. Amina! Yoo, mbe...

136 Si inkuru rwose; ni Ukuri. Ni byo Imana yavuze. Ni byo Yasezeranije. Ni aho Umugeni azajya. "Ndetse n'ubutayu", Yaravuze iti, "buzamera indabo, buzahinduka iroza."

Satani, icyaha, n'abanyabyaha byashize by'igihe cyose. Byose birarangiye; byashongeye mu Iteka. Kandi ibyacuritswe byose, uwo mumarayika ukomeye wari uri aho, umunsi umwe, Satani, yakoze ibyo bibi byose, izarimbuka. Muribuka, Bibiliya yaravuze iti: "Niba ubwo bugingo budashaka gukora ibyo Yakoze, yavuze gukora, Izanarimbura ndetse ubwo bugingo."

Ariko, murabona, Ntishobora kwisenya Ubwayo ngo igume ibe Imana. Ni ukuvuga ko, niba ubwo bugingo ari ubw'isi, bugomba kurimbuka. Niba ariko ari ubw'Iteka, hamwe n'Imana, ntibwigeze na rimwe bugira intangiriro, kubera ko ari igice cy'Imana, ubwo rero ntibushobora na rimwe kurimbuka. Amina! Mbega ukuntu ari byiza! Ni kangahe - kangahe tuzirikana ko Itorero ryakagombye kubibona!

137 Nshuti, ibyo mwakoze byose biri aha ndetse. Ni byo ngerageza kuvuga. Mbishyize ku ruhande kubera ko nshaka kugaruka aho hejuru.

138 Ndetse n'ibyo bintu, Satani, abanyabyaha, byarashize, by'Iteka; ntibizongera kubaho na rimwe. Byose... Murabona, Satani ntishobora kurema. Iyo biza kuba ari ko bimeze, yari bube Imana. Murabona? Ishobora gusa gucurika ibyaremwe. Kandi kuyoba kose, ibyayobejwe byose bizakurwaho. N'urupfu, ni kuyobywa k'ubuzima; kandi igihe kuyobywa kuzaba kurangiye, ntihashobora kungera kubaho urupfu. Ubusaza ni ikimenyetso cy'urupfu; kandi igihe ubusaza bwashiraga, ubuzima bwarinjiye. Ibimenyetso byose byo kuyobywa n'ibisigaye byose byarashize. Amahwa n'imishubi ni ikimenyetso cy'icyaha, "isi izavumanwa na bo", kandi bizakurwaho. Indwara, yanyuze aho, izakurwaho. Urupfu ruzakurwaho. Amaraso yamenwe, bizakurwaho.

139 Nta kindi kintu kizaza gukora kuri ako kanyatsi uretse kwera, Abacunguwe. Yoo! yo yo! Yego. Yoo, ndumva meza neza cyane. Imana, no kureba Kwayo; n'ibyaremwe Byayo by'uko kurema byacunguwe n'Amaraso Yayo Bwite. Byejejwe n'uburyo Bwayo Bwite bwo kweza; uburyo Bwayo bwica udukoko dutera indwara, bwica icyaha!

Nk'iyo bari kwica udukoko dutera indwara, uburyo bwiza cyane bwo kwica izo mikorobe twigeze tugira, ni umuriro. Dushobora gufata ikintu icyo ari cyo cyose noneho tukacyojyesha amazi arimo isabune n'ibyo bintu byose by'ubutabire bavuga, ntibibikuraho na none mu buryo bwuzuye. Ariko muzagitwike rimwe!

140 Kandi igihe Umuriro wera w'Imana uzeza isi hamwe n'Ibintu by'ubutabire; Izaba yarazamuye Umugeni Wayo, uzashobora kwinjirana na Yo mu Ijuru, mu gihe byose biri kuba. Kugira ngo nyuma hagaruke ku isi, Ijuru Rishya n'Isi Nshya. Ubukonje bw'itumba ntibuzashobora kumugirira nabi. Ubushyuhe bw'iki ntibuzashobora kumugirira nabi. Ubutayu buzamera indabo zisa nk'iroza. Ntihazongera kuba icyaha cyangwa abanyabyaha.

Imana, n'Ibiremwa Byayo no kurema Kwayo bitura hamwe mu bwumvikane bwuzuye. Nk'uko ijuru n'isi ari umugabo n'umugore, kimwe na Krisitu n'Itorero, kandi bazahurira bose muri gahunda ikomeye kandi ihebuje yo gucungura, kandi bagarurwa uwo mwanya mu gituza cy'Imana. Murabibona?

141 Kandi, mu Isi Nshya, hari Umurwa Mushya. Yoo! yo yo! Mwumve neza, ubu. Ntimwibagirwe ibi. Yesu yavuze ati, muri Yohana 14, ko Yari agiye kuwutegura. "Ntimuzahagarike imitima yanyu." Igihe Azagenda,

"Mfite impamvu yo kugenda. Mwizeye Imana," ni ko Yavuze, "Nanjye munyizere." Ntibashoboraga kubona ko Yari Imana. Yaravuze ati: "Mwizeye Imana, noneho, munyizere. Kandi ngiye kubategurira Umwanya. Mu Nzu ya Data hari ubuturo bwinshi; mu Bwami bwa Data hari ingoro nyinshi." Krisitu ni ho ari, ahugiye mu kubaka iyo Yerusalemu Nshya ubu. Noneho, mwumve neza. Mutuze. Nti, ntimubibure. Krisitu ari mu Ijuru, uyu munsi, mu gutegura Yerusalemu Nshya.

142 Nk'uko Imana yaremwe isi mu minsi itandatu, Yaremye isi mu minsi itandatu, cyangwa mu myaka ibihumbi bitandatu. Nk'uko yabivuze ati: "Ntimugomba kubiyoberwa", twabisomye mu Byanditswe," imyaka igihumbi, ni umunsi umwe."

Kandi yaragiye, kandi Arigutegura Umwanya, urimo kubakwa kuva mu bihumbi n'ibihumbi by'imyaka, Ari gutegura Umwanya." Kandi igihe nzaba narigendeye, kandi nkaba maze gutegura umwanya, Nzagaruka, kandi Nzabatwara; kugira ngo aho Ndi muhabe na mwe." Murebe, Umucyunguzi n'Abacunguwe!

143 Nifuzaga kugira igihe ubu. Nanditse aha, Salomo uvuga ati, "uwo mukobwa muto, Umugeni". Yoo, turi bugombe ibi kubishyira ku ruhande; igihe kirakuze cyane, murabona. Nzabigarukaho. "iyo agerageje kumufata, ariko yarambagijwe n'umushumba w'umusore." Bamwe bizeye nta gushidikanya ko ari indirimbo yaririmbaga. Yoo, oya. Salomo yari intebe y'ubwami yarazwe na Dawidi, ku isi, ariko yerekanaga ko ubwo bwami bwagombaga gushira. Byari igishushanyo cya Krisitu ufitiye urukundo Umugeni. Murabona?

144 Murebe ko Yesu yavuze ati, Yohana 14 noneho, "ngiye gutegura Umwanya".

Yoo, ese azasa n'iki? Yoo, Umugeni, wamaze gutekereza icyo azasa na cyo? Warateguwe kandi uremwa n'Umwubatsi wo mu Imana. Uwo Murwa uzasa n'iki? Ubu noneho ngiye kubivugaho mu minota runaka. Umwubatsi w'Imana yarawuteguye, yarawuremye. Kandi, murebe, Yawuremesheje ibiganza by'urukundo, ku bw'Umugeni Wayo mukundwa. Ese uzasa n'iki?

Mushobora kwibaza umuntu uhiyizi, ugiye gufata umugeni, ukuntu yubaka kandi agashyira ku murongo ikintu cyose gito neza akurikije ibimuryohera, neza nka we, aramukunda? Amina.

145 Noneho, Umwubatsi w'imana yaremye Umurwa Mushya, aho Azaba n'Umugeni We, neza bijyanye n'ibimuryohera kuri We. Ntibitangaje ko intumwa yavuze iti: "ijisho ritabonye, ugutwi kutumvishe, n'ibitarigeze na rimwe bizamuka mu mutima w'umuntu." Tugerageje kureba niba dushobora kubirondora mu kanya gato kugira turebe icyo bizasa na byo. Umwubatsi w'imana yabiremeye abakunzi Bayo. Murabona? Yoo, mbega ukuntu hagomba kuba ari ahantu hahebuje, igihe Kamere y'Imana, Umwubatsi w'Imana yaharemeye ku bw'ikiremwa cy'Imana, cyabigenewe mu buryo bw'Imana n'Imana y'Imana Ariyo muremyi w'Ubugingo bw'Imana! Ese uwo Murwa uzasa n'iki? Mubitekerezeho.

146 Mwibuke, si Ijuru. Yohana yaravuze ati: "Ndawubona umanuka mu Ijuru." Uzaba ku isi. Murabona? Si uko iyi si izashira; ni isi yacunguwe. Imana ntiyavuze ko Izabyutsa igisekuru gishya; Izacungura ikiri aha. Ntizabyutsa igisekuru gishya; Icungura ikiri aha. Ntizarema isi nshya; ni iyiri aha ndetse. Izayitwika gusa mu buryo bwuzuye, kuyeza, nk'uko Yabibakoreye. Gahunda Zayo zigomba kugumaho iminsi yose. Noneho, murebe, bizaba.

147 Mwibuke, ntibizaba Ijuru. "Umanuka mu Ijuru." Ni Ahantu ho gutura, Ahantu ho gutura, aho Izashyira ubuturo Bwayo. Nk'uko, yari Yohana, mu kirwa cya Patimosi, aha, mu Byahishuwe 21, yawubonye "umanuka". Yohana yabonye Umurwa "umunuka mu Ijuru", nk'inuma, nk'uko yawubonye. Dore Imana imanukira ku Gicaniro Cyayo cy'isi, Yesu, mu... "umanuka mu Ijuru." Yesu yarabatijwe, Yahise ajya...

Igihe Yahuraga n'umuhanuzi! "Ijambo rije ku muhanuzi." Kandi Yari Jambo. Kandi umuhanuzi yari aho, yahakanaga amadini yose, n'ibindi byose. Kandi, igihe yabonaga Jambo, Jambo yaje neza amusanga.

Kandi umuhanuzi yahagaritse umutima cyane kuburyo yavuze ati: "Ni njye ukeneye kubatizwa na We. Kuki Uje unsanga?"

Yaravuze ati: "Reka tubikore, kuko biradukwiriye (tuzi ubutumwa) gusohoza ibyo gukiranuka kose. Ndi Igitambo; Kigomba kozwa." Yarabikoze.

148 Igihe Yasohokaga mu mazi, yaravuze ati: "Ndabona ijuru rifunguye." Umuhanuzi yarabibonye. Yabonye ijuru rifunguye.

Noneho ubwo mu Ijuru hamanutse ishusho y'Inuma; n'Ijwi, ryavugaga riti: "Ibi ni igice Cyanjye cy'isi Nacunguye, kandi kuri iki gice cy'isi Nzacungura ibisigaye, kuko Ni Ijambo Ryanjye ryagaragajwe." "Kandi isi yose, ni n'Ijambo Ryanjye Nayiremye", Abaheburayo 11. "Kandi Satani yayifashe muri icyo gihe cyose, ariko Naje kugira ngo Nkicungure. Ingano runaka y'isi yafashije gukora Umubiri We, kandi Nje kugira ngo mpature."

149 Yohana yaravuze ati: "Nabonye Umurwa Wera, Yerusalemu Nshya, imanuka mu Ijuru, nk'uko Umugeni yirimbishije ku bw'Umukwe We." Ese noneho ni he wahagaze? Neza nk'uko Yabikoze aho; ku isi. Yesu yari

igice cy'iyo si Umwuka Wera, wamanukiyeho (si byo?), kandi Wagumye kuri We iminsi yose. Ntushobora na rimwe kumusiga. Uracyari aho. We n'Imana ni Umwe. Ugumba kuhaguma igihe cyose!

Kandi noneho, Yohana yabonye Umugi wera, Yerusalemu Nshya, imanuka nk'umubumbe, cyangwa i - inuma, imanuka mu Ijuru kandi ihagarara ku isi yacunguwe, yose, (kugira ngo hakorwe iki?) kugira ngo ibohoze ibiremwa byose byatumye Irema isi. Abagabo bose bari bahagarariwe mu Iteka, n'abagore bose, baracunguwe, ubwo rero. Yarasukuwe kandi itwikwa n'Umuriro. Yesu, mu bigeragezo Bye byaka mu butayu, mu minsi mirongo ine. Nyuma y'ibyo, murebe, byari byiteguye ku bw'ubukozi Bwe.

150 Mubitekerezeho, Umwuka Wera umanuka ku isi, Yesu, n'ayo Maraso yera! Noneho, murebe neza, kandi nizeye ko ntagiye imbere cyane kuri mwe, murabona. Amaraso Yera yaremwe [Mwene Data Branhamu akubita inshuro nyinshi ku ruhimbi. - N.D.E.] N'Imana; Amaraso, Ubugingo, kurema kw'Imana.‟ Yesu yari intangiriro yo kurema ku Imana.” Yoo! Murabibona? Imana, yahinduwe ikiremwa. Yari Umwuka, kandi Bibiliya ivuga ko ‟Ari intangiriro yo kurema ku Imana”. Ese ni gute Yatangiye? Mu nda y'umugore. Bishatse kuvuga iki? Umugore si...

Mbega ukuntu izo mpumyi, zidashobora kubona u ‟urubyaro” rw'inzoka, aha ndetse. Murabona? Eva yashyizwe aha ku isi, kandi, mbere ndetse yuko Satani imukoraho, cyangwa ko haba ikindi, Imana yarababwiye iti: ‟Mugwire kandi mwuzure isi.” Ni byo, ariko Satani yinjira aha. Noneho, niba yari umuhungu wa Aburahamu, ubwo noneho ni he... Adamu yari umwana w'Imana umuturutseho uwo mwanya. Noneho mushobora gusa kongera kwambara kamere y'umubyeyi wanyu. Kandi iyo muvutse bushya, mwongera kwambara Kamere y'Umubyeyi wo mu Ijuru. Kandi Umubyeyi wanyu wo mu Ijuru ni ishusho y'Ijambo... Cyangwa, Ijambo ni ishusho y'Umubyeyi wanyu. Ubwo rero, ni gute mushobora kurihakana, ku bw'idini? Yoo! yoo yoo!

Nizeye ko mutazabibura. Nzi ko ari iby'Imana.

151 Yesu. Nguyu araje, amanuka; kandi aho, hari Yesu, ishusho y'Imana.

Noneho, ‟umugore”, we. Murebe neza. Imana yaravuze iti: ‟Kubera ko babikoze,” Yaravuze iti, ‟Nzashyira urwango hagati y'Urubyaro rwawe n'urubyaro rw'inzoko.” Si byo? Kandi Umugore ntagira urubyaro. Mwigeze mubitekerezaho? Agira umurima, si imbuto. Murabona, inzoka yari imaze kuhatera ‟imbuto” yayo kuri yo. Ni ukuvuga ko umugore atagira imbuto, igomba kugumana na we kugira ngo agire Imbuto.

152 Murabona, nyuma y'iyo mibonana mpuzabitsina, iturutse kwa Satani, inzoka, itarakururaga inda; yari ifite amaguru, ni uko yataye amaguru yayo. Yari iryarya kurusha ibindi, inyamaswa imwe gusa ishobora - ishobora kwihuza n'umugore.

Imbuto y'inyamaswa ntishobora kubikora, noneho, nta n'ikindi kintu. Baragerageje. Ntibigenda. Murabona, ubuzima bw'imbuto y'ikigabo ntizajya mu mugore. Ntibishoboka rwose.

153 Ariko ni cyo cyari gihari cyegereye cyane. Murabona, ntibashobora kubona ubwo bwoko buri hagati y'impundu n'umuntu. Murabona, buri bumwe, nkuko bwagumye kugira impinduka, kuva ku nyoni, no kugeza ku nguge, n'ibindi byose, kugeza ku mpundu, nyuma, hari kimwe ‟kibura”. Byari inzoka, ariko si inzoka tuzi; ishusho yose yari ifite yaratakaye, kubera ko yavumwe.

Noneho, Imana ntiyavumye Adamu; iba yarashoboye gukora ikintu kimwe, ariko Yavumye isi,‟ amahwa n'ibiti by'imishubi”.

Ntiyavumye Eva ariko Yavuze ko Adamu ‟azamutegeka”. Kuva ubu, ntakigerageza kubwiriza, cyangwa ikindi kintu cyose, ni Adamu umutegeka. ‟Iminsi yose yo kubaho kwawe, no mu mubabaro, kandi ni wowe uzazana ubuzima ku isi.” Ariko Yaravuze iti: ‟Nzashyira urwango hagati y'Urubyaro rwawe... ”

Noneho, ntiyarafite urubyaro, ntiyari yarigeze arugira, ni ukuvuga ko byabaye ngombya ko yakira Urubyaro rw'ahantu runaka. Imana yamuhaye Urubyaro, bitanyuze mu mibonano mpuzabitsina, ahubwo mu kurema.

Ntimushobora kubona, bantu bahumye, ko ari ibi u ‟urubyaro” rw'inzoka? Yoo! yoo yoo! Satani yahageze mbere y'Adamu; byari ibi u ‟urubyaro”. Ariko yakiriye Imbuto. Byari iki? Imana Ubwayo. ‟Yari itangiriro ryo kurema kw'Imana.”

154 Noneho murebe igihe Seti yavukaga, cyangwa Abeli, yari umuntu w'umukiranutsi, bivuye kuri se. Seti, ni kimwe. Ese ni hehe ubwo bwoko bw'umugome bwaturutse, umwicanyi, umubeshyi? Murabona, murabona aho bwaturutse? Byari ngombwa ko biba i ‟imbuto”, kubera ko byari imbuto; Kayini yari umuntu.

Yoo, bafite iki, abo bantu b'impumyi? ‟imana y'iyi si yabagize impumyi.” Kandi noneho, ntibitangaje, Yesu yaravuze ko nta muntu n'umwe ushobora kubibona. Murabona?

Muravuga muti: "Ese ni ukubera iki batabibona?"

Igihe kimwe, Yesu yabwiye umwigishwa we ati: "Mwahawe kumenya Ubwami bw'Imana, ariko bo ntibabihawe."

155 Kandi ni yo mpamvu muva mu bihumbi ijana na mirongo itanu by'ubwikube, murabona: "Mwahawe kumenya Ubwami." Mwumve, hari abantu baza kugeza muri Afurika y'Epfo, n'aho impande, muri iyi saha ikuze aho Umugeni yakozwe ngo yinjire mu Bwami.

Simfite rwose igihe gihagije. Murebe. Murebe neza, noneho, murabona.

Ese, noneho mushobora kubona u "urubyaro" rw'inzoka, aho, kubona ukuntu yabikoze? Mu buryo bworoshye biruzuye, murabona. Noneho, hari abavuze bati...

Noneho, nk'uwo muntu undi munsi i Tucson, wageragezaga... Ah, wenda azumva iyi bande. Ariko, niba ariko bimeze, nshuti yanjye, nashakaga kubabwira ikintu.

Igihe yavugaga ati: "Eva yaravuze ati," dore icyo bishingikirizaho, " 'Mpawe n'Uwiteka kubyara umuhungu, cyangwa mpawe n'Uwiteka kurema umuntu.' "Ariko, neza cyane. Imana ifite itegeko.

156 Mwumve, mufate imbuto noneho muyitere aha mu murima ahari ingano, noneho muhatere amahwa. Nta cyo bimbwiye cyane, izuba rimwe n'imvura imwe bitanga ubuzima kuri yo mbuto. Imana ifite itegeko, kandi iryo tegeko ntirishobora kwangizwa.

Nta cyo bimbwiye cyane niba u - niba u... umugore mubi cyane kurusha abandi mu mujyi n'umugabo mubi cyane, noneho nta gushyingiranwa, n'ibindi byose, niba bafite i - ihuriro, kandi bakaba babana noneho bakabyara umwana; uwo mwana yaza byanga byakunda bijyanye n'itegeko ry'Imana, kubera ko hatari ubundi buryo. Niba Atari ibyo, mwaba muhinduye Satani umuremyi, kandi aho yaba ari imana. Yoo, ni gute dushobora kuba impumyi cyane! Murabona, itegeko ry'Imana, nta gushidikanya. Mugize umwana,nta cyo bimbwiye cyane yaba ari Esawu, Yakobo, uwo ari we wese, cyangwa umuntu uwo ari we wese w'imyitwarire mibi, nubwo yaba Yuda, yazanywe byanga byakunda n'Imana. Imana ifite itegeko.

157 Bibiliya iravuga iti: "Izuba ricanira abakiranutsi n'abakiranirwa; imvura igwira abakiranutsi n'abakira-... " Abaheburayo, igice cya 6, havuga ko "i - imvura igwa cyane ku isi, kugira ngo iyuhire kandi iyitegure ku bw'ibiyihinzeho, murazi, kugira ngo ubuzima; ariko amahwa n'imishubi bitungwa n'amazi amwe, n'izuba rimwe." Mu by'ukuri, ni itegeko ry'Imana, gutuma buri mbuto yera, kugira ngo ritume buri mbuto ibyara. Ni ukuvuga ko byagombaga byanga byakunda gutanga "urubyaro" rw'inzoka. Kandi ntibyigeze na rimwe - na rimwe bihagarika Imana; byasohoje gahunda Yayo yuzuye, byayigize Umucunguzi. Impumyi iyo ari yo yose yashobora urebye kubibona, keretse bibaye bihishe. "imana y'isi" yarabibahishe. Byose biragaragara kimwe n'ibyo mushobora kubona byose. Ngibyo. Ngurwo, "urubyaro" rwanyu rw'inzoka. Noneho, murebe.

Ariko, "Yesu yari intangiriro yo kurema kw'Imana."

158 Noneho, ni iki umugore akora? Mu gihe, imbuto itangwa n'igitsina gabo. Mugerageze noneho kubihakana? Umugore ntafite ubuzima muri we, habe na gato. Agira gusa igi, ni ukuvuga umurima, aho. Ni nkaho mwafata umurima noneho mukawuhinga wose, noneho - noneho mugatera umuti hejuru, kugira ngo mukureho udukoko twose dutera indwara. Noneho nti - ntihagire n'icyatsi cyangwa ikindi kintu kihamera; noneho nyuma mukawushyiramo ifumbire, noneho mukabibamo imbuto nziza. Kandi, umwanzi aje noneho akabiba indi mbuto, itegeko rimwe ry'Imana rizeza imbuto zombi. Noneho, si ukubera ko Imana ari ko yabishakaga, murabona. Ariko byagenze bite?

159 Murabona, amasohoro y'ikigabo agira akaremangingo k'amaraso, ni ukuvuga amaraso. Mu maraso, hari ubuzima. Wenda mu... Narabyitegereje, mu kubangurira inyamaswa, n'ubwo bwoko bw'ibyo bintu. Mwene Data Shakarian na njye, twabonye ibyo byose, n'abadogiteri n'ibindi byose, twitegereje ukuntu bigenda, abahanga mu butabire. Murabona? Aho, hari intanga y'ikigore, kandi ni ikirundo cy'amagi. Aho, hari amasohoro y'ikigabo, kandi ni ikirundo cy'intanga.

Ibi, aho, mu buryo nta kuka ntiharimo intanga imbere. Ni ikintu gusa cyakuwe ku mugabo. Ni uko byaje aha, mu ntangiriro, kandi we ni umurima gusa. Aho, hari igi; hari umurima ufite ifumbire, kugira ngo wakire ubwo buzima. Kandi ubwo buzima bwikorera inzira imbere, burahanyerera. Ngubwo ubwiru, gute...

160 "Wenda," muzavuga muti, "noneho, ni iyambere ihura na ryo. Izindi zirapfa." Noneho, ni gute, ni nde ubifataho icyemezo?" Noneho, iyambere." Ese bizaba iriri imbere; igi rya mbere riri imbere n'intanga ya mbere? Oya, oya.

Bishobora kuba igi; riri mbere cyane, imbere, hagati neza mu masohoro, intanga izasohoka irisanganire. Birerekana ko hari ubwenge bufata icyemezo niba bizaba ikijuju cyangwa igikara; niba bizaba ikintu gito cyangwa kibyibushye, ikigabo cyangwa ikigore. Murabona? Ntimushobora, nta kindi kintu mushobora kuhakora; ntibizakunda. Mushobora kubivanga, n'ibindi byose, nta kintu na kimwe bizahindura. Ni Imana ibifataho ikimezo. Kandi nyuma y'umwanya, imbuto ntoya izanyerera imbere muri uwo murima,

w'iryo gi. Ifite nk'umurizo muto, kuri yo, winyeganyeza; uvaho, noneho ubwo uruti rw'umugongo rw'umwana rutangiye kwirema.

Ni iki ari cyo ubwo? Ntagira imbuto. Agira umurima wo kwakira imbuto. Ubwo rero...

161 Murabona, umwanzi yarasohotse. Mu gihe umubibyi mwiza yasohotse kubiba Imbuto nziza; n'umwanzi yaje inyuma ye, kubiba imbutu yangiritse. "Ariko imvura igwira abakiranutsi n'abakiranirwa; izuba." Ibyo byose bigomba kumera.

Yesu yaravuze ati: "Mubireke bimerane. Uwo munsi, uzabohwa, umurama." Kandi noneho, batangiye kwiboha, mu madini manini; barimo gukora igishishwa kinini, Ishyirahamwe ry'Amatorero ku rwego rw'Isi. Noneho iherezo ryabaye irihe? Bigomba gutwikwa. Ariko imbuto izajyanwa mu kigega. Murabona? Mu gihe byombi bibeshejweho n'ikintu kimwe, amazi amwe, imvura imwe.

162 Igiti gifite imbuto, cy'i - cy'ironji, kizatanga, byanga byakunda; kizatanga hejuru, niba ikibanguriyeho, ari urubuto rwa makomamanga (grenade). Kizatanga indumu. Kizatanga igipumpuzi. Murabona? Gusa ntibizaba ironji, nubwo bibaho ubuzima busa butangwa n'icyo giti cy'ironji.

Amadini yinjijwe muri Cep. Mu gihe biyita "abakirisitu", bakura ubuzima bwabo muri yo. Caiphe yariwe, muzi icyo yaricyo, kandi nyamara yaranahanuye. Murabona? Murabona, bakura ubuzima bwabo hariya. Yoo, nifuzaga ko twagira icyumweru, aho twashobora kubyiga tubyinjiyemo cyane, noneho tukabigaragaza ku buryo mu - mutabura kubibona. Noneho, ngiye kureka bimwe muri ibyo bintu ku ruhande.

163 Noneho murebe neza. Murebe, ibi biganza byakoze ibi ku bw'Umugeni Wayo Mukundwa, byakozwe n'urukundo ruhebuje ku bw'Umugeni Wayo.

Mwibuke ko Umwuka Wera wamanutse kuri Yesu, kandi Yesu yari igice cy'isi. Kubera iki? Imbuto y'Imana, Ubugingo bw'Imana, bwaremewe mu nda y'umugore (si byo?), wari isi. Byiza cyane. Kandi, ubwo, Ubugingo bw'Imana bwarinjiye, ni ukuvuga ko, "Yari intangiriro yo kurema kw'Imana". Murabona? Kandi, ubwo, ayo Maraso y'Imana, yari aho ku bw'iyo mbuto; igihe yamenwaga i Karuvari, yongeye kugwa ku isi. Kugira ngo akore iki? Kugira ngo acungure isi. Noneho, yaratsindishirijwe; yarogejwe; yarahamagawe kandi irabohozwa; noneho ubu igomba kwakira umubatizo wayo w'Umuriro, noneho ikezwa ku bwa Yesu n'Umugeni We.

Na mwe, muri ibyo bice bindi byakuwe mu isi. Isi, muri igice cy'isi; umubiri wanyu. Ubugingo bwanyu ni igice cy'Imana, ishusho y'Imana, yagaragajwe aha ku isi mu mubiri. Umubiri ugomba na none gucungurwa.

164 Noneho, ubugingo bwaracunguwe, kubera ko bwari mu cyaha. Ni ukuvuga ko Imana yamanutse, inyuze mu buryo bwo kubarwaho gukiranuka, bwo kweza, bw'umubatizo w'Umwuka Wera, kandi yacunguye ubugingo bwanyu.

Na mwe, nk'uko muri igice cy'isi, yacunguriwe aho. Muri mu nzira noneho. bikomeza kumera. Umubiri wanyu wabazweho gukiranuka munsi y'umubatizo wa Nowa. Amina! N'umubiri wanyu, igihe Wagwaga aho. Kandi isi igomba kwezwa n'Umuriro, ahantu muzaba, n'umubatizo w'Umwuka Wera; Ahantu ho gutura ku bwa Krisitu n'Umugeni We, Yerusalemu Nshya.

165 Mwitegereze uyu Murwa; isi, ni ku isi azashyira ubuturo bwe. Noneho, mushobora kubona neza, nk'uko nabivuze, i... izo mpinduka, isi igomba guhindurwa. Ntishobora kumugira nk'uko imeze. Itorero ntiryashobora... Cyangwa, isi ntiyashobora gukomeza gutyo, nyuma y'Ikinyagihumbi, nta guhindurwa. Murabona? Kugira ngo habeho Ahantu nk'aho hejuru, izagomba guhindurwa.Ni kimwe, na twe, tugomba guhindurwa n'Umuriro Wayo wera, kugira ngo dutegurwe kandi duhinduke ahantu Ashobora gukwirwa imbere muri twe; ni ukuvuga Umwuka Wera.

166 Murebe, noneho, hazabaho imyanya myinshi mu Isi Nshya. Yego. Murabona, imyanya myinshi! Izaba yamaze guhindurwa nshya, ni byo, n'Umuriro, ariko ntihazongera kuba ukundi inyanja. Murebe, Umurwa ukoze ishusho y'ikinyempande enye zingana n'ibihumbi ijana na mirongo itanu by'uruhande.

Noneho, mwumve mwitonze, mu gihe dushushanya ibi bipimo. Ni gombwa ko mpanagura ikibaho, akanya gato.

Aha, hari uguhishura kw'Imana gukomeye. Ngiye guhagarara. Nta na kimwe muri ibyo bindi... Nzavuga ku bisigaye, Umwami nabishaka.

167 Murebe noneho, isi ni... Noneho, nimufata Igitabo cy'Ibyahishuwe, mushobora kubona ukuntu yayipimye muri mikono no mu sitadiyo. Ibihumbi bibiri na magana tatu... Ni ukuvuga ko, aho, tubona ko u - Umurwa ukoze ishusho y'ikinyempande enye zingana cya "mayilo ijana na mirongo itanu" z'uruhande.

Muzi aho byagera? Narabipimye, iki cyumweru. Byagenda binyure muri Maine kugeza muri Florida,

kandi ku ruhande rw'inyanja ni kure cyane kugeza mayilo magana atandatu kuri, mu burengerazuba bwa Mississippi. Mu yandi magambo, kimwe cya kabiri cya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, neza ku bw'Uwo Murwa.

Muravuga muti: "Nta mwanya uhari."

168 Igihe inyanja izaba yashize, uzahaboneka, ubwo ingana hafi na bine bya gatanu bitwikiriwe n'amazi. Si byo? Guturika bizumisha inyanja, ibirunga by'isi bizaruka. Yoo! yoo yoo! Mwibuke, ishusho y'ikinyempande enye zingana cya mayilo ijana na mirongo itanu z'uruhande, mbega Umurwa! Kandi, ariko, mwibuke, inyanja izaba yaragiye.

"Kandi ubugari n'ubuhagarike birangana." Ari byo bikora mayilo ijana na mirongo itanu aha, mayilo ijana na mirongo itanu hariya; mayilo ijana na mirongo itanu; uburebure n'ubugari n'ubuhagarike. Mayilo ijana na mirongo itanu, mubitekerezeho, by'izahabu ibonerana. Kandi Uwo Murwa uzengurutswe n'urukuta.

169 Noneho, noneho, ntibishatse byanga byakunda kuvuga ko kubera ko bingana... Bivugwa ko: "N'inkuta n'urufatiro byanganaga", ntibishatse byanga byakunda kuvuga ko ari ikinyempande cya kibe cyangwa cya kare. Hari ikindi gipimo kijyanye n'ubumenyi bw'isi, gifite ibipimo bingana, ni piramide. Kare, (gifite impande zingana) "wari ufite ishusho ya kare", n'inkuta zaranganaga.

170 Ngiye kubishushanya. [Mwene Data Branhamu ashushanya ku kibaho. - N.D.E.] Murabona, uburebure, ubugari, ubuhagarike. Tugiye kugera ku kintu, tuzi neza ko kabiri, kabiri bingana na kane. Murabona? Murebe, ibipimo by'iyi mfuruka birangana neza, byose, uburebure n'ubugari n'ubuhagarike. Hari ikindi gipimo, piramidi, ibyerekana. Ibi, ubwo ari ko bimeze, byahura neza n'ikimenyetso cya Enoki muri Egiputa, piramidi. Si byo? Enoki, mbere yo kurimbuka kwa mbere y'umwuzure, igihe kubarwaho gukiranuka kwari kugiye kuza, yatanze ikimenyetso, kandi muri iyo piramide, hari intambwe zirindwi zigera mu cyumba cy'umwami. Murebe neza, ku ntambwe ya karindwi, mubaye mwarize ibipimo bya piramide, abigira imbere kugira ngo bafate uza, no kumujyana imbere y'umwami. Murebe neza uwufite inshingano iri aho, kandi muzabona igihe murimo, muri piramide.

171 Noneho, Imana yakoze Bibiliya eshatu. Noneho, hari inyigisho kuri piramide idafite igisobanuro na kimwe, ariko hariho piramide y'umwimerere. Murabona? Murebe. Noneho, Imana, Bibiliya ya mbere... Yakoze eshatu. Ni ngombwa ko byose biba bitatu.

Yesu aza inshuro eshatu. Yaje, inshuro imwe, kugira ngo acungure Umugeni We, inshuro ya nyuma, kugira ngo afate Umugeni We; inshuro ya nyuma, hamwe n'Umugeni We. Murabona?

172 Noneho murebe ukuntu ari byiza. Murabona? Kandi muri iyo piramide hari intambwe zirindwi, kandi nyuma, icyumba cy'umwami. Kandi turi mu gisekuru cya karindwi cy'Itorero, mbere y'uko Umwami yicara ku Ntebe Ye. Kandi, mwibuke, piramide ntiyigeze na rimwe igira ibuye risoza ku gasongero.

173 Bibiliya ya mbere y'Imana yari mu ijuru, igice cy'ijuru gikoze uruziga (zodiaque); kiratangira kandi kizenguruka ibisekuru byose. Bwa mbere, mu ntangiriro za zodiyake, hari isugi; dore ukuntu Yaje, bwa mbere. Ikimenyetso cya nyuma cya zodiyake, ni ikimenyetso cy'Intare; Kuza kwa Kabiri. Neza mbere, hari amafi yabanguriwe, ari cyo gisekuru cya kanseri; ari cyo turimo ubu.

Hari piramide nyuma y'ibi, Enoki, wahamyaga neza. Ntitwabona igihe cyo kubisuzuma, ariko, umunsi umwe, hamwe no gufashwa n'Imana, nzabereka, bishushanya neza igipimo cy'igihe turimo ubu. Murabona? Murebe, ari ko iki gipimo kijyanye n'ubumenyi bw'isi dufite, aho, gifite ibipimo bisa, ntibishatse byanga byakunda kuvuga ko bigomba kuba ki - kibe. Murebe, ibi byahura n'ikimenyetso cya Egiputa... cyangwa ni cya Enoki muri Egiputa.

174 Mu gihe cyo kwezwa kw'isi, n'umubatizo wayo w'Umuriro, hazabaho kuruka kw'ibirunga, nk'uko isi izaturika, icyizatuma hasohoka Umusozi mu ishusho ya piramide. Murabona? Umwanya uhagije wo kubikora! Bizahinduka mu buryo bwuzuye. Ubuso bwose bizahindurwa. Murabyumva? Bizasohora Umusozi mu ishusho ya piramide.

175 Byaba neza bijyanye n'Ijambo, iyo biza kuba ari ko bimeze, kandi ni ko bizamera. Noneho, murebe, mu by'ukuri, muri Yesaya 65:25, aho tumaze gusoma, Yaravuze ati:

Ntibizaryana kandi ntibizarimbura hose ku musozi wanjye wera, ni ko Uwiteka avuga.

Yoo! "Umusozi Wanjye wose wera!" Mwibuke, ni buri gihe "Umusozi".

Iyo Imisozi iza kuba yose ihagaze neza, iringaniye, twashobora gusa kubona Umurwa tuwurebeye hanze... cyangwa imbere, twashobora gusa kubonera Intebe imbere; ariko, murebe, twayirebera imbere gusa.

Ariko noneho, turabona isezerano rya Yesaya 4:5. Tugiye kubisoma.

176 Murarambiwe? [Iteraniro riravuga riti: "Oya". N.D.E.] Oya, ntimunanirwe nonaha. Turi ku kintu ki - kihariye ubu, mu gi - gihe cy'ingira kamaro cyane - cyane, bikwiye ko mwabyumva aha. Ni uko nshaka kubigaragaza neza. Kandi nyuma, igihe tuzabigarukaho, nza - nzabereka, ubwo rero, icyo tu - icyo turi kuvugaho, icyo ari cyo, mu nyigisho itaha tuzakora aho hejuru, indi nshuro.

177 Yoo icyubahiro kibe icy'Umwami Yesu! Murebe neza, aha, ukuntu Amagambo adashobora gutsindwa. Noneho, murebe neza, aha muri Yesaya. Mbifite mu nyandiko aha, ninongera kubibona, mu kanya gato. Yesaya 4:5. Noneho mwumve, havuga Kuza k'Umwami, ukuntu abagore bazaba abantu batagira umuco. Yoo, yaravuze ati: "Abagore barindwi... " Mwumve. Tugiye kubisoma. Murebe, aho.

Uwo munsi abagore barindwi bazajya ku mugabo umwe bamubwire bati: Tuzitungirwa n'ibyokurya byacu kandi tuzajya twiyambika ubwacu, ariko uduhe kwitirirwa izina ryawe udukize urubwa rw'abantu!

Ni igehe cy'iherezo, aho turi ubu, gushakana, gutandukana, n'ubusambanyi, n'ibindi.

Uwo munsi ishami ry'Uwiteka rizaba ryiza rifite icyubahiro... Abiserayeli bazarokoka, imyaka yo mu gihugu izabaryohera cyane ibabere myiza.(Mbega ukuntu mwarokotse kurimbuka! Murabona?) Maze uzasigara i Siyoni n'i Yerusalemu wese, azitwa... (reka tubirebe) ... uwera, umuntu wese i Yerusalemu azandikwa mu bazima, murabona. Ubwo ngubwo Uwiteka azaba yuhagiye imyanda y'abakobwa b'i Siyoni ayimazeho, (mwibuke, ni Umugeni buri gihe, murabona) kandi azaba amaze amaraso muri Yerusalemu (ibi, ni abasigaye bo mu Bayuda, twongeyeho Umugeni, murabona)... ayamarishijeho umwuka w'urubanza, n'umwuka wotsa...

Igihe cyose ni ibi urubanza rw'Imana, igihe Aca urubanza Rwayo rwa nyuma. Irabahamagara, Irabatsishiriza, kandi Ikabazana mu gucungurwa; nyuma, urubanza Rwayo rukarwanira kuri mwe, noneho Umwuka Wera n'Umuriro bikabeza icyaha. Ubwo rero, mukaba muri Abayo.

Ibigenza kimwe hamwe n'isi, iyo Iyejesheje Umuriro, "kandi n'umwuka urimbura". Noneho murebe. Mwumve! Muriteguye?

Kandi hejuru y'ubuturo bwose bwo ku musozi wa Siyoni no ku materaniro yaho, Uwiteka azaharemaho igicu n'umwotsi ku manywa n'umuriro waka ukamurika... nijoro. Maza hejuru y'ibyubahwa byose hazabaho igitwikirizo.

178 "Umwami, uwo munsi, ku gasongero, azashyiraho Umuriro w'Umucyo uzatwika mu gihe cy'umunsi." Kandi kare cyane, haravuga hati: "Hazaba ubwihisho, ahantu h'umutekano, ubuhungiro." Murebe, bihuye neza n'icyo Bibiliya ivuga, neza. Inkuta zibaye zihagaze neza, ziringaniye, ntitwashobora kuwubona. Ni ngombwa ko haba hahanamye. "Umusozi Wanjye Wose wera... " "Azashyira uwo Mucyo kuri uwo Musozi, kandi uzapfundikirwa." Yoo, turaririmba iyo ndirimbo:

Yoo, uwo Murwa ku musozi w'i Siyoni,

Umugenzi, rwose ndayikunda;

Noneho, kandi muri ibyo bisekuru,

Igihe nzagera kuri uwo Murwa ku Musozi.

Murabona?

179 Murebe, ni ku gasongero ku musozi Sinayi Imana yamanukiye, igihe Yabwiraga Israeli mu Nkingi y'Umuriro. Yamanukiye ku gasongero k'umusozi, umusozi Sinayi.

Ku musozi w'Ubwiza, igihe Yavugaga iti: "Uyu ni Umwana Wanjye nkunda cyane; mumwumve!, Yamanukiye mu Nkingi y'Umucyo no mu mucyo ushashagirana, ku gasongero k'umusozi, imbere ya Petero, Yakobo na Yohana. Kandi, aho, Yagaragaye ari kumwe na Mose na Eliya, babiri; uwari warazamuwe, n'uwari yarazutse nyuma y'urupfu rwe. Icyubahiro!

180 Umurwa Mushya n'Isi Nshya; kurema gushya Umurwa ku Musozi, hamwe n'Intebe ku gasongero. [Mwene Data Branhamu ashushanya ku kibaho, mu gihe cy'ibika runaka bikurikira. - N.D.E.] Intebe, aha, hejuru, ku gasongero; n'abaturage, bari ku mpande, kuri uwo Musozi. Kandi urukuta rubikikije, rwari rufite imfatiro cumi n'ebyiri. Kandi buri rumwe muri zo rwari rufite ibuye ritatswe n'amabuye y'agaciro ryari riri muri Aroni, ibyari bihagarariye imiryango cumi n'ibiri ya Israeli. Kandi, mu miryango, bari bafite imiryango ine iriho neza nk'urusengero mu butayu, nk'ihema ryari mu butayu. Murebe buri umwe, wari ufite - wari ufite intumwa, ishatu kuri buri ruhande, intumwa cumi n'ebyiri. Buri... Kandi wari ufite mikono ijana na mirongo ine n'enye z'uburebure. Mikono ijana na mirongo ine n'enye, ni neza ibirenge magana abiri na cumi na bitandatu by'uburebere, ari byo bituma buri rimwe muri ayo mabuye ryari rifite hafi ibirenge makumyabiri by'uburebure, umutako ugizwe n'amabuye y'agaciro muri urwo rugi, wari ugize urwo rukuta rwari rukikije Umurwa.

181 Noneho wo, Umurwa, ntiwicaye ku gasongero k'urukuta, kubera ko umurwa wa mayilo ijana na mirongo itanu ntiwashobora kubikora. Mwinjira munyuze mu rukuta aha, nk'imiryango ya Yerusalemu ya kera. Binjiraga imbere, bambuka urukuta.

Kandi buri rumwe muri zo, hari imfatiro cumi n'ebyiri, kandi buri rumwe rwari rufite ibuye ry'agaciro rya emerode n'andi mabuye atandukanye, yari ahagarariye imiryango cumi n'ibiri ya Israeli. Kandi intumwa, buri imwe, hejuru y'urwo rugi runini rw'ibuye ry'agaciro rimwe gusa rinini, hari izina ry'intumwa. Kandi Yesu ntiyavuze ati: "Muzicara ku ntebe cumi n'ebyiri, kugira ngo mucire urubanza imiryango cumi n'ibiri ya Israeli"? Ni nde wabaga yicaye ku muryango, ngo ace urubanza, igihe binjiraga mu Murwa? Yoo! Yoo yoo! Ngibyo. Abami b'isi bazinjira mu Murwa bazahagarara imbere y'umucamanza w'intumwa, nk'uko Yesu yabisezeranije. Yoo! Yoo yoo!

182 Kuri iyo Ntebe, ku gasongero, kuri mayilo ijana na mirongo itanu z'uburebure, isi yose izabona Umucyo w'isi, Yesu, yicaye ku Ntebe ku gasongero k'isi, ku gasongero k'Itorero, ku gasongero ku musozi wa Siyoni; gafite mayilo ijana na mirongo itanu, kimwe cya kabiri cy'ingano ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, kandi uri hejuru cyane ku buryo dushobora kumubona ku isi yose, kuri mayilo ijana na mirongo itanu z'uburebure.

183 Kandi aho, ku nkuta hose, hazaba abacunguwe. Hazaba amazu ya zahabu itavangiye. Hazaba inzira, na za parikingi, n'ubusitani. Kandi Umugezi w'Ubugingo usohoka, utemba uva ku Ntebe, kandi utemba nk'imigezi mito binyuze muri ayo marembo kandi, yoo, kuri ayo materasi. Kandi Igiti cy'Ubugingo kizarabiriza muri buri rugo; kandi Kizera imbuto Zacyo; inshuro cumi n'ebyiri mu mwaka, urubuto rushya buri kwezi. Kandi abami b'isi bazahinjira kugira ngo bazane icyubahiro cyabo. "Kandi ibibabi bizagira umumaro mu gukiza amahanga", igihe abami bazabaho mu mahoro aho. Igihe bazasohoka, bazasoroma igiti, ikibabi gutyo. Nk'uko inuma yaje, igihe umujinya w'Imana wari umaze gutuza, kandi ikazana ikibabi cy'igiti mu nkuge. Ubwo rero, igihe umwami azigendera, amaze kuzana ubwiza bwe mu cyumba cy'Umukwe, aha mu Murwa, azaha ikibabi umwami w'umuturanyi, kandi ati: "Turi mu mahoro iminsi yose." Amina! Gukira kw'amahanga!" Byose biri mu mwanya. Kera, twarwanaga ku bw'amaraso hagati yacu, mwene Da. Kandi twarakunze, kandi tuvuga n'ijwi rirenga; kandi turarasa, tunatwika abana, n'ibindi byose. Ariko ubu, hari amahoro, gukira." Si ugukira k'uburwayi; byararangiye neza. Gukira kw'amahanga! Amina!

184 Umurwa hamwe n'Intebe ku gasongero. Ibyahishuwe 21:23: "Kandi ntibakeneye umucyo, kuko Umwana w'Intama n'Umwami Mana ari bo Mucyo uhamurikira." Murabona? Umwami Mana ni iyo Nkingi y'Umuriro yakurikiye abana ba Israeli mu butayu. Kandi Yazamutse ku Ntebe, muri ubwo Bwami bwera... igihe igihe... " Ubwami Yesu azaha Data, kugira ngo Imana ibe byose kandi muri byose." Yesu yicaye ku Ntebe Ye aha, nka Yozefu wacu. Kandi Umwami ni We uwo Mucyo uzaba ku gasongero ku musozi wa Siyoni, kandi Umucyo We wera uzafata ku ngufu Umurwa wose. Aleluya!

185 Mayilo ijana na mirongo itanu z'uburebure, na mayilo ijana na mirongo itanu ku ijana na mirongo itanu, hamwe na paradizo z'Imana ahantu hose muri uwo Murwa; inzira, imihanda! Musome Ibyahishuwe byanyu 21, murebe niba atari byo. Murebe: "Ntibakeneye umucyo uwo ari wo wose, aho, kuko Umwana w'Intama ni Umucyo. Kandi dushobora kubona, yicaye ku Ntebe, kuri mayilo ijana na mirongo itanu.

Ntibizamuka gutyo, mu buryo bugororotse. Biramanutse, nka piramide. Niba byaratangagaga kimwe cya kabiri cy'intera, ubwo rero byaba nkaho byazamukaga gutya, murabona, uva ku murwa ujya ku wundi... noneho, niba mureba, ku ruhande rumwe rw'Umurwa ujya ku rundi.

186 Nshobora kongeraho ikintu gito, aha, niba mubishaka neza. Mwabonye agatsiko gato aha? Ni hafi icyo gice, umuzenguruko bitwikiriye. Mubitekerezeho, kuva Georgie, kuva Californie, ugera i Saskatchewan; kuva i Kansas, kugera ku ruhande rw'urutare rwa Maine; ngabo abateranye. Ni hafi abari aha, hafi ishusho y'ikinyempande enye zingana za mayilo ijana na mirongo itanu z'uruhande.

Yoo, bavuye iburasirazuba n'uburengerazuba,

Bavuye mu bihugu bya kure;

Mu munsi mukuru w'Umwami; kurya... (Iki? "Umuntu ntazatungwa n'umutsima gusa." N'Umutsima, n'Ijambo!)

Kurira ku meza Ye;

Mbega ukuntu abo bagenzi bahawe umugisha!

Mu isi, ngomba kuvuga, sinigeza na rimwe mbona abantu nka bo.

Yoo, twitegereza mu maso He hera

Hacanye Ubwiza bw'Imana;

Abafatanya bikorwa b'ubuntu Bwe,

Imitako y'izahabo y'ikamba Rye.

Yoo, Yesu azagaruka vuba,

Ubwo rero imibabaro yacu irarangiye.

Umwami aramutse aje none aha?

187 Ntibizaba birebire. Byose biri aho, birera.

Mu bijyanye n'ubumenyi bw'isi, Sodoma, intumwa; byose byari mu mwanya neza. Murabona? Bishatse kuvuga iki? Mubitekerezeho gato: tuje kuri iki Gicaniro gito, mayilo ijana na mirongo itanu ku ijana na mirongo itanu, ibipimo bimwe.

Ni gute bishoboka ko Imana yatekereje cyane kandi igahugira cyane kuri aho hantu hato, Palesitina, murabona, noneho ni akahe gace rwose gato cyane? Ariko ni aho neza hari urusengero. Ni aho Yerusalemu Nshya izubakwa, aho neza. "Elayoni, umusozi wa Elayone uziyasamo kabiri, uzitandukanya ujya iburyo n'ibumoso", nta gushidikanya, igihe izazamuka ijya hejuru, uvuye hasi. Si, bavuga ko bizafunguka bitewe n'imbaraga zo gusunika, gutya. Bizamuka bijya hejuru: "Muri uwo munsi, igihe Azahagarika ibirenge Bye byera ku Musozi." Murebe, ku Ntebe Ye, kuri mayilo ijana na mirongo itanu z'ubujyejuru!

188 Mwibuke, Satani yagerageje kumugerageza, inshuro imwe, ku gasongero k'umusozi. Murabona? Umurwa Mushya; ufite imfatiro cumi n'ebyiri, nk'uko tumaze kubibona, abakurambere cumi na babiri; mikono ijana na mirongo ine n'enye; ni umutako w'igituza cya Aroni; imiryango cumi n'ibiri y'amabuye y'agaciro, amazina cumi n'abiri y'abigishwa. Yesu arahagaze, Ibuye risoza, ku Ntebe, igihe abera Be bari bamukikije nk'ikamba "Umwami w'abami, Umwami w'abami". Kandi ni Ibuye risoza.

189 Simfite agakapu kanjye. Ariko nimureba mu gakapu kanyu, niba mufite inote y'idolari, hari ikirango cya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika hejuru, ikizu k'uruhande rumwe, gifite amacumu, ni ukuvuga ingabo; no ku rundi ruhande, hari piramide, n'ijisho rireba hejuru ku gasongero. Murabona, ntibari bazi icyo bakoraga. Kandi aho, handitse mu kiratini, kandi muzabona ko havuga hati, ni "ikimenyetso gikomeye". Ntibari bazi icyo bakoraga. Kayifa na we ntiyari azi ko yari arimo guhanura.

Ngicyo Ikimenyetso Gikomeye. Ni aha, murabona, Umurwa. Si kibe irambuye gutya, murabona, ahubwo uzamuka mu buryo bumanutse kugira ngo dushobore kuwubona. Kandi kuri uwo Musozi wera w'Umwami, Umwami azamanukira ku gasongero k'Umusozi We; Ari aha. Ngiyo impamvu ibuye risoza ritashyizwe aho na Enoki. Murabona? Ngiyo impamvu Ibuye risoza rigomba kuza noneho. Kandi Umusozi uzazamuka ujya hejuru, kandi uzaba Umusozi w'Umwami.

190 Kandi ni aha, imbere, Abacunguwe bazatura. Ibi, aho, imihanda n'imihanda minini inyuranamo, ni ukuvuga ndetse, parikingi, n'Umugezi w'Ubugingo uzanyuraho, uzatembera aho. Kandi buri nzu izaba ikozwe muri zahabu ibonerana. Kandi imihanda izaba ikozwe muri zahabu. Kandi ibiti by'Ubugingo bizaba bihari, kandi bizera amoko cumi na biri y'imbuto. Kandi abami n'abantu b'abanyacyubahiro b'isi bazazana icyubahiro cyabo n'ubwiza bwabo mu miryango. Kandi imiryango ntizafungwa nijoro, kubera ko aho ntihaba ijoro.

Muri uwo Murwa aho Umwana w'Intama ari Umucyo,

Muri uwu Murwa ahatari umwijima;

Mfite inzu integereje, aho hejuru hanze y'igihe,

Muri uwo Murwa aho Umwana w'Intama ari Umucyo.

191 Ntimubona ko ibyaro, imigi, amazu, ahaturwa, ha - habihamiriza noneho? Ibyo bintu byose karemano ni igicucu. Mufate igicucu, kiri kure, nk'ikiganza cyanjye. Mbere y'uko byashoboka kuhagira i - ikiri cyo ... cyangwa ikitari cyo, hagomba kuba ikiri cyo. Kandi, murabona, icyo gicucu, twavuga ko gifite intoki cumi n'ebyiri, ariko aho, iyo tucyegerejeho, gi - gihinduka kimwe gusa, kandi ubwo, igicucu kiyengera mu kiganza. Kandi ibi, ni, igihe cyinini, abantu batekereza ko hari Imana ebyiri cyangwa eshatu. Mureba kure cyane inyuma ku bugorozi bw'intangiriro. Murabona? Mukomeze kwigira imbere, noneho, kandi, mushake, mukomeze mwigire imbere kugeza habonetse Kimwe gusa. Neza.

192 Hari Umugeni umwe gusa; si cumi n'abiri, amadini. Ariko Umugeni umwe gusa, ni Abatoranijwe, bakuwe kuri buri... bakuwe ku - ku isi, bari barabigenewe, abashobora kumenya umwanya wabo mu Bwami.

193 Kuri iyo Ntebe, murebe, hejuru cyane! Umurwa Mushya; hamwe n'imfatiro; imiryango cumi n'ibiri; Yesu, Ibuye risoza; intumwa, zicira urubanza imiryango cumi n'ibiri. Piramide ya Enoki ntitanga igicucu ku

gihe na kimwe cy'umunsi. Nagiye muri Egiputa, kuri za piramide. Biri ahantu mu bijyanye n'ubumenyi bw'isi, kandi n'ibipimo by'iyo shusho y'ikinyempande, kugira ngo, aho izuba ryaba riri hose, hataba na rimwe igicucu cyazanywe impande za piramide. Murabona ukuntu bimeze? Kandi ntihazigera haba ijoro aho. Murabona, We, ku gasongero k'Umusozi, Awufatisha ubwiza Bwe. Umucyo We w'Ubwiza uzahaba igihe cyose. Aho, ntihaba ijoro. Yesu, Ibuye risoza!

194 Noneho, murebe. Ni ukuvuga ko, Abacunguwe bazagenda mu Mucyo. Noneho, turaririmba "Yego tuzagenda mu Mucyo". Hari ikintu muri twe gihamagara." Cyanyuze mu rupfu kijya mu Bugingo." Ni ukubera ko ibi, bidutegereje. Murabona? Iki ni cyo gihagarariye, icyo twumva.

Mu by'ukuri, ni aha... Muriteguye? Ni aha Umurwa Aburahamu yashakaga. Murabona? Nk'uko yari umuhanuzi, yari azi ko uwo Murwa wari ahantu runaka. Bibiliya irabivuga. Kandi yasize umugi yabagamo, noneho arigendera; murebe aho yagiye, neza aho uzaba. Murabona? "Yashakaga Umurwa Imana yari ibereye umushushanyi n'umwubatsi", murabona, ubwo yari umuhanuzi.

195 Yesu yagiye gutegura, hamwe n'ibiganza by'Imana, Umurwa w'Imana; Umwubatsi w'Imana, ku bwoko bwafashwe mu buryo bw'Imana, ku bwoko bwacunguwe. Yagiye gutegura. Aburahamu yarawushakaga. "Kandi yamenye ko yari umugenzi kandi n'umunyamahanga, kuko yashakaga Umurwa Imana yari ibereye umushushanyi n'umwubatsi." Uwo muhanuzi, wari azi ko wari ahantu runaka! Yohana yawubonye umanuka, ariko Aburahamu yatekerezaga ko wagombaga kuba ndetse ku isi. Kubera iki? Yari yarahuye na Melikisedeki, wari uwubereye Umwami, kandi yamuhaye kimwe cy'icumi. "Utari afite se, na nyina. Ntiyari afite itangiriro ry'ubuzima, cyangwa iherezo ry'ubuzima." Aburahamu yahuye na We, kandi basangiriye ahantu hanyaho aho Umurwa uzubakwa, Umusozi wera w'Umwami, aho Abacunguwe bazaba. Yoo! yoo yoo!

Igihe ntigihagarara kwigira imbere. Oya, turi mu gihe; nyuma y'igihe, tuzigira mu Iteka.

196 Yoo, Umusozi wera! Hazaba imihanda ya zahabu ibonerana, inzira; n'amazu, na za parikingi. Niba mushaka kubisoma, Ibyahishuwe 21:18. Igiti cy'Ubugingo kizaba gihari; imbuto z'amoko icumi atandukanye, rumwe buri kwezi, zizera hejuru. Abantu bazarya izo mbuto, bazahindura imirire ameze yose, yose. Kandi ni - ni ibya... bibikiwe abazanesha. Murabizi? Si ibyamadini. Muzavuga muti: "Mwene Data Branhamu, muratekereza mu by'ukuri?" Dufate Ibyahishuwe 2, akanya gato, kugira ngo tubirebe. Ibyahishuwe 2:7. Aho, tugiye kureba niba mu by'ukuri ari ukuri cyangwa atari ukuri. Ibyahishuwe 2:7, dore ibyo tuhasoma:

Noneho mwibuke, aho, Ntibwira Abayuda. Ibi, ni Itorero, abo mu mahanga.

Ufite ugutwi niyumve ibyo Umwuka abwira Amatorero: Unesha nzamuha kurya ku mbuto z'igiti cy'ubugingo kiri muri paradizo y'Imana.

197 "Gusa abanesheje, abazaba baranesheje inyamaswa, baranesheje ikimenyetso cyayo," ni ukuvuga inyigisho ya gaturika, inyigisho y'abaporetesita, imikorere y'amadini," abazaba baranesheje inyamaswa, ikimenyetso cyayo, inyuguti y'izina ryayo." "Azagira uburenganzira ku Giti cy'Ubugingo, ku kwinjira anyuze mu miryango aho nta kintu cyanduye kizashobora kwinjira." Murabona? Mubitekerezeho. Noneho, akanya gato, aho, nk'uko dukomeje rwose kwigira imbere cyane. Igiti cy'Ubugingo kizabikirwa abazanesha.

Ibibabi bizaba ibyo gukiza amahanga. Ni ukuvuga ko abami bazahaba bazahazana icyubahiro cyabo, igihe bazazana icyubahiro cyabo kandi bakagishyira imbere y'Intebe y'Imana. Kimwe n'abo hanze, imiryango icumi... imiryango cumi n'ibiri yazanaga, buri umwe muri yo, icyacumi kwa Levi, murabona. Igihe bazazana icyubahiro cyabo mu... mu gihugu gifite umugisha, aho, bazategera ikiganza Igiti cy'Ubugingo, kandi bazasohoka bari kumwe. Ntihakiri intambara. Byose biri mu mahoro. Amababi ni urwibutso, ku gukira kw'amahanga.

198 Icyo Giti kimwe, si nka Adamu, ha... Hari Igiti cy'Ubugingo mu busitani bwa Edeni, aba yarashoboye kurya iyo ataza kugwa. Icyo Giti cy'Ubugingo cyamwibutsaga, igihe cyose, ko ubusore bwe bushya... ubusore bwe bwagumagaho igihe cyose. Murabona?

Ikintu kimwe ku mahanga. Amababi azaba ari ayo gukiza ku mahanga; murebe, nta ndwara, aho. Mwagira uburenganzira bumwe nk'ubwo Adamu yari afite, nk'i (ikibabi) inuma n'ikibabi cy'igiti, ni ibyo... buri mwami afata ikibabi.

199 Murebe, Umugezi w'Ubugingo, uzaba ugizwe wenda n'utugezi twinshi. Noneho, muri iyo si... Ngiye kurangiza mu minota runaka, aho. Kuri iyi si... Cyangwa, ngiye guhagarara. Nsigaranye ibintu nanditse na none, aho, paje mirongo itatu. Yego. Murebe. Muri ubu - muri ubu buzima, sinigeze ngira ikintu mbona kimara inyota nko kuba mu misozi no kubona, nk'uko nabibwirije undi mugoroba, uwo mugezi utemba, imbaraga zawo zitanga ubuzima. Murananiwe kandi mufite inyota, mureke mugwe hafi y'isoko nziza; harehare cyane, aho udukoko dutera indwara tudashobora kujya, harehare cyane, ku birenge ijana munsi y'ubutaka, amazi meza, y'umwimerere, atanga ubuzima atemba. Turabikunda. Ni gake. Noneho, ifite utugezi twayo twinshi tw'amazi atanga ubuzima. Iyo mufite inyota kandi murembye, noneho mukanwa

kuri ayo mazi meza atanga ubuzima, bi - bibafasha kubaho.

200 Ariko murebe aho Aya ava. Ku Ntebe, ngaho aho akura imbaraga zayo zitanga ubuzima. Ava munsi y'Intebe y'Imana, aho Imana yicaye.

Byose, iyi si yose, iyi si, aho tuba ubu; buri umwe, yaba umukirisitu cyangwa umupagani, buri umwe afite insengero. Mwigeze mubitekerezaho? Amatorero, byose.

Ariko Iri ntiriyafite. Bibiliya iravuga iti: "Kandi aho nta rusengero rwari ruhari. Ariko Umwami Mana n'Umwana w'Intama ni bo Rusengero." Umwana w'Intama ni Umucyo. Umwana w'Intama ni Urusengero. Umwana w'Intama ni Intebe. Umwana w'Intama ni Ubugingo. Ni We, urwo Rusengero. Murabona, izo nsengero zose zifite ikintu ziramya; ariko, muri uwo Murwa, ni Yo icyo kintu. Iri hamwe n'ubwoko Bwayo. Umucyo w'Umwuka Wayo wuhira Umurwa wa piramide.

201 Nka Petero na Yohana, ku gasongero k'umusozi. Umucyo watwikiraga agasongero k'umusozi, noneho Ijwi ryaravuze, ryaravuze riti: "Uyu ni Umwana Wanjye nkunda cyane."

202 Mu Byahishuwe 21:3 na 4: "Igicaniro cy'Imana kiri hamwe n'umuntu." Imana yashyize ubuturo Bwayo mu muntu, imucungura, muri ubwo buryo butatu. Noneho Imana izacungura isi noneho ishyire ubuturo Bwayo ku isi, hamwe n'abagaragu Bayo bo ku isi, Yakuye ku isi. Kandi ku bw'icyaha, yaraguye, ariko... Yagombye kubireka birakomeza. Ariko ubu, Yohereje Yesu kugira ngo acungure iyo si yari yarangiritse, ari yo na twe turimo." Aho, nta n'umusatsi umwe gusa w'umutwe wanyu uzarimbuka." Yesu yarabivuze. Yaravuze ati: "Nzamuzura ku munsi wa nyuma." Murabona? Kubera iki? Muri igice cy'isi.

203 Mwabonye, nakoze iki kiganiro gito cyo gutebya n'umugore wanjye wambwiraga ko nataye umusatsi wanjye. Namubwiye ko ntataye n'umwe.

Yarambwiye ati: "Iri he?"

Naramubwiye nti: "Aho yari iri mbere yuko nyigira." Aho yari iri, ikintu; aho yaba iri hose, irantegereje. Murabona? Ni byo. Nzongera nyifate, umunsi umwe.

204 Uyu mubiri ushaje, uzana iminkanyari kandi utakaza umwimerere, n'intugu zigondamye, n'amavi ababaza, na - n'umuhogo usaraye. Nta cyo bikora. Mushobora kuwuhamba mu Nyanja, ariko Impanda izankangura. Yego mugabo yego! Yego mugabo. Tuzahindurwa, umwe muri iyo minsi. Ndi umwe muri iyo si yacunguwe. Muri mu isi, ariko nta kintu muri kosimosi. Muri muri gahunda itandukanye, gahunda yacunguwe.

205 Murebe: "Igicaniro cy'Imana kizaba hamwe n'abantu." Murebe: "Ibintu bya kera byarashize." Iki, iki kintu, cyararangiye. Bishatse kuvuga ko Ijuru ryamanutse kugira ngo riturane n'abantu. Murabona? Ijuru n'isi byishyize hamwe.

Kimwe neza nk'uko Inuma yaje ku gice kimwe cy'isi, cyari Yesu; Yari umukungugu w'isi, umuntu. Imana, yaturutse muri iyo mbuto ntoya y'Ubugingo, n'imbaraga irema. Kandi Amaraso yari mu... Ubugingo bwari muri ayo Maraso bwarongeye buzamuka bujya ku Mana, ariko Amaraso yatembye ku isi, kugira ngo ayisabe.

206 Kubera Amaraso yinjijwe, n'akaremangingo kabyara kavaga kuri Kayini, murabona; noneho Agarukana n'ubushobozi burema, kimwe n'uko Yabikoreye Adamu, irema Adamu, dore Adamu wa Kabiri. Kandi binyuze muri ako karemangingo kashenjaguwe, aho, aho (icyaha) Kayini yashenjaguye ako karemangingo k'amaraso aho ku mukiranutsi, murabona, noneho, ako Karemangingo k'Amaraso aha... Mu by'ukuri, yari yishe Abeli, ariko Abeli yavutse mu nzira y'igitsina. Ariko Uyu ntiyavutse mu nzira y'igitsina. "Yari ikiremwa cy'Imana, intangiriro yayo", kandi Byacunguye isi. Kandi umunyu ngungu wa Kalisiyumu, n'umunyu ngungu wa potasiyumu, peteroli, n'umucyo wo mu kirere, bibagize, byaracunguwe. "Nta kibi kizakorwa ku musatsi n'umwe. Kandi nzamuzura ku munsi wa nyuma."

207 Nyuma iki? Imana imanukira gutura ku isi. Ibereye igice, umubiri Wayo Bwite. Yawuzuye ku bwo kubarwaho gukiranuka kwacu, kandi twabazweho gukiranuka mu kubyizera no kubyemera. Murebe mu kigereranyo, Yesu yahindutse... Mu kigereranyo, Yesu yahindutse umuntu; Imana... cyangwa yagenewe kera gufata umwanya we, kugira ngo aducungure, kugira ngo ibyo bintu byose abigire ibishoboka.

Murebe, hanze y'inkuta zawo nziza, z'uwo Murwa...

208 Noneho, ese murawubona, "Umurwa"? Murabona, ni Umusozi wera. [Mwene Data Branhamu ashushanya ku kibaho. - N.D.E.] "Ntibizaryana kandi ntibizarimbura hose ku musozi wanjye wera, ni ko Uwiteka avuga." Umurwa si kibe. Ni Umusozi. Kandi u - ubugari n'ibipimo n'ubugejuru, birangana, murabona; mayilo ijana na mirongo itanu nk'ibi, mayilo ijana na mirongo itanu gutya, mayilo ijana na mirongo itanu impande zose; na mayilo ijana na mirongo itanu by'ubugejuru. Ni ukuvuga ko muri make ari Umusozi munini, nka piramide, kandi Umurwa uri ku Musozi. Icyubahiro!

Ngizo, ngizo paradizo z'Imana, Umucyo w'isi, ubwo Bwami bwera. Si umunsi wa karindwi; uw'Iteka! Murabona? Si Ikinyagihumbi; Isi Nshya! Murabona?

209 Mu gihe inyura mu Kinyagihumbi, inyura mu nzira yayo yo kwezwa, ariko isigaje na none gutwikwa. Murabona? Ni uko, Amaraso yacunguye abantu, byerekana urwo rwibutso, ko ari... ko ikiguzi cyishyuwe, iyo myaka igihumbi. Ariko nyuma igomba kwezwa n'Umuriro; kimwe nuko na mwe, mwabibaye, intumwa Zayo z'uwo Murwa, intumwa. Ni ukuvuga ngo, mwapfa cyangwa mwabaho, ni iki bihindura? Yaza uyu musi, cyangwa Akaza mu myaka ijana, cyangwa mu myaka igihumbi, ibyo nzakora byose, ni ukuruhuka kugeza guhinduka kwanjye kugeze.

210 Ni ukuvuga ngo, abagabo bakuze n'abagore bakuze, ntimuceke intege. [Mwene Data Branhamu ashushanya ku kibaho. - N.D.E.] Niba muri ikiremwa aho hejuru, muri iyo shusho y'Imana; ibi, ni Imana; niba mugifite, niba muhagarariwe aha, ntimushobora... Muri mu kintu cy'Iteka. Kandi niba mwaranyuze mu munsi wa karindwi mujya mu wa munani, mwinjiye mu kintu cy'Iteka binyuze mu mubatizo w'Umwuka Wera, muri muri Iki. Noneho, niba mwishingikiriza gusa ku byiyumviro, cyangwa mu gikorwa cyo gusimbuka, cyangwa: “Nkora ibi. Nizihiza umunsi wanjye wa karindwi. Sindya inyama”, n'ibintu nk'ibi, byose bizarimbuka, mu buryo bwose. Murabona? Ariko Ibi ni byo by'Iteka. Murabona? Ibi ni byo by'Iteka, Umunsi mukuru nyuma y'umunsi mukuru w'ibicaniro. Murabona?

211 Umunsi mukuru w'ibicaniro wari umunsi mukuru wa nyuma, umunsi mukuru wa karindwi. Noneho, turamya munsi y'umunsi mukuru w'ibicaniro, igisekuru cya karindwi cy'Itorero.Mu Kinyagihumbi, tuzongera tube munsi y'umunsi mukuru w'ibicaniro, mu munsi wa karindwi.

Ariko, nyuma, nyuma y'umunsi wa karindwi, dufite Guterana Kwera, kugaruka mu kintu cy'Iteka. Gute? N'Uw'Iteka, Waje kuducungura kandi Watugaruye, watumye tumenya ko twari igice cy'Ibi.

Noneho, ese ni gute mumenya ko muri igice Cyabyo? Bitewe nuko Ijambo ry'igihe, isezerano ry'umunsi. Ni iki? Kugarurirwa, kugaruka ku munsi wa mbere, wa mbere. “Kandi azagarura imitima y'abana ku ya ba se”, kugarura kugarurirwa kwa pantekote y'umwimerere, si ibyiyumviro; kandi azagaragaza Umucyo w'umugoroba, Umwana umwe wigaragaje mu Mucyo wa mu gitondo, nk'uko byari byarasezeranijwe uwo munsi. Amina, amina! Turi he, nshuti zanjye, turi he? Dutegereje gusa kuva mu nzira, noneho, kugira ngo Ibyahishuwe 11 bikorwe... bibwirwe Abayuda; ni byo, Umuzamuko ugeze.

212 Murebe neza, hanze y'imiryango y'inkuta, ku buso bwose bw'Isi Nshya, amahanga azaba mu mahoro y'Iteka. Noneho iki? Abami bubashywe bazahazana icyubahiro cyabo. Ntihashobora kuba icyaha, aho. Ntihazongera kuba abagore bafite imisatsi yogoshe bazinjira muri uwo Murwa. Ibi, nshobora kubibizeza. Ntihazongera kubaho abazambara amakabutura, bazanwa isigara. Abahehesi, indaya, cyangwa ababeshyi, abasenga ibishushanyo, ibyo bashoboraga kuba byose neza, ntibazinjira muri uwo Murwa. Oya, ibi byose, bizaba birangiye. Ntihazongera kubaho icyaha. “Nta na kimwe mu byashobora kwanduza kwera kwaho kizahinjira.” Ni byo Yavuze. “Ibi byose byarashize, iminsi yose.” Murebe, mu, mirima yaho, n'impande zaho:

Idubu izagwa neza, n'isega izabana n'abantu bwayo;

N'intare izaruhukira iruhande rw'umwana w'intama;

N'inyamaswa y'agasozi izayoborwa n'umwana;

Iki kiremwa ndi cyo kizahindurwa.

213 Hamwe n'urwo rupfu rukora umurimo warwo mu mubiri wanjye upfa, ubusaza buje, nzahindurwa.

Mwumvise indirimbo? “idubu izagwa neza. Ikirura kizabana n'abantu.” Ntikizongera gusimbuka ukundi, gihagarara neza, kugira ngo kigerageze kubica. Kizajyana na mwe inzira zose. Ni nde uzabiragwa? Abacunguwe. Bizaba nde?

Murebe, ibyo nshobora gukora gusa, ni ukubigisha ibigereranyo byanjye, aho. Murebe, Mwene Data Lee.

214 Ni nde wasohotse ku isi nshya hamwe na Nowa, umuhanuzi? Abinjiranye na we mu nkuge. Si byo? Ni bo basohoka kugira ngo bagende hejuru. Murabona? Abinjiranye na Nowa, ku bw'ubutumwa bwe, ni abasohotse kugira ngo bagende ku isi nshya nyuma y'umubatizo wayo w'amazi.

215 Uwinjirana na Yesu ubu. Ese ni gute twinjira muri We? N'Umwuka umwe gusa; kandi Ni Ijambo. Muhinduka igice Cye. Ese ni ikihe gice Cye mugize? Ijambo ririho muri iki gihe, muzi. Muzasohokana na We mu Kinyagihumbi. Ni aho muzasohokera. Murebe, si igisekuru gishya. Ni igikorwa cyo kwimurwa!

Muravuga muti: “Yoo, Mwene Data Branhamu!” Yoo!

Murebe, niba Imana yarashoboye guhagurutsa Eliya kandi ikamuzamura, hari imyaka ibihumbi bibiri na

magana tanu, kugira ngo yongere imugarure bushya ku isi, kugira ngo abe umuhanuzi ku bayuda, ni kangahe Ishobora kubikorera Umugeni!

216 Nyuma y'uko Nowa asohotse mu nkuge, murebe icyabwiwe Nowa nyuma yuko asohotse mu mwuzure, nk'uko byagenze kuri Adamu kera. Nyuma yuko asohotse, ku isi nshya; yarabwiwe ati: "Mwororoke kandi mwuzure isi", nyuma y'umwuzure. Murebe, "yagombaga kubyara, kuzura isi", nka Adamu mu ntangiriro.

Noneho mushobora kureba neza aha. Noneho mwumve mwitonze cyane.

217 Adamu yagombaga "kororoka kandi akuzura isi". Si byo? Nowa yagombaga, nyuma yuko isi nshya, isi imaze kurimbuka, yagombaga "kororoka no kuzura isi". Murabyumva? Noneho ntimubona ko icyo "urubyaro" rw'inzoka ari cyo? Ni iki cyuzuye isi? Murabyumva? Byiza cyane. Murabona ukuntu Satani yageze kwa Eva noneho. Ni ku bw'ibi urupfu rwategetse isi kuva ubwo. Kandi ijuru, isi, inyamaswa, ikirere, byose byavumwe n'Imana ku bw'ibyo. Nguwo umuvumo, kubera ko Satani yageze aho bwa mbere. Yesu yaje kugira ngo ayicungure, ayigarure kuri Data. Kugira ngo abikore, Yahindutse igice cyayo; nk'uko maze rwose kubisobanura. Kandi ndetse kuri uwo mukungugu (igice Yesu yari cyo, Ubwe) cyacunguwe, binyuze muri We ibiremwa byose by'Imana byacungurwanye n'isi.

218 Yari Ijambo ryavuzwe. Twe twacunguwe, turi igice Cye. Ubwo rero, iyaba mwashoboraga kumenya! Murabona? Abafarisayo batekerezaga ko bari cyo. Ariko, murabona igishushanya cyanjye cya mbere, bari cyo gusa mu buryo bw'ubwenge. Ntibashoboraga kumenya Ijambo mu gihe ryagaragazwaga mu buryo bwuzuye imbere yabo. Baravugaga bati: "Uyu muntu ni umwuka mubi." Noneho, uyu munsi, dutuma badufata nk'abahanuzi b'ikinyoma. Dutuma badufata nk'imyanda yose dushobora gufatwamwo, n'abantu b'abanyedini, murabona, n'abantu bakomeye bafite impano. Murabona, ntibabyumva, ni ibyo. Murabona?

219 Umubatizo wayo w'amazi ntiwahagije mu kuyeza, n'uwabo ni uko. Kwezwa, Amaraso, byarayigaruye, byarayibohoje. Ariko umubatizo w'Umuriro warayejeje; nk'uko wabikoze ku Mugeni We. Nko kubarwaho gukiranuka, kwezwa, umubatizo w'Umwuka Wera.

220 Ntiyigeze na rimwe isezeranya kubyara ubwoko bushya, nk'uko nabivuze, ariko Yasezeranye gucungura iyari yarangiritse. Abari aba - abatoranijwe mbere, barabiragwa nk'uko Yabisezeranije. Kandi ni Imana idashobora guhinduka; ibi, turabizi.

221 Mwibuke, Imana yafashe Eliya, nyuma y'umuzamuko, noneho iramutwara, yongera kumushyira mu bwoko, kugira ngo afate umwanya we nk'umuhanuzi mu bwoko bwe; mu kanya gato cyane, Izabikora. Kandi Yamurindiye ubuzima, mu gihe cy'imyaka ibihumbi bibiri na magana tanu. Agomba kongera kugaragara.

222 Murebe na none, Yazuye Mose mu bapfuye. Igituro cye kiri he? Ese umuntu ashobora kukibona? Musome Igitabo cya Yuda. Murabona? Satani... Marayika ukomeye wahanganaga na marayika ukomeye, Satani, yaravuze ati, atinyuka... gusa" Umwami araguciye", igihe barwaniraga umubiri wa Mose. Kandi aha Petero, Yakobo na Yohana bari aho, bahagaze, bawureba, ku musozi w'Ubwiza, mu gihugu ndetse aho Umusozi ugomba guhagarara kugira ngo tuhature. Murabona?

Kandi Yaje kugira ngo ayicungure.

223 Murabona, hari Itorero ryazamuwe, noneho, rihagarariwe; hari abari basinziriye, bahagarariwe. Ibi biri he? [Mwene Data Branhamu ashushanya ku kibaho, mu gihe cy'ibika bikurikira. - N.D.E.] Mu Murwa; aho hejuru, ku gasongero k'umusozi. Murabona? Aho, hari Petero, Yakobo na Yohana, barebaga; batatu, nk'umuhamya. Hari Eliya, Mose na Yesu; nk'umuhamya w'Ijuru. Murabona? Hari Mose, wari warapfuye, wari warazuwe. Hari Eliya, wari warazamuwe, wari akiriho. Kandi bombi bari bahagarariwe bose kuri uwo musozi wera. Kandi, Yesu, Umucunguzi. Igihe Imana, hejuru Ye gutya, yamutwikirije igicucu cye, Yaravuze iti: "Uyu ni Umwana Wanjye nkunda."

224 Mwibuke, Yesu yaravuze ati, hafi umunsi umwe mbere y'ibi, Yaravuze ati: "Ni ukuri ndabibabwiye, hari abari aha ubu, batazabona urupfu, kugeza babonye Ubwami bw'Imana bwashyizweho mu mbaraga." Byari iki? Abapfuye bazutse n'abera bazamuwe, hamwe, bazamuwe hamwe bamusanganira mu kirere. N'Imana yari imutwikiriye n'igicucu Cyayo, kandi Yesu wari uhagaze aho muri icyo gicucu, ivuga iti: "Uyu ni Umwana Wanjye nkunda muri We ni Ho nishimira", gahunda y'Ubwami Bushya. Yoo, mwene Data, mushiki wacu!

225 Urupfu ntirubahindura. Urupfu gusa rutuma muhindura ubuturo. Murabona?

Mwibuke, Samweli, igihe yari yarapfuye kandi hashize imyaka ibiri ahambwe, yari ari muri Paradizo. Noneho umushitsi kazi wo muri Andori aramuzamura, noneho Sawuli aramumenya; kandi na we, noneho agwa imbere ye. Ntiyari yarahindutse na gato. Yagumye kuba wa Samweli, nyuma yo kumara imyaka ibiri apfuye, kandi yari akiri umuhanuzi. Yaravuze ati: "Ejo uzagwa ku rugamba, umuhangu wawe hamwe na we, kandi mbere y'iyi saha, ejo nimugoroba, uzaba uri kumwe nanjye." Kandi ni ko byagenze neza.

226 Murabona? Kandi igihe Mose azagaruka, na Eliya, Ibyahishuwe 11, bazaguma kuba abahanuzi. Aleluya! [Mwene Data Branhamu akubita ibiganza inshuro eshatu. - N.D.E.]

Kandi aho, mu Gihugu, Umurwa aho Umwana w'Intama abereye Umucyo, nzabamenya, Mwene Data McKinney. Nzabamenya, bwoko bwanjye, imitako yanjye y'izahabu y'ikamba. Igihe bazava iburasirazuba n'iburengerazuba, ugana muri uwo Murwa; igihe uzaba aho, mayilo ijana na mirongo itanu ku ijana na mirongo itanu, kandi Umurwa wubatse mu ishusho y'ikinyempande enye zingana. Igihe muzaba mwicaye aho ku Musozi wera, aho Imana yicaye ku Musozi, na Yesu ku Ntebe. N'impanda ya zahabu izavuga igihe Yozefu azigendera, kugira ngo yambuke Paradizo n'ibirenge, n'abana b'Imana bazapfukama kugirango bayiramye, bazi ko bacunguwe. Murabona? Amina! Aleluya!

Rimwe na rimwe ngira urukumbuzi rw'Ijuru,

N'ubwiza nzahabona;

Mbega ukuntu bizaba ibyishimo,

Nimbona Umucunguzi wanjye,

Muri uwo Murwa uhebuje wa zahabu!

Nagenewe uwo Murwa uhebuje

Umwami yateguye...

227 Yesaya yaravuze ati, muri Yesaya 9:6: "Gutegeka Kwe n'amahoro Ye ntibizagira iherezo. Ubutware buzaba ku bitugu Bye; Azitwa Umujyanama, Umwami w'Amahoro, Imana Ikomeye, Data wa twese Uhoraho. Kandi ubutware buzaba ku bitugu Bye; kandi gutegeka Kwe n'amahoro Ye bitagira iherezo." Ndetse n'inyamaswa ziri aho. Yoo! yoo yoo!

Idubu izagwa neza, n'ikirura kizabana n'abantu;

N'intare izaruhukira iruhande rw'umwana w'intama,

N'inyamaswa yo mu gasozi izayoborwa n'umwana;

Ariko nzahindurwa.

228 Iki cyaremwe ndi cyo, kizahindurwa, igihe uwo Munsi uzagera, kuko ndikugenda nsanga uwo Murwa. Nagenewe uwo Murwa uhebuje! Ndumvu Imbaraga zicungura mu mutima wanjye ubu. Niba atari ko bimeze, ubwo rero napfushije ubusa ubuzima bwanjye; nigishije abandi ibintu bipfuye. Ariko iyo ndebye noneho nkabona ko isezerano Yatanze uwo munsi, noneho nkaribona rihamirijwe; kandi nkabona iri teraniro riturutse kuri mayilo ijana na mirongo itanu ku ijana na mirongo itanu ryicaye aha, Iryatoranijwe ryahamagawe mu madini, no mu moko, no mu mahame, n'ibindi, ryongeye gushyirwa hamwe; mu gihe mbona Ijambo rihamirizwa, ndazi, nta gicucu cyo gushidikanya, ko imitako y'izahabu y'ikamba ryanjye izacana n'urumuri rwinshi kurusha ibintu byose biri mu isi, uwo munsi.

229 Hazaza igihe! Nshuti, ntituzateranira aha ku busa. Dutegereje gusa icyo gihe. Igihe kirakuze cyane, cyane, ariko na none Yesu aregereje cyane, cyane. Kandi, Ubwiza Bwe, burahebuje. "Bazamwita Umujyanama." Uwo Murwa, mushobora kuwubona? Ni aho Umugeni n'Umukwe bazaba, kugira ngo hatongera na rimwe...

230 Noneho, niba mubona ko bihebuje igihe dukora amajana ya mayilo mu ivatiri, kugira ngo twicare aha kandi turye Ijambo Ryayo, mu gihe ibi ari igicucu gusa, ni iki kizaba igihe tuzatura mu Murwa hamwe na We! Igihe nzaba umuturanyi wanyu wo ku muryango, kandi igihe tuzarya kuri ibyo biti, kandi tukagenda muri iyo mihanda, igihe tuzazamuka iyo mihanda ya zahabu tugana kuri iyo soko, tukanwa ku isoko, tukinjira muri paradizo y'Imana, hamwe n'Abamarayika bahagaze ku isi, turirimba indirimbo, yoo, mbega uwo munsi ukuntu uzaba umeze! Ni ukubiruhira. Umuhanda urasa n'uwumye, rimwe na rimwe urakomera, ariko, yoo, bizaba ari bike cyane igihe nzamubona, bike cyane. Ni iki amazina mabi n'ibintu bavuze, bizaba iki igihe nzamubona muri uwo Murwa uhebuje, uhebuje w'Imana?

231 Twubike umutwe.

Nagenewe uwo Murwa uhebuje

Umwami wanjye yateguriye Abe;

Aho abacunguwe bose b'ibisekuru byose

Bazaririmba bati"Icyubahiro!"

K'umuzenguruko w'Intebe y'Umweru.

Rimwe na rimwe ngira urukumbuzi rw'Ijuru,

N'ubwiza bwaryo nzahitegereza

Mbega ukuntu bizaba ibyishimo,

Igihe nzabona Umucunguzi wanjye,

Muri uwo Murwa uhebuje wa zahabu!

Ku kirwa cya Patimosi, Yohana yarawubonye! [Mwene Data Branhamu arizwa n'ibyishimo. - N.D.E.]

232 Yesu w'agaciro, ibi byiringiro, ibyiringiro byanjye ntibyubakiye ku kintu cyose cyo hase, Mwami. Ni mama w'umutima wanjye; uwo Murwa, Umwami ukomeye. O Mwami, hokugira n'umwe aha urimbuka, niba Ubyemeye. Reka twongere dusuzume ubuzima bwacu, uyu munsi, Mwami, mu gihe dutegereje Kuza k'Umwami. Aho, abo Bacunguwe bose, aho muri iyo sitade nini y'i Roma, aho abo bakirisitu baririwe n'intare, umukungugu uzahinduka umunsi umwe! Ntihazaba amarimbi ku buhaname bw'umusozi w'Ubwiza. Ntihazabaho ikamba ry'urupfu riziritse ku gifungo cy'urugi. Nta rira na rimwe rizawanduza. Oya, oya. Nta mugunguzi w'akanyatsi. Nta muraba uzarwanira kuri yo. Byose bizaba bihebuje, aho.

233 Dufashe, Mwami. Niba hari umuntu aha... wahamagariwe iryo Funguro ry'umugoroba ry'Ubukwe bw'Umwana w'Intama, muri iyo myaka igihumbi y'ubwami bw'Ikinyagihumbi, noneho nyuma no kwinjira mu Murwa igihe Ukwezi kwa buki kuzaba kurangiye. Ikinyagihumbi, ni Ukwezi gusa kwa buki. Nyuma We, Umugeni, ayobore Uwe... Umukwe ayobore Umugeni We mu Rugo. Ni kuri We. Umukwe We kuri We; Umugeni We kuri We. Yoo, Yagiye gutegura Inzu, kuva igihe Yarambagizaga.

Reka tube indahemuka ku Uwuri Ijambo, kuko Ni We Jambo. Nta cyo bivuze cyane uko abandi bagerageza kudusubizanya agasuzuguro, kutujyana kure Yaryo; Mwami nyegereza hafi cyane.

Kuko rimwe na rimwe ngira urukumbuzi rw'Ijuru,

N'ubwiza bwaryo nzahitegereza

Mbega ukuntu bizaba ibyishimo, igihe nzabona Umucunguzi wanjye,

Muri uwo Murwa uhebuje wa zahabu!

234 Ubuturo bw'igihe kizaza bw'Umukwe n'Umugeni! Aragarutse... [umurongo utariho ikintu kuri bande - N.D.E.] ... ku Ifunguro ry'umugoroba ry'Ubukwe; bizaba iminsi itatu n'igice. Nyuma agaruke, bushya, mu Kinyagihumbi, ku bw'Ukwezi kwacu kwa buki. Noneho nyuma A - Azagaragaza Umurwa. Nk'umukwe ujyanye umugeni we ku mpano ye itunguranye, nk'uko umugeni muto ahagarara aho, atangaye cyane, areba ubuturo bwe bw'igihe kizaza! Kandi ku bwo kwizera, uyu munsi, Mwami, turabubona hariya. Bizabera aha ndetse kuri iyi si. Warabisezeranije. Itorero Ryawe rigiye gucungurwa ryose, umwe muri iyo minsi. Kandi nyuma isi Yawe izacungurwa, ibisigazwa by'ibice. Ariko mbere na mbere Wacunguye ubwoko Bwawe, imibiri yabo ikozwe n'isi.

235 Dufashe, o Mana. Niba hari umuntu aha utabyizeye rwose, Mwami, babyakire noneho ndetse. Nzi ko byabaye birebire kandi hashyushye, ariko, nshuti, ntituzaba aha igihe cyose. Sinzaguma kuba umushumba wanyu. Tubyizere neza.

“Ese hari uburyo, Mwene Data Branhamu?” Yego, muhinduke igice cy'Ijambo, igice cy'Ijambo ry'Uyu munsi. Ntibishobora kuba igice cy'Ijambo ry'umunsi wa Mose; icyo gice, cyamaze gukorwa, byari ibirenge. Tugeze ku Mutwe ubu. Ibi, ni Krisitu. Si igihe cy'amaboko, aho muri Luther, oya. Ibi, ni igihe cy'Umutwe. Krisitu, Ibuye risoza, aza ku Mubiri.

236 Niba mutiyumva neza nk'uko bikwiye kuri iyo nsanganyamatsiko, aho mushobora, murashaka kuzamura ikiganza kugira ngo nshobore kureba. Reka abandi bose bubike umutwe. Imana ibahe umugisha.

Muvuge muti: “Muntekerezeho mu isengesho, Mwene Data Branhamu. Ndashaka cyane kuhaba! Si - sinshaka kubibura, Mwene Data Branhamu. Nda - ndasuzuma, ndakora ibyo nshobora byose, ariko munsengere ubu, murabishaka?” Imana ibahe umugisha. Mu gihe muri kubitekerezaho ubu, musenge gusa, muvuge muti: “O Mana... ” Ni mu mutima wanyu bwite. Murabona, niba mwumva ikintu gikurura, kidwinga mu mutima wanyu, ubwo rero ni ibyo. Ni icyo kintu kigerageza kwigaragaza.

Nagenewe uwo Murwa uhebuje

Umwami wanjye yateguriye Abe;

Aho Abacunguwe bose b'ibisekuru byose

Bazaririmba bati“Icyubahiro!” k'umuzenguruko w'Intebe y'Umweru;

Rimwe na rimwe ngira urukumbuzi rw'Ijuru,

N'ubwiza nzahitegereza;

Mbega ukuntu bizaba ibyishimo, igihe nzabona Umucunguzi wanjye,

Muri uwo Murwa uhebuje wa zahabu!

237 Data wo mu Ijuru, dufate ubu, Mwami. Reka Umwungeri Ukomeye, Umwungeri Ukomeye Umucunguzi, Umwungeri Ukomeye wasize Ubwiza, azi ko bimwe mu biremwa bye byari byarazimiriye muri ibyo bibaya bikomeye by'icyaha, aho isega n'i - inyamaswa byakabaye ako kanya byarariye iyo ntama ntoya; ariko Yasize koridoro za zahabu, Amanuka ku isi noneho Ahinduka umwe muri twe, kugira ngo ashobore kutwereka urukundo rw'Imana. Aho Yarababonye, bamwe mu madini, bamwe mu nzu izwi nabi, bamwe mu mihanda, impumyi, bamwe impande z'inzitiro no mu nzira, ariko Yacunguye buri umwe mu bo Data yari yaragennye ko Azacungura.

238 Kandi Yaduhaye umurimo, kugira ngo tubeho icyo gice cy'Ijambo ryo mu bisekuru byacu. Kandi turabona ubugorozi bukomeye bwa Luther, muri icyo gisekuru; n'ubwa Wesley; n'ubwa Pantekote. Noneho, dutegereje Ibuye risoza ry'Umurwa. O Mana, tuzi igisekuru n'isezerano twahawe ku bw'uyu munsi, nk'uko Ibi bigomba kugarurwa mu mwanya. “Umucyo wo ku mugoroba uzeza urubuto. Kandi bizabaho ko hazabaho umunsi utazashobora kuba amanwa cyangwa ijoro, twashobora kwita, ariko mu gihe cy'umugoroba hazaba Umucyo.” Uwo Mwana umwe w'Imana y'icyubahiro, wigaragaza mu mubiri w'umuntu aha ku isi, ubeshaho isezerano neza, wabaye impumyi mu maso y'abafarisayo n'abasadukayu n'abanyaherodiya, n'ibindi. Kandi uyu munsi byongeye kwisubiramo, Ijambo ryigaragaza kimwe neza nk'uko ryigaragaje. Ijambo, kumenya amabanga y'imitima, neza mu buryo bumwe nk'uko byari bimeze, nk'uko Ibyanditswe bibivuga, kandi Ntirishobora gukurwaho burundu. Dufashe, o Mana, kubisobanukirwa.

Fasha abazamuye ikiganza nonaha. Bakomeze umukandara cyane; bambare Ubutumwa bwiza bw'amahoro nk'inkweto; bambare ubwirinzi bwuzuye bw'Imana; bambare kasike; bafate ingabo yo kwizera; bajye imbere guhera uyu munsi. Bitange, Mwami.

239 Rwose igihe gito, tuzahamagarwa, ubwo noneho Umuzamuko uzaza. Rwose itsinda rito, nka Enoki, rizazamurwa. Nyuma, “abasigaye b'urubyaro rw'umugore, bitondera amategeko y'Imana,” Abayuda, “bafite ubuhamya bwa Yesu Krisitu,” Abanyamahanga, bazahigwa nk'imbwa, “kandi bazatanga ubuzima bwabo ku bw'ubuhamya bwabo”.

Ubwo rero, igitondo cy'ubwiza, mu gitondo cy'umuseso cy'Ikinyagihumbi, kugira ngo u - Ukwezi kwa buki kuzatangire. “Kandi ubwo abandi bapfuye ntibagaruka mu buzima kugeza ku iherezo ry'imyaka igihumbi.” Nyuma, nyuma y'imyaka igihumbi, habayeho Urubanza, icyerekana ko Kamu yari mu nkuge. Kandi Kamu aracyari aho mu basigaye. Abamwumvise n'abamujugunye bazagomba gucirwa urubanza. Noneho, bitange, Mwami, tutabarwa muri bo, ariko tube muri uwo muhamagaro w'Ifunguro rya nimugoroba ry'Ubukwe. Mu by'ukuri, tuzi rwose Yesu muri twe uyu munsi. Twinjirana na We; gusohoka mu isi, kugira ngo twinjire muri We. Twigire imbere muri uwo Murwa, dusohokane na We.

240 Ndashaje, Mwami. Nta bibwirizwa byinshi nshigaje kubwiriza. Ariko ndakwizeye nta gushidikanya. Ndashaka uwo Murwa, nk'uko data Aburahamu yabikoze. Hari Ikintu muri njye kimbwira ko uje. Ngerageza, ahantu hose, Mwami, gukwirakwiza Umucyo no kubahamagara. Ntihagire n'umwe muri aba, Mwami... Mbega ukuntu byari byiza, hari igihe, Wabimpishuriye. Ubuso bungana hafi na mayilo ijana na mirongo itanu, harimo rwose umwe aha na hariya, bicaranye uyu munsi, bateraniye ahantu hato, bategereje ko uwo Murwa uboneka. Turahamya ko turi abagenzi n'abanyamahanga. Turi abatifuzwa. Abapagani, isi, bahakana kandi bakaneguza izuru; amadini asuzugura, ariko ntidutuma tunyeganyezwa n'ibyo bintu. Duhindure igice cy'Ijambo, Mwami, tutanyeganyezwa. “Bizaba mu minsi ya nyuma.”Reka bibe twe, Mwami, tubarwe muri bo. Tubisabye mu Izina rya Yesu. Amina.

[Mwene Data Branhamu araruhuka. - N.D.E.]

Murabyizera? [Iteraniro riravuga riti: “Amina.”

-Tuzamure ibiganza nk'ibi.

Nagenewe uwo Murwa uhebuje

Umwami wanjye yateguriye Abe;

Aho Abacunguwe bose b'ibisekuru byose

Bazaririmba bati‟Icyubahiro!”

k'umuzenguruko w'Intebe y'Umweru;

Rimwe na rimwe, ngira urukumbuzi rw'Ijuru,

N'ubwiza nzahitegereza:

Yoo, mbega ukuntu bizaba ibyishimo,

igihe nzabona Umucunguzi wanjye,

Muri uwo Murwa wa zahabu!

241 Noneho, niba tuzabana muri uwo Murwa, noneho mufate ikiganza umuntu, muvuge muti: “Imana ibahe umugisha, mugenzi. Ese ni he muturutse? I Lousiana, i Georgia, i Mississippi? Nanjye nuko, ndi umugenzi.

N'ubwiza bwaho nzahitegereza

Mbega ukuntu bizaba ibyishimo,

Igihe nzabona Umucunguzi wanjye,

Muri uwo Murwa uhebuje wa zahabu!

Yoo, idubu izagwa neza,

N'isega izabana n'abantu;

N'intare izaruhukira iruhande rw'umwana w'intama, yoo, yego;

N'inyamaswa... izayoborwa n'umwana;

Noneho nzahindurwa,

nzahindurwa ikindi kiremwa, yoo yego.

Yoo, hazaba amahoro mu kibaya ku bwa njye umunsi umwe;

Yoo, hazaba amahoro mu kibaya ku bwa njye.

Ntihazongera kubaho umubabaro ukundi,

nta gahinda ukundi, sinzongera gucika intege;

Kandi hazabaho amahoro mu kibaya ku bwa njye.

242 Umwami wacu utagaragara, iki gitondo, azagaragara.

Kandi sinzongera kubona Bill Dauch w'imyaka mirongo icyenda.

Ntimuzongera kumbona ku myaka mirongo itanu.

Ahubwo nzahindurwa, uwo munsi.

Kandi igihe inyamaswa y'agasozi izayoborwa n'umwana;

Ariko nzahindurwa, nzahindurwa ikindi kiremwa.

243 Muzishima, si byo? Ntihazongera kubaho ukundi umusatsi w'imvi; ntugu zagondamye.

Ahubwo ubwiza, budapfa, buzaba buhari, busa na We, kugira ngo bucane n'urumuri rwinshi kurusha izuba. Yoo, birahebuje!

... ku bwa njye, o Mwami, ndasaba;

Ntihazaba agahinda, nta mubabaro ukundi,

nsinzongera gucika intege;

Hazaba amahoro mu kibaya ku bwa njye.

244 Ni ku bw'ibi turi aha. Ni bangahe muri mwe bakeneye imbaraga ku bw'urugendo? Imana ibiduhe! Ni bangahe muri mwe barwaye mu mubiri wabo, abasirikare bakomeretse? Cumi na babiri, cyangwa kurenga. Mwizeye ko Ari aha, Umwami utagaragara? Ibintu bigaragara; bitagaragara bigaragazwa n'ibigaragara. Uko Yari Ari ejo, ni ko Ari uyu munsi, n'iteka ryose, hatarimo umubiri ufatika. Noneho, niba ari Umwuka We wabibwirije anyuze muri njye, Azasohoza imirimo Yasohoje igihe Yari ari aha. Yoo, mbega ukuntu bihebuje!

Ngiye ku butaka bwasezeranijwe,

Ngiye ku butaka bwasezeranijwe;

Yoo, ni nde ushaka kujyana nanjye?

Ngiye ku butaka bwasezeranijwe.

Muri uwo mubande ucaniwe

N'Izuba ry'Iteka;

Aho Imana Mwana iganje ubuzira herezo,

Kandi akuraho ijoro.

Yoo, ngiye ku butaka bwasezeranijwe,

Ngiye ku butaka bwasezeranijwe;

Yoo, ni nde ushaka kujyana nanjye?

Ngiye ku butaka bwasezeranijwe.

245 Magana tanu bagiye mu mugezi hariya, umunsi wa mbere Marayika w'Umwami yagaragaye mu ishusho igaragara, kugira ngo ahamirize, nk'uko Yabikoze ku musozi Sinayi, nahuye na We. Nagiye mu mugezi, kandi amajana yaririmbaga iyo ndirimbo ku bw'umubatizo. Nguko uko Yaje, yamanutse, iyo Nkingi y'Umuriro mwabonye ku ifoto, aho; yamanutse, hafi cyane y'aha ku nkengero z'umugezi, noneho Yaravuze ati: "Nkuko Yohana Mubatiza yoherejwe nk'integuza yo kuza Kwe kwa mbere, ubu Butumwa buzaba integuza yo Kuza kwa Kabiri." Murabona? Ngibyo, murabona.

Yoo, ni nde ushaka kujyana nanjye?

Ngiye ku butaka bwasezeranijwe.

246 Iyo Nkingi y'Umuriro iri aha hamwe na twe. Ese murabyumva? Gusa Yaremeye bamwe muri twe ku bw'ikintu, n'abandi ku bw'ikindi. Niba mubishaka, nta gushidikanya na gato, kwizera ko ari muri iyi nyubako, nizeye ko Izabigaragariza. Ese bizaba bibahagije? Niba ntashobora gufata umuntu wese... Ni hafi amasaha abiri, ariko niba mu... Hamaze gukererwaho hafi isaha, ahubwo. Niba mwizera, ko Yamanuka kuri twe! Ukwizera kwacu kuri he? Murabona, mugomba kubyizera. Niba mutabishidikanyaho, nta kibazo, bizagenda. Nzi Ubwiza bw'Imana bwo Kubaho kwa Krisitu, Ari We Jambo. Kandi Bibiliya yaravuze iti: "Ijambo ri... rityaye nk'inkota ityaye amujyi yombi, kandi Riracengera kugera ku musokoro w'amagufwa, noneho rikarondoro ibitekerezo bi - biri mu mutima, Rigahishuru ibanga ry'umutima."

247 Mwumve. Turebe, sinari nzi ibyo bintu, hashize imyaka. Kandi igihe nabivugaga, ntabizi, murebe ibyo Yakoze. Yaravuze iti: "Noneho, uzafata ikiganza cy'abantu, kandi, ntuzagire icyo utekereza, uzavuge gusa ikintu ubwiwe. Vuga ko ari ikimungu, uko byamera kose." Nyuma Yaravuze iti: Hazabaho ko uzaba utagikeneye kubikora." Murabona? Murabona? "Izarondora ikintu ndetse kiri muri bo." Dufite ubwoko bwose bwo kwigana, turabizi, kugira ngo habeho hafi kuyobya Abatoranijwe, bibaye bishoboka. Murebe uko ibisigaye bijyana n'Ijambo, ubwo rero muzamenya niba ari ukuri cyangwa atari ukuri. Ariko Yesu ahora ari umwe ejo hashize, uyu munsi n'iteka ryose.

248 Abari hano bose barwaye, kandi bakaba bazi ko ntabazi, muzamure ikiganza, muvuge muti: "Nzi - nzi ko mutanzi." Yoo, ni ukuri, ndatekereza, ahantu hose. Ikintu kimwe gusa mugomba gukora, ni ukubyizera gusa.

Izere gusa, izere gusa,

Byose birashoboka, izere gusa.

Izere gusa, izere gusa,

Byose birashoboka, izere gusa.

249 Yesu yaravuze ati: "Ibyabaye mu gihe cya Sodoma, bizaba kimwe igihe Umwana w'umuntu azahishurwa ku isi ku munsi wa nyuma. Igihe Umwana w'umuntu azahishurwa, cyangwa Azihishura ku munsi wa nyuma." Noneho, si iminsi ya nyuma, iminsi yo hagati; umunsi wa nyuma, murabona, Azahishura. Kandi noneho, turi mu minsi ya nyuma. Sodoma ni ho iri neza, byose, intumwa, birasa neza.

Byagenze gute ku - ku basigaye bake bahamagariwe gusohokana na Aburahamu? Hari Umwe waje muri bo, mu mubiri w'umuntu; wagaragajwe mu mubiri w'umuntu, Yasangiye na bo, Yasangiye na bo ibyo kunwa, ibyo kurya bimwe baryaga, byose. Yahagaze hagati muri bo, Yazanye Ubutumwa. Noneho Yaravuze ati: "Ngiye gusohoza icyo kintu gikomeye."

250 Kandi Aburahamu yakomeje kwiga. "Ese ni ibi? Nashatse Umurwa. Ese ni hariya Umwami?"

Noneho Yaravuze ati: "Ese kubera iki Sara yashidikanyije kuri ibi?" Mu ihema, inyuma Ye. Aburahamu yaravuze ati: "Mwami Mana, Elohimu!" Kuko Yari yarondoye ibitekerezo bya Sara. Yesu yavuze ko bizisubiramo bushya igihe Azahishurwa ku munsi wa nyuma, Ibuye risoza ryinjira mu Mubiri. Ngo acungure aba... Ni abacunguwe, Aje gutwara Abe. Ari hano hamwe na twe.

251 Noneho, hari gusa ibiganza cumi na bibiri hafi, cyangwa kurenga, byazamuwe. Nizeye ko Imana ishobora gukiza buri umwe muri mwe. Ni byo. Nizera ko ari ko muri. Sinizera ko umuntu ashobora rwose kwicara ahantu nk'aha nta... mu gihe nk'iki, n'iki kirire, atazi, atazirikana ikintu runaka. Ndasha ko musenga. Ndashaka ko mubona ikitagenda kuri mwe, mu - mu - mu mutima wanyu, murabona, kandi mu gihe muri butangire gusenga, muvuga muti: "Mwami Yesu, hishura ibi. Nda - ndakubwira ikitagenda iwanjye. Kandi noneho ohereza Umwuka Wera Wawe kuri Mwene Data Branhamu, kugira ngo asohoze ibyo yavuze ko ari Ukuri, muri ubu Butumwa aho avuga kuri Wowe, uyu munsi, ubwo rero nzi ko bizaba Ukuri. Noneho, bimpishurire, Mwami. Mvugisha."

252 Noneho, byakwirakwiriye,bike aha, na hariya. Noneho musenge gusa, kandi mwizere gusa n'umutima wanyu wose ko Imana iri bubitange.

Noneho ndashaka ko mundeba, kandi mugasenga. Kimwe nk'uko Petero na Yohana bavuze bati: "Turebe." Yashakaga ikintu runaka, kandi yari yiteguye kucyakira. Kandi murashaka ikintu runaka, kandi nizeye ko mugiye kucyakira. Yaravuze ati: "turebe."

Yaravuze ati: "Ifeza n'izahabu, simbifite; ariko icyo mfite, ndakiguhaye."

Noneho, gukiza, simbifite. Ibyo byose biri muri Krisitu. Ariko icyo mfite, impano y'Imana, ndayiguhaye, ukwizera ko kumwizera. Noneho, mu Izina rya Yesu Krisitu, buri umwe muri mwe akire. Murabyizeye? Murabona? Niba ushobora kwizera!

253 Hari umudamu muto wicaye aha, arandeba. Yariraga, asenga hashize iminota. Ni ikibazo cya tiroyide (indwara y'ubuhumekero) arwaye. Simbazi. Muri umunyamahanga kuri njye. Ni byo, si byo? [Mushiki wacu aravuga ati "Ni byo neza." - N.D.E.] Ntimuri ab'aha. Muri ab'i Chicago. Madamu Alexander. Niba ari byo, mukore ikimenyetso cy'ikiganza. Noneho mugaruke i Chicago kandi mube mu buzima bwiza.

Ni iki yakozeho? Ikintu kimwe wa mugore wavaga amaraso yakozeho, ku nkengero z'umwenda We kuri We, si uwanjye.

Aha hari umudamu muto wicaye hagati mu kivunge, nshoboye kugera aho anyumva. Mwe mwazamuye umutwe muwuhindukiza ku ruhande. Simbazi. Muri umunyamahanga kuri njye, ariko murwaye igifu. Umugabo wanyu yicaye iruhande rwanyu. Afite ikintu kitagenda mu gutwi. Izina ryanyu ni Czap. Muri abanyamahanga kuri njye. Ntimuri ab'aha. Muri ab'i Michagan. Niba ari byo, mukore ikimenyetso cy'ikiganza. Mugaruke i Michigan, mu buzima bwiza. Ukwizera kwanyu kurabakijije. "Niba ushobora kwizera, byose birashoboka."

254 Hari umugore muto hariya, ufite ibibazo cy'umuhogo, yicaye kuri urwo ruhande, aho imbere, aturuka i Georgia, yambaye umweru. Mugaruke muri Georgia, mu buzima bwiza. Yesu Krisitu arabakijije. Ese murabyizera?

Umugore wicaye aho, undeba, ku mwanya w'imbere. Afite ibibazo bya sinusi, kwangirika kw'amagufwa. Niba abyizera, Imana iramukiza. Madamu Brown, mwizere n'umutima wanyu wose, Yesu Krisitu agiye... Muri umunyamahanga kuri njye, ariko We, Arabazi. Eh Yego. Murabyizera? Muzamure ikiganza. Ni ibyo.

Uryamye kuri ubu buriri. Mumubwire arebe aha. Amaze igihe kirekire ababara. Iyo nza gushobora kumukiza, nabikora, mugabo. Sinshobora gukiza. Si uw'aha; aturuka kure. Mwaturutse i Missouri. Ibibazo byanyu ni iby'imbere. Ariko niba mwizera n'umutima wanyu wose, kandi mukaba mudashidikanya, Yesu Krisitu ashobora kubakiza; kandi muzashobora gusubira i Missouri, mu buzima bwiza, noneho mutange ubuhamya bwanyu. Murabyizera? Ubwo rero, mubyakire, kandi mufate uburiri bwanyu noneho mutahe iwanyu. Yesu Krisitu arabakijije.

255 Ese murizera? Ibi, ni ikirango cy'Ubwiza bw'Umwami Uhoraho. Ese murabyizeye noneho n'umutima wanyu wose? Noneho, nta gushidikanya Yakoze impeta, impande zose muri iyi nyubako. Ese murabyizera n'umutima wanyu wose? Mwizera ko muri mu Bwiza Bwe? Noneho, ese mwizera kandi mukemera ko mugize igice cy'intumwa z'ubwo Bwami? Muzamure ikiganza. Yesu yaravuze ati: "Dore ibimenyetso bizaherekeza abizera. Nibarambika ibiganza ku barwayi, aba bazakira." Turi umwe ku wundi; muri igice cyanjye, ndi igice cyanyu; dukoze twese igice cya Krisitu. Noneho, hamwe, turambikaneho ibiganza.

Aha ndetse, umugore uri ku buriri yahagurutse, arikugenda, agarutse iwe kugira ngo abe mu buzima bwiza. Amina.

256 Buri wese, yakize, niba mubyizera. Noneho murambikaneho ibiganza, kandi muri icyo gice cya Krisitu.

Musengere umuntu mwarambitseho ikiganza, mu buryo mushaka.

Mwami Yesu, tuzi ko Uri aha. Uri Umwami wacu; Wigaragaza muri twe. Turagushimira ku bw'ubu Bwiza. Kandi, Mwami, Waravuze utu: "Nimubwira uyu musozi muti: 'Va aho', nta kubishidikanyaho; mwizeye ko ibyo mwavuze bizasohora, mushobora kubibona, mushobora kubona ibyo mwavuze."

Ubwo rero, mu kubaha iryo tegeko, mu kubaha Ijambo ry'Imana ridashobora gutsindwa, twe, nk'intumwa Zawe zaturutse kuri mayilo ijana na mirongo itanu ku ijana na mirongo itanu, nk'Umurwa, tubwiye Satani, umubi watsinzwe tuti: "Iherezo ryawe, ni ugutwikwa. Turi abahagarariye Umurwa ufite ishusho y'ikinyempande gifite impande enye zingana, Umurwa aho Umwana w'Intama ari Umucyo. Turi ishusho yagaragajwe y'Imana Ishobora byose, Yesu Krisitu yacunguye n'ubuntu Bwe."

Satani, sohoka, kandi uve ku murwayi wese uri aha, mu Izina rya Yesu Krisitu. Ibiganza byera byacunguwe, kubera ko byizera Ijambo kandi bikaba ari ibigaragaza igitekerezo cy'Imana, noneho ibyo biganza birambitse kuri bamwe no ku bandi. Ntigishoboye kubagumana. Sohoka, mu Izina rya Yesu Krisitu!

257 Noneho, mu Izina ry'Umwami Yesu, ubu, Ari aha. Ijambo Rye rivuga ko Ari aha. Kuhaba kwanyu no kwizera kwanyu bihamya ko mugize igice cy'abahagarariye. Ndetse n'ibipimo byose bijyanye n'ubumenyi bw'isi dushobora kwerekana, ni ibi. Mushobora kumenya ko muri abahungu n'abakobwa b'Imana bacunguwe? Muzi ko ibi, ari Ubuturo bwanyu? Ni ahagana kuri ibyo muri kujya. Ni ku bw'ibi muza aha, ni ku bw'ibi muza kuri Krisitu, murya Ijambo Rye. Kandi niba mumara umwanya nk'uyu, aha, rwose n'ibimuranga Bye byagaragajwe, ni iki kizaba igihe tuzinjira mu Bwiza Bwe? Yoo, bizaba bihebuje! Buri umwe muri mwe afite uburenganzira bwo gukiza abarwayi, kurambika ibiganza ku barwayi. Buri umwe muri mwe afite uburenganzira bwo kubatiza.

258 Niba hari aha umuntu utari wabatizwa mu Izina rya Yesu Krisitu, iriba rirafunguye.

Ni bwo buryo gusa kuri mwe bwo kuhagera, eh yego, ni ibi, ni ukubaha buri Jambo. Mwibuke, ni yo ntambwe ntoya gusa y'Ijambo, ku ntangiriro, yateje icyaha cyose ku isi. Yesu yaravuze ati: "Umuntu wese uzakura Ijambo rimwe kuri Ibi, cyangwa akongeraho ijambo, ntazinjira." Izina rye ntiri kiri mu Gitabo, akimara kubikora.

Kandi nta hantu muri Bibiliya ahari ho hose higeze habatizwa, mu Itorero, ukundi uretse mu Izina rya Yesu Krisitu. Niba mutarabatijwe muri ubwo buryo, mwaba mugize neza cyane mubikoze.

"Yoo," muravuga muti, "nta cyo bihindura." Kuri Eva, byahinduraga ikintu.

Satani yaravuze iti: "Yoo, nta gushidikanya Imana, uzi ko Imana... " Arika, Yarabikoze. Yari yarabivuze.

259 Yahaye Petero imfunguzo z'Ubwami, kandi icyaboshywe kuri Pantekote cyaboshywe by'igihe cyose. Ni yo mpamvu Umugeni yongeye kugaragara, inshuro ya gatatu; hagomba kuba Itorero ryahamagariwe gusohoka ku munsi wa nyuma, nk'uko ryabayeho ku munsi wa mbere, bidakuka. Igiti cyazamutse mu mizi yacyo, kugira ngo kibe Igiti cy'Umugeni, nk'uko yabikoze muri icyo gihe; umuyobozi w'umurimo w'Imana bundi bushya, nk'uko hashize ibyumweru bibiri mbivuze, ugomba gujyanwa muri uwo Murwa.

Imana ibahe umugisha. "Noneho ndizeye."

260 Satani yaratsinzwe. Irabizi. Iri ku isi, igenda nk'intare itontoma. Ntibizamara igihe kirekire mbere yuko birangira, ko bishira. Izi isaha yayo. Igenda nk'intare itontoma.

Ariko, mwibuke, Umwami w'Amahoro ari hafi; Imana Ikomeye. Umwubatsi wo kubaho kwanjye, Umwubatsi Wanyubatse uko ndi, Wabutse uko muri, ari aha. Niba ari Umwubatsi, Uzi guteranya inyubako, kuyishyira mu mwanya uko bikwiriye, ni nde uzi gukora neza cyane nk'Umwubatsi? Kandi Ari hano ngo abihamirize, Ari hano.

Noneho, biterwa n'ukwizera kwanyu. Mwizere, mwizere gusa!

Nagenewe uwo Murwa uhebuje

Umwami wanjye yateguriye Abe;

Aho Abacunguwe bose b'ibisekuru byose

Bazaririmba bati "Icyubahiro!" k'umuzenguruko w'Intebe y'umweru.

Rimwe na rimwe ngira urukumbuzi rw'Ijuru (igihe ibi byose bizarangira)

N'ubwiza nzahitegereza

Mbega ukuntu bizaba ibyishimo, igihe nzabona Umucunguzi wanjye,

Muri uwo Murwa uhebuje wa zahabu!

261 Mwibuke, ku rusengero, uyu mugoroba, hari bube gusangira. Niba mukiri aha mu mujyi, kandi mukaba mushaka kuza, bizadushimisha kubabona. Ni urwibutso by'ibyo tuzarya, umwe muri iyo minsi, hamwe na We.

Ndabakunda. Sinzi ukuntu nabisobanura. Ndatekereza ko muri umunyu w'isi. Kandi numva bavuga imyitwarire yanyu hanze, mu isi, ubwo byongera gutuma ngira ikizere kinshi muri mwe.

Ariko, mutekereze, iri tsinda rito rizaba, ari iry'igikundiro nk'uko turi, rizakwira imishwaro umwe muri iyo minsi. Tuzabirota. Ariko bibaye ko umwe muri twe apfa mbere yuko twongera guhura, tu...

Nzahura na mwe mu gitondo cy'umuseso, hafi y'inkombe zicanye z'umugezi

Igihe imibabaro yose izaba yarashize;

Nzahagarara hafi y'urugi, mu gihe imiryango izafunguka cyane,

Mu mpera z'uwo munsi muremure kandi uruhije w'ubuzima.

Nzahura na mwe mu gitondo, hafi y'inkombe zicanye z'umugezi,

Inshuro nyinshi, nza... ku nkengero z'umugezi, kandi, hamwe n'umunezero, ubushuti bwa kera nzabuhindura bushya,

(ubwo nzababona, nzabibuka)

Muzanyibuka mu gitondo cy'umuseso, mu kumwenyura nzagira,

Nzahura na mwe mu gitondo cy'umuseso, mu Murwa,

Umurwa wubatse mu ishusho y'ikinyempande enye zingana.

262 Ese murabikunze? “Kugeza igihe tuzahura!” Noneho, duhaguruke. Ambara Izina rya Yesu, mubitwemerere. Muramukunda? Ntibihebuje? Mwizeye ko ibi ari Ukuri? Ese ni hariya muri kujya, ku bw'ubuntu bw'Imana? Kugeza igihe tuzahagerera:

Ambara Izina rya Yesu, Nk'ingabo ikomeye; Kandi ibigeragezo nibiza,

Vugira mu matama iryo Zina ryera usenga, Ni byo bigomba gukorwa gusa,

kugeza igihe tuzongera kubabonera. Byiza cyane.

Ambara Izina rya Yesu,

Wowe, mwana w'agahinda;

Rizaguha ibyishimo,

Rijyane ahantu hose ugiye,

Izina rihenze, Izina ryoroheje cyane!

Ibyiringiro by'isi, ibyishimo by'Ijuru;

Izina rihenze, Izina ryoroheje cyane!

Ibyiringiro by'isi, ibyishimo by'Ijuru.

263 Noneho, nagombye kunyura hejuru Ubutumwa bwnjye. Umunsi umwe, niba Umwami abishaka, nzabigarukaho kandi nzavuga kuri izo “nzira”, nzongera mbifate, murabona, igihe tuzagira igihe cyinshi. Mwashakaga ko tutamara igihe kirekire. Uyu munsi, twabikoze. Harashyushye. Ariko, noneho, Imana ibahe umugisha. Nkunda kuririmba gutya. Umuturanyi aha yavugaga undi mugoroba igihe bakupaga indangurura majwi hanze, yaravuze ati: “Nakunze cyane Ubutumwa, ariko ni ukubera iki mwahagaritse izo ndirimbo nziza, murabona, hanze?” Ni ukuvuga ko, umuturanyi, igihe mwaba muri kumva iki gitondo, ndatekereza ko dufite abaturanyi beza cyane bari i Jeffersonville. Duparika imodoka zacu imbere y'inzu zabo, n'ibindi byose; nta cyo babivugaho; turakomeza gusa. Rwose, ubu turabashimiye. Yoo, mbega ukuntu bihebuje! Imana ibaherekeza noneho.

... Izina, Izina ryoroheje cyane!

Ibyiringiro by'isi, ibyishimo by'Ijuru.

Kugeza igihe tuzahura...

(Twubike umutwe. Umushumba agiye gusoza iteraniro,

rwose mu kanya gato. Imana ibaherekeze!)

... tuzahurira ku birenge bya Yesu,

(mu Murwa ukomeye, hafi y'Intebe)

Kugeza igihe tuzahura!

Kugeza igihe tuzahura!

Imana ibane na mwe kugeza igihe tuzahura.

... tuzahurira ku birenge bya Yesu,

(mu Murwa ukomeye, hafi y'Intebe)

Kugeza igihe tuzahura! Kugeza igihe tuzahura!

Imana ibane na mwe kugeza igihe tuzahura.

MESSAGE hub online

www.messagehub.info

Ibibwiriza bya

William Marrion Branham

"...mu minsi y'ijwi ..." Ibyah. 10:7